
**Ellen G. White**

# MINEYAPOLISI 1888

## Ni Iki Cyabaye?




"Inama Ya 27 y'Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi Yabereye I Minneapolis Mu Mwaka W'1888."

## Ijambo Ku Musomyi

Iki gitabo gikubiyemo raporo y'ibyabereye mu Nteko Nkuru Rusange ya 27 y'Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi yabereye I Minneapolis mu mwaka w'1888. Ingingo ikomeye cyane yaganiriweho muri iyo nama ni ubutumwa bwo *Gutsindishirizwa n'Ubuntu ku bwo Kwizera*, bugaragaza *Kristo Gukiranuka Kwacu*, nk'uko bwoherejwe n'Imana ibwohererereje Itorero Ryayo ryo mu gihe giheruka amateka y'isi. Nk'uko muzabibona muri iki gitabo, ntabwo ubwo butumwa bwoherererejwe itorero mu mwaka w'1888 nk'uko benshi bakunda kubivuga, ahubwo ubwo butumwa bwatangiranye n'igihe cya karindwi cy'Itorero ry'Imana cyiswe igihe cy'"Itorero ry'I Lawodikiya;" kuko mwibuke ko marayika w'itorero ry'I Lawodikiya ari na we wahawe inshingano yo kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwo mu Byahishuwe 14:9-13. Ellen G. White yaranditse ati, "Benshi baranyandikiye, babaza niba ubutumwa bwo gutsindishirizwa ku bwo kwizera ari ubutumwa bwa marayika wa gatatu, nanjye mbasubiza ngira nti: 'Ni ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu by'ukuri.'" *Ubutumwa Bwatoranyijwe, Vol. 1, p.429 (ingeri ya 2, 2016)*

Mu Nteko Nkuru Rusange yo mu mwaka w'1888, itorero ryagombaga gufata umwanzuro wo kwemera, kwakira, no kwamamaza ubwo butumwa kugira ngo Imana isohoze umugambi Wayo wo kuza gutwara itorero Ryayo. Muri gahunda y'Imana, ntabwo itorero ryagombaga kujyanwa mu ijuru ritabanje kurangiza umurimo yarihaye wo kuburira isi no kuyigezaho ubutumwa bw'imbabazi.

Nk'uko Yabikoreye abigishwa ba Yesu ubwo yabahaga inshingano nk'iyo yo kumenyesha abaremwe bose ubutumwa bwiza, Imana yari yaragambiriye ko iyo itorero ryemera kwakira ubutumwa bwo Gutsindishirizwa n'Ubuntu

ku bwo Kwizera kandi rikabwamamaza, Yari guhita iriha Umwuka Wera mu mvura y’itumba nk’uko yabisezeranye, maze isi igasarurwa. Nk’uko bigaragara mu Byahishuwe 14:14-20, ubutumwa bwa marayika wa gatatu buhita bukurikirwa no gusarurwa kw’isi.

Ellen G. White yaranditse ati: “Amateka y'Abisirayeli ba kera ni urugero rukomeye rw'ibyabaye ku Badiventisiti mu gihe cyashize. Imana yayoboye ubwoko bwayo mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu Kristo nk'uko yayoboye Abana ba Isirayeli ibavana mu Misiri. Mu mubabaro ukomeye, ukwizera kwabo kwageragejwe nk'uko ukw'Abaheburayo kwageragerejwe ku Nyanja Itukura. Iyo bakomeza kwiringira ukuboko kwari kwaragiye kubayobora mu byagiye bibabaho, baba barabonye agakiza k'Imana. Iyaba abafatanyije mu murimo wakozwe mu mwaka wa 1844 bari barakiriye ubutumwa bwa marayika wa gatatu kandi bakabwamamazanya imbaraga ya Mwuka Muziranenge, Uwiteka aba yarakoreye bikomeye mu mwete bakoranaga. Umucyo mwinshi cyane uba wararasiye isi. Abatuye isi baba baramaze kuburirwa mu myaka myinshi ishize, umurimo uheruka uba wararangiye kandi na Kristo aba yaramaze kuza gutwara ubwoko bwe.

Ntabwo byari ubushake bw'Imana ko Abisirayeli bazerera mu butayu imyaka 40; yashakaga kubayobora mu nzira itaziguye bagahita bagera i Kanani maze ikahabatuza nk'abantu batunganye kandi banezerewe. Ariko “ntibashoboye kwinjiramo kuko batizeye.” Ku bw'ubuhakanyi bwabo no gusubira inyuma kwabo barimbukiye mu butayu, havuka abandi aba ari bo binjira mu Gihugu cy'Isezerano. Mu buryo nk'ubwo, ntabwo byari ubushake bw'Imana ko kugaruka kwa Kristo gutinda bene aka kageni ngo abantu bayo bagume muri iyi si y'icyaha n'agahinda imyaka myinshi ingana itya. Nyamara kutizera

kwabatandukanyije n'Imana. Ubwo bangaga gukora umurimo Imana yabashinze, abandi barahagurukijwe kugira ngo bamamaze ubwo butumwa. Kubera imbabazi Imana ifitiye abatuye isi, Yesu atinze kugaruka kugira ngo abanyabyaha babone uburyo bwo kumva ubutumwa bw'imbuzi kandi bamuhungiremo umujinya w'Imana ugiye kuzasukwa.” *Intambara Ikomeye, p.328 (igitabo gito)*

Ku bwo kwanga kwakira no kwamamaza ubutumwa bwo Gutsindishirizwa n’Ubuntu ku bwo Kwizera, ari bwo “butumwa bwa marayika wa gatatu mu by’ukuri” nk’uko Ellen G. White yabyanditse mu magambo twabonye, itorero ryagize ibihombo bibiri bikomeye cyane:

1. Kubura Umwuka Wera mu mvura y’itumba ari byo byatumye isarurwa ry’isi, rikurikira umurimo w’ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ritaba mu gihe Imana yari yabiteganyije.
2. Gutinda kugaruka kwa Kristo, ari byo bitumye “abantu b’Imana baguma muri iyi si y'icyaha n'agahinda imyaka myinshi ingana itya.”

   Kandi ntimwibagirwe ko kuri ibi bihombo byombi hiyongeraho n’ingaruka zigendana na byo.

Dore umuburo n’inama duhabwa twebwe abatahiwe; Ellen G. White yaranditse ati:

“Abayuda bari bategereje Mesiya; ariko ntabwo yaje mu buryo bari biteze, kandi iyo aramuka yemewe nk’Uwasezeranywe, abigisha babo b’abanyabwenge bari guhatirwa kwemera ko bari barayobye. Abo bigisha bitandukanyije n’Imana, maze Satani akorera mu bitekerezo byabo abaganisha ku kwanga Umukiza. Aho kureka ibyo bibwiraga by’ubwibone, bafunze amaso yabo ngo batareba ibyahamyaga ko ari Mesiya; kandi ntibanze ubutumwa bw’agakiza bonyine, ahubwo banateye imitima y’abantu

kurwanya Yesu. Amateka yabo akwiriye kutubera umuburo ukomeye. Ntitugomba kwitega yuko mu gihe Uwiteka afitiye umucyo ubwoko Bwe, Satani azahagarara ntacyo akora ngo ababuze kuwacyira. Azakorera mu bitekerezo kugira ngo abatere urwikekwe n'ishyari no kutizera. Mureke twisuzume turebe niba tutanga umucyo Imana yohereje, kubera utaje mu buryo butunejeje. Mureke twe guhomba umugisha w'Imana bitewe no kutamenya igihe twagenderewemo. Niba hari abatari kubona umucyo ngo bawemere ubwabo, reka be kwitambika mu nzira ngo babuze n'abandi kuwubona. Reka he kuzavugwa amagambo kuri ubu bwoko bwahawe umugisha, nk'ayavuzwe ku bayuda ubwo babwirizwaga ubutumwa bwiza bw'ubwami ngo, "Ubwanyu ntimwinjiye, n'abashakaga kwinjira murababuza."

Imana ntishobora guhesha izina Ryayo icyubahiro binyuze mu bwoko bwayo mu gihe burimo kwigira ku bantu kandi akaba ari bo bwishingikirizaho. Intege nke bafite muri iki gihe zizakomeza kugeza ubwo Kristo ari we wenyine uzererezwa; kugeza ubwo, hamwe na Yohana Umubatiza, bazavuga n'umutima wicishije bugufi kandi bubashye cyane bati: "Uwo akwiriye gukuzwa, naho jye nkwiriye kwicisha bugufi." Nahawe amagambo yo kubwira ubwoko bw'Imana ngo: "Nimumwerereze, Umuntu w'I Kaluvari. Reka abantu bahagarare ahirengeye, kugira ngo babone Uwo ibyiringiro byabo by'ubugingo buhoraho bishingiyeho. Umuhanuzi Yesaya aravuga ati: 'Umwana yatuvukiye duhawe umwana w'umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye. Azitwa Igitangaza, umujyanama, Imana ikomeye, Data wa Twese Uhoraho, Umwami w'amahoro.' Reka itorero n'isi bahange amaso Umucunguzi wabo. Reka ijwi ryose rifatanye na Yohana kuvuga ngo: 'Nguyu Umwana w'intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi.'"

Isōko y'amazi y'ubugingo yafukuriwe abafite imitima ifite inyota. Imana iravuga iti: "Uwishwe n'inyota nzamusukiraho amazi, nzatembesha imigezi ku butaka bwumye." Imitima ishakana umwete umucyo kandi ikemerana ibyishimo umurasire wose umurikwa n'ijuru uvuye mu ijambo ryera ry'Imana, imitima nk'iyo yonyine ni yo izahabwa umucyo. Wa mucyo n'imbaraga bizamurikirishiriza isi ubwiza bw'Imana bizahishurwa n'Imana binyuze muri iyo mitima." *Ibihamya by'Itorero, Vol. 5, p.728,729*

Ibikubiye muri iki gitabo ni umwimerere w'inyandiko ya Ellen G. White nk'uko biri mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranijwe, Vol. 3, p.144 – 204; ni yo mpamvu dutangirana n'igice cya gatanu cyitwa "Amahame y'Agakiza," kuko ari cyo Ellen G. White yanditsemo raporo y'ibyabereye I Mineyapolisi. Ku butumwa bwatanzwe, nta jambo ryongeweho, nta n'iryakuweho, nta n'ubusobanuro bwacu twigeze dushyiramo. Icyo twakoze gusa ni ukubuvana mu cyongereza tubuhindura mu Kinyarwanda.

Ku musozo wa buri subi hari paje y'igitabo cy'umwimerere ayo magambo abonekamo. Izo paje zigaragara mu buryo bukurikira:

{3SM 144.1}: bisobanuye Ubutumwa Bwatoranyijwe, Vol. 3, paje 144 isubi ya mbere
{3SM 144.2}: bisobanuye Ubutumwa Bwatoranyijwe, Vol. 3, paje 144 isubi ya kabiri,
gukomeza n'izindi…

"Mu gihe cye Yuda azakizwa kandi Isirayeli azibera amahoro, iri ni ryo zina rya Shami rizitwa: UWITEKA GUKIRANUKA KWACU." Yeremiya 23:6

*- Abahinduye ubu butumwa mu Kinyarwanda*

**Ibirimo**

Ijambo Ku Musomyi ........ 2
Igice Cya Gatanu – Amahame y'Agakiza ........ 8
Intangiriro ........ 8
1. Amahame [y'Agakiza] Nk'uko Yagaragajwe na Ellen White Mu Myaka Ya Mbere y'Umurimo We ........ 10
2. Raporo Za Ellen G. White Ku Nama y'I Mineyapolisi. ........ 24
3. Kwibanda Ku Ngingo y'Agakiza – 1890-1908 ........ 69
Umugereka ........ 87

## Igice Cya Gatanu – Amahame y'Agakiza

### Intangiriro

Ibintu by'ibanze birebana n'agakiza bigaragazwa mu buryo bumwe cyangwa ubundi mu bitabo hafi ya byose bya Ellen G. White no mu ngingo nyinshi cyane zasohotse mu binyamakuru. Ibyigisho bya Bibiliya n'ibiganiro byo mu Nteko Nkuru Rusange y'I Minneapolis yo mu mwaka w'1888 byibanze cyane ku bigize agakiza kaboneka ku bwo kwizera Kristo gusa, kukaba ari ukuri kwari kwarirengagijwe n'abantu benshi, baba abagabura n'abakorerabushake. Igitabo cy'Ubutumwa Bwatoranijwe, Vol. 1, ku mapaji yacyo 51 ku gice kivuga "Kristo Gukiranuka Kwacu," hagaragaza uku kuri cyane nk'uko kwagaragajwe I Minneapolis. Mbega uburyo Ellen White yishimye ubwo yabonaga ukuri shingiro gukomeye kwo gutsindishirizwa ku bwo kwizera gushyirwa imbere muri iyi nama, kandi ananezezwa no gufatanya n'abandi mu kujyana ubu butumwa bw'umugisha mu matorero! Ubu ni bwo butumwa bwagaragaye cyane mu bibwiriza bye no mu nyandiko ze mu myaka yakurikiyeho, ariko kandi, buri gihe akabugaragaza mu buryo butabogamye. Ibi bishimangirwa n'ibyigisho bitandukanye bigize igitabo cya Ellen G. White cyitwa "*Faith and Works*" (Kwizera n'Imirimo), gikubiyemo ibibwiriza n'ingingo zasohotse kuva mu mwaka w'1881 kugeza mu mwaka w'1902. {3SM 144.1}

Icyi gice gikubiye hamwe ibyigisho bitatu birimo ukuri ku byerekeye kwizera n'imirimo. Icyigisho cya mbere cyibanda ku byavuzwe na Ellen White kuva mu mwaka w'1850 kugeza mu mwaka w'1888 bigaragaza byeruye uburyo yari ashikamye ku kugaragaza gutsindishirizwa ku bwo kwizera mu buryo butabogamye. Icyigisho cya gatatu kigaragaza ibyo yagiye atangaza, byerekana uguhuza

kw'inyigisho ze mu murimo yakoze wose. Hashyizwemo bicye gusa kugira ngo bitwibutse umurimo we mu kugaragaza uku kuri kw'ingenzi, ari ko mutima w'ubutumwabwiza. Icyigisho cya kabiri, giteye mu buryo bw'amateka, kigaragaza uburyo yabonye ibyabereye mu Nteko Nkuru Rusange y'I Minneapolis n'umurimo yakoze ku ruhande rwe, ufitanye isano n'ibyabaye, mu mezi yakurikiye iyo nama. Icyi cyigisho gitangirwa n'amagambo arambuye agaragaza ibyabaye nk'uko yabibonye. {3SM 144.2}

Abashinzwe inyandiko za Ellen G. White

# Icyigisho Cya 20

## Amahame [y'Agakiza] Nk'uko Yagaragajwe na Ellen White Mu Myaka Ya Mbere y'Umurimo We

[Icyi ni icyigisho cya 20 mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranijwe Vol. 3, ariko ni icyigisho cya mbere mu gice cya gatanu cy'icyo gitabo cyitwa "Amahame y'Agakiza"]

**Kura Amaso ku narijye uyahange Yesu – 1850.** Malayika yaravuze ati, "Mugire kwizera mu Mana." Nabonye ko benshi bakoresheje imbaraga nyinshi bashaka kwizera. Kwizera kuroroheje, uguhangeho amaso. Satani yagerageje gushuka bamwe mu bana b'indahemuka kandi yabateye kwirebaho bishakaho ikintu cyatuma bemerwa. Nabonye ko bagomba kwikuraho amaso bakayahanga ku byo Yesu yakoze kandi mu bukene bwabo no kuba badakwiriye bakishyira mu mbabazi Ze maze ku bwo kwizera bakavana ibibatunga n'imbaraga muri We. – *Ibaruwa ya 8, 1850*. {3SM 145.1}

**Mwishingikirize Ku byo Yesu Yakoze Byonyine – 1862.** Buri muntu wese mu bagize umuryango akwiriye kuzirikana mu bwenge ko dufite ibyagombwa byose byo kudushoboza kunesha umwanzi wacu ukomeye, kandi ko ku bw'amasengesho asenganywe umwete no kwizera kudacogora buri wese agomba kwishingikiriza ku maraso ya Kristo maze agasaba imbaraga ye ikiza. {3SM 145.2}

Imbaraga z'umwijima zigota umutima maze zikatubuza kureba Yesu, ndetse ibihe bimwe dushobora gutegerezanya agahinda gusa no kumirwa kugeza ubwo icyo gicu gihita. Rimwe na rimwe ibyo bihe biba biteye ubwoba. Ibyiringiro bisa n'ibibuze, maze kwiheba kukatwigarurira. Muri ayo masaha y'agahinda tugomba kwiga kwizera, kwishingikiriza ku mpongano yonyine, kandi mu buhanya bwacu bwose tukishingikiriza ku byakozwe n'Umukiza wabambwe akanazuka. Ntituzarimbuka nidukora dutyo – ntibishoboka! *Ibihamya by'itorero, Vol. 1, p.309,310 (1862)* {3SM 145.3}

**Ukuri Kugomba Kweza Ubugingo – 1869.** Mwenedata na mushiki wacu P bafite umurimo bagomba gukora kugira ngo batunganye urugo rwabo n'imitima yabo… Mwenedata P ntiyigeze abona kandi ngo yumve akamaro ka Mwuka w'Imana ku mutima mu guhindura imibereho, amagambo, n'ibikorwa. Imibereho ye ya gikristo yayihinduye umuhango ku rwego rwo hejuru. {3SM 146.1}

Yabonye inyigisho y'ukuri kandi arayemera, ariko ntiyigeze amenya umurimo wihariye wo kwezwa binyuze muri uko kuri. Inarijye yarazamutse. Iyo habaga hari ikivuzwe mu materaniro kidahuje n'uko abona ibintu, yavugaga amagambo yo gucyaha, atari ay'urukundo no kwicisha bugufi, ahubwo yabaga ari amagambo ahubukiwe kandi akomeretsa. Iyi mvugo ikakaye ntabwo ikwiriye gukoreshwa n'umukristo, cyane cyane wa wundi ugikeneye kugira ubunararibonye mu mibereho ye ya gikristo, kandi ufite amakosa menshi agomba gukosora. – *Manuscript 2, 1869*. {3SM 146.2}

**Imbuto Zituruka Ku Kwezwa Nyakuri – 1874.** Mwagundiriye ibitekerezo byo kwezwa n'ubutungane bitari ibya kwa kwezwa n'ubutungane bitanga imbuto nyakuri kandi nziza. Kwezwa si umurimo ukorerwa inyuma ku bigaragara. Ntabwo ushingiye ku gusenga no kuba mu materaniro cyane ahubwo kwezwa byigarurira imibereho ubwayo, bigahindura amagambo n'ibikorwa, kandi bigahindura imico. {3SM 146.3}

Birasa nk'aho hari imyanya y'ingenzi ikeneye gushyirwamo abagabo bejejwe by'ukuri, bafite Umwuka w'Imana. Kandi bakeneye cyane gutsinda inarijye kugira ngo imirimo n'imihati byabo bidateshwa agaciro n'ibintu bidatunganye byo mu mico yabo. – *Manuscript 6, 1874*. {3SM 146.4}

**Imico Itunganijwe Ya Enoki na Eliya – 1874.** Abantu bacye muri buri gisekuru uhereye kuri Adamu ni bo batsinze ukwangirika kwa Adamu kose kandi bahagarara bashikamye mu kugaragaza ibyo umuntu ashobora gukora n'uko ashobora kumera – mu gihe Kristo akoranye n'imihati ye, akamufasha kunesha imbaraga za Satani. Enoki na Eliya ni abantu nyakuri bagaragaza neza uko abantu bashobora kumera binyuze mu kwizera Yesu Kristo baramutse babihisemo. Satani yahungabanywaga cyane n'abo bantu b'indahemuka, abantu bera bahagaze bashikamye batanduye hagati mu kwangirika kw'imicombonera kwari kubakikije, bakuza imico yo gukiranuka, maze bahamywa ko bakwiriye kwimurirwa mu ijuru. Kubera ko bahagaze bashikamye micombonera no gukiranuka, bakanesha ibigeragezo bya Satani, ntiyashoboraga kubashyira munsi y'ubutware bw'urupfu. Yaratsinze ubwo yabashaga kuneshesha Mose ibigeragezo bye, kugira ngo ateshe agaciro imico ye y'intangarugero maze amuyobora ku cyaha cyo kwiha icyubahiro cyigenewe Imana imbere y'ubwoko bwa Isirayeli. – *Urwibutso n'Integuza, 03/03/1874*. {3SM 146.5}

**Kwizera n'Imirimo Mu Gakiza – 1878.** Imirimo yanyu myiza yose ntishobora kubakiza; ariko nanone ntimushobora gukizwa mudafite imirimo myiza. Buri kwitanga kose mukoze ku bwa Kristo kuzababera inyungu y'iteka ryose. – *Urwibutso n'Integuza, 21/03/1878*. {3SM 147.1}

**Kwizera Kristo Ni Ingenzi – 1879.** Wakunze Kristo, nubwo rimwe na rimwe kwizera kwawe kwagiye gucika integer kandi ibyiringiro byawe bikajya mu rujijo. Ariko Yesu ni Umkiza wawe. Ntabwo agukiza kubera ko utunganye, ahubwo ni ukubera ko umukeneye kandi mu kudatungana kwawe ukaba waramwizeyeye. Mwana wanjye, Yesu aragukunda. Ushobora kuririmba uti, "Munsi y'igicucu cy'intebe yawe ni nzibera amahoro; ukuboko kwawe konyine kurampagije,

kandi kurindwa kwacu kurizewe." – *Ibaruwa ya 46, 1879.* {3SM 147.2}

**Imirimo Yo Gukiranuka Irasuzumwa Mu Rubanza – 1881.** Rimwe na rimwe abagabura babwira abantu ko nta kindi bagomba gukora uretse kwizera; ko Yesu yarangije byose, ko imirimo yabo ntacyo imaze. Ariko Ijambo ry'Imana rivuga neza ko mu rubanza buri kintu cyose kizasuzumwa kitondewe, kandi ko imyanzuro izafatwa hashingiwe ku bihamya bigaragara. {3SM 147.3}

Umwe yahawe kuba umutware w'ibirorero icumi, undi bitanu, undi bibiri, buri wese agahabwa hakurikijwe uko yakoresheje impano yabikijwe. Imihati yacu mu mirimo yo gukiranuka, ku bwacu no ku bw'agakiza k'imitima, bizagira uruhare runini ku ngororano tuzahabwa. – *Urwibutso n'Integuza, 25/10/1881.* {3SM 147.4}

**Ibyiringiro Rukumbi Bya Ellen White Muri Kristo – 1881.** Mu gihe gishize ubwo nari nihebye, neretswe mu buryo buruseho iby'ibizahoraho. Nk'uko byari bimeze, najyanywe imbere y'intebe nini yera, maze mbona imibereho yanjye nk'uko igaragara ahongaho. Sinshobora kubona ikintu na kimwe nirata, nta gikorwa na kimwe nshobora kwishingikirizaho. {3SM 148.1}

Natakaga cyane mvuga nti, "Sinkwiriye, sinkwiriye kugiririrwa imbabazi zawe na nkeya Mana Yanjye." Ibyiringiro byanjye rukumbi biri mu Mukiza wabambwe akanazuka. Nishingikirije ku byo amaraso ya Kristo yakoze. Yesu azakiza rwose abantu bose bashyira ibyiringiro byabo muri We. – *Urwibutso n'Integuza, 01/11/1881.* {3SM 148.2}

**Gira Umwete Wo gutunganya Imico – 1882.** Ntidushobora kubona Uwiteka ngo tube amahoro, keretse imitima yacu idafite ikizinga. Tugomba gusa na Kristo. Buri gitekerezo cyose kigomba gushyirwa munsi y'ubushake bwa Kristo.

Nk'uko bivugwa n'intumwa nkuru, tugomba kugera "ku rugero rw'igihagararo cya Kristo." Ntidushobora kugera kuri uru rugero tudakoresheje imihati idacogora. Tugomba kugira umwete buri munsi wo kurwanya ibibi bitugaragaraho n'icyaha kiturimo, niba tugomba kugera ku mico itunganye ya gikristo. – *Urwibutso n'Integuza, 30/05/1882.* {3SM 148.3}

## Ingingo z'Ibanze Zagaragajwe Mu Nteko Nkuru Rusange Yo Mu 1883

**Ijambo ry'Ibanze:** Mu nama y'Inteko Nkuru Rusange yabaye mu mwaka w'1883 I Battle Creek, Michigan, Ellen White yigishije abagabura inshuro cumi n'eshatu zikurikirana mu materaniro ya mugitondo kandi anabwiriza inteko nkuru ku Isabato iheruka. Mu mwaka wakurikiyeho, ikinyamakuru cy'*Urwibutso n'Integuza* cyasohoye ibyo byigisho byose uko byakurikiranye. Ibyigisho bine muri ibyo, yabigaragarijemo amahame yo gukiranuka ku bwo kwizera, nk'uko bigaragara mu byatoranijwe muri icyi cyigisho. Icyigisho yatanze mu kindi gihe cyitwa "Kristo Gukiranuka Kwacu," ari yo ngingo yari igize umugabane munini w'ayo materaniro, cyasohotse bwa mbere mu gitabo cyitwa "Gospel Workers," cyo mu 1893, p.411, cyongera gucapwa mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranijwe, Vol.1, p.404 – 408 (Ingeri ya 2, 2016), no mu gitabo cyitwa "Kwizera n'Imirimo," p.35 – 39. – *Abakusanyije inyandiko.* {3SM 148.4}

**Kuwa Gatandatu, 09/11/1883 – Reba Kuri Yesu.** Muri icyi gitondo hari umwuka wo gusenga cyane twinginga Uwiteka ngo atwigaragarize mu mbaraga. Umutima wanjye wari ukangukiye gusenga mu buryo bwihariye, kandi Uwiteka yaratwumvise aduha umugisha. Ubuhamya bwatanzwe n'abantu benshi bari bacogoye kandi bumva ko kudatungana kwabo kwari kunini cyane ku buryo Uwiteka

atashoboraga kubakoresha mu murimo we. Iyi yari imvugo yo kutizera. {3SM 148.5}

Nagerageje kwerekeza iyo mitima kuri Yesu, we buhungiro bwacu, umufasha utabura kuboneka mu gihe cyose tumukeneye. Ntabwo ajya atureka kubera ibyaha byacu. Dushobora gukosa tukababaza Umwuka we, ariko iyo twihannye, tukamusanga n'imitima imenetse, ntabwo azigera atwirukana… {3SM 149.1}

**Ku Isabato, 10/11/1883 – Ngwino Uko Umeze Kose.** Nagiye numva ubuhamya nk'ubu: "Ntabwo mfite umucyo nifuza; ntabwo mfite ikintu cyo kumpamiriza imbabazi z'Imana." Ubuhamya nk'ubwo bugaragaza kutizera n'umwijima gusa. {3SM 149.2}

Mbese uribwira yuko ibikorwa byawe bizatuma ubona imbabazi z'Imana, kandi ko ugomba kubanza kwivanaho icyaha mbere y'uko wizera imbaraga ye ikiza? Niba iyi ari yo ntambara iri mu bitekerezo byawe, ndatinya ko utazigera ubona ubona imbaraga, kandi bizangira ucogoye. Nk'uko inzoka y'umuringa yamanitswe mu butayu, ni ko Kristo yamanitswe kugira ngo yireherezeho abantu bose. Abarebye kuri iyo nzoka bose, ari bwo buryo Imana yari yashyizeho, barakize. Ni ko no mu bunyacyaha bwacu, mu bukene bwacu bukomeye, tugomba "kureba maze tukabaho." {3SM 149.3}

Mu gihe tumenye ko ntacyo twashobora tudafite Kristo, ntabwo tugomba gucika intege; tugomba kwishingikiriza ku byakozwe n'Umukiza wabambwe akanazuka. Mutima ufite ibyaha kandi ucitse intege, reba maze ubeho. Yesu yasezeranye mu ijambo rye ko azakiza abamusanga bose. Reka tumusange twature ibyaha byacu, twere imbuto zikwiriye abihannye. {3SM 149.4}

Yesu ni Umukiza wacu uyu munsi. Arimo kutuvuganira mu cyumba cy'ahera cyane mu buturo bwera bwo mu ijuru, kandi azatubabarira ibyaha byacu. Bisobanuye itandukaniro rikomeye cyane mu by'umwuka niba twishingikiriza ku Mana tudashidikanya, nk'urufatiro rutajegajega, cyangwa niba turi gushakisha uko twabona gukiranuka muri twe mbere yuko dusanga Imana. Ikureho amaso uyahange kuri ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Ni icyaha gushidikanya. Gushidikanya guto cyane, iyo guhawe umwanya mu mutima, kujyana umutima mu kwishinja, maze bikazana umwijima mwinshi no gucika integer… {3SM 149.5}

Birasa nk'aho bamwe bumva ko bagomba kubanza guhabwa igihe cy'igeragezwa maze bagahamiriza Uwiteka ko bivuguruye mbere y'uko basaba umugisha we. Ariko bene iyo mitima ishobora no gusaba umugisha w'Imana nonaha. Bagomba kugira ubuntu bwe, n'umwuka wa Kristo kugira ngo yunganire intege nke zabo, nibitaba bityo ntibazigera bagira imico ya gikristo. Yesu akunda ko tumusanga uko turi – nk'abanyabyaha, abatagira kivurira, n'abanyantege nke. Tuvuga ko turi abana b'umucyo, ko tutari ab'ijoro cyangwa ab'umwijima; none se ni ubuhe burenganzira dufite bwo kuba abatizera? *Urwibutso n'Integuza, 22/04/1884*.

**Kuwa Kane, 14/11/1883 – Iyobokamana Nyakuri Risobanuye Guhuza n'Ubushake bw'Imana.** Bamwe bahora birebaho aho kureba kuri Yesu; ariko, benedata, mukeneye kwambara gukiranuka kwa Kristo. Niba mwiringiye gukiranuka kwanyu, muzacika intege; kubera ko muzaba mwishyize aho Satani arasa imyambi, kandi ubwo amahirwe n'imigisha muri kwishimira bizaba bimaze kurangira, muzasakirana n'intambara zikomeye. Murakonje cyane. Umurimo ucogojwe no kubura rwa rukundo rwagurumaniraga mu mutima wa Yesu. Mufite kwizera

gucye cyane. Mwizera bicye, ni yo mpamvu mubona bicye; kandi munyurwa n'insinzi ntoya cyane. Ni mwe ubwanyu mwishuka, kandi mukicara munyuzwe n'ubukristo bw'ubunyamuhango. Ibi ntacyo bizigera bibamarira. {3SM 150.2}

Mugomba kugira kwizera kuzima mu mitima yanyu; ukuri kugomba kubwirizanywa imbaraga ikomotse mu ijuru. Mushobora kugera ku bantu gusa igihe Yesu akorera mu mihati yanyu. Isōko iruguruye; dushobora guhemburwa, maze natwe tukabona guhembura abandi. Iyaba imitima yanyu yari ihinduwe n'ukuri gukomeye mubwiriza; ubukonje bw'umutima, kutagira icyo mwitaho, no kuba imburamumaro byakurwaho, kandi n'abandi bagerwaho n'imbaraga y'umwete wanyu no kudacogora. {3SM 150.3}

Iyobokamana nyakuri ntabwo ari ikindi kitari uguhuza n'ubushacye bw'Imana, no kumvira ibyo yategetse byose; kandi ibyo bituma tugira ubugingo bw'iby'umwuka, bikaduha gukiranuka kwa Kristo, kandi bigateza imbere ubuzima n'umunezero bituruka ku gukoresha ubushobozi bwacu buruta ubundi bw'ubwenge n'umutima. Ubutunzi budashira, ubwiza n'imigisha by'ubugingo buhoraho, tubihabwa hashingiwe ku bintu bitaruhije kugira ngo abakene b'impezamajyo n'abanyabayaha ruharwa babashe gushyikira impano y'agaciro kenshi. Icyo tugomba gukora ni ukumvira no kwizera gusa. Kandi amategeko y'Imana ntarushya; kumvira ibyo asaba ni ingenzi no ku bw'umunezero wacu muri ubu buzima. *Urwibutso n'Integuza, 27/05/1884*. {3SM 150.4}

**Kuwa Kabiri, 19/11/1883 – Murebe Maze Ubeho.** Mbega ukuntu hari abantu benshi bari gukora umurimo uvunanye kandi ukomeye wo kugenda mu nzira ipfuye y'ubutungane. Kuri benshi amahoro n'uburuhukiro by'iyi nzira y'umugisha birasa nk'aho ubu biri kure ugereranije n'uko byari bimeze

mu myaka yahise. Bareba kure cyane bashaka ikiri hafi yabo; bakomeza ibyo Yesu yagaragaje mu buryo busobanutse neza. Ni we “nzira, ukuri, n’ubugingo.” Inama y’agakiza yahishuwe neza mu Ijambo ry’Imana; ariko abantu bashakishije ubwenge bw’isi cyane kuruta uko bashakishije ubwenge bwo gukiranuka kwa Kristo. Kandi imitima yakabaye yararuhukiye mu rukundo rwa Yesu, yarashidikanyije, kandi igira ingorane ku bintu byinshi. {3SM 151.1}

Ubuhamya bwatanzwe hano ntabwo bugaragaza kwizera gukomeye. Ntabwo bikomeye kwizera ko Yesu azababarira abandi, ariko birasa n’ibidashoboka kuri buri muntu gukoresha kwizera kuzima ku giti cye. Ariko, benedata nshuti zanjye, mbese hari icyo bibunguye kugaragaza gushidikanya ubushake Kristo afite bwo kubemera? Mfite ubwoba ko mwishingikiriza cyane ku byo mwiyumvamo, akaba ari byo mugira igipimo. Murimo guhomba byinshi mu kugenza mutyo; ntabwo murimo gucogoza imitima yanyu gusa, ahubwo muri gucogoza n’imitima y’abandi babareberaho. {3SM 151.2}

Mugomba kwizera Yesu ku giti cyanyu, mugafata amasezerano y’Imana nk’ayanyu ubwanyu, niba bitabaye bityo, ni gute mushobora kwigisha abandi kugira kwizera kwera muri Kristo? Mwiyumvamo ko mwirengagije inshingano, ko mutasenze nk’uko mwagombaga gusenga. {3SM 151.3}

Birasa nk’aho muri kure ya Yesu, kandi mugatekereza ko ari we wabataye; ariko ni mwebwe ubwanyu mwitandukanije na we. Ategereje ko mugaruka. Azemera umutima umenetse. Iminwa ye yaduhaye ubwishingizi ko yifuza cyane guha Umwuka Wera abamumusabye kuruta uko ababyeyi bifuza guha abana babo impano nziza. {3SM 151.4}

Dufite ibikomere, twahumanijwe n'icyaha; mbese twakora iki ngo dukire ibibembe byacyo? Uko ubushobozi bwawe bungana kose, ivanemo guhumana kose k'urusengero rw'umutima, maze uhange amaso "Ntama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi." (Yohana 1:29). {3SM 152.1}

Niba uzi neza ubukene bwawe, witakaza imbaraga zawe zose mu kubugaragaza no kuganyishwa nab wo, ahubwo reba maze ubeho. Yesu ni Umukiza wacu rukumbi; kandi nubwo abantu benshi bakeneye gukira bazanga imbabazi yatanze, nta n'umwe mu bamwizera bakishingikiriza ku byo yakoze azigera areka ngo arimbuke. {3SM 152.2}

Kuki mwanga kuza kuri Yesu ngo mubone uburuhukiro n'amahoro? Mushobora kubona uwo mugisha muri iki gitondo. Satani akubwira ko ntacyo ushoboye, ko udashobora kwibonera umugisha. Ibyo ni ukuri; ntacyo ushoboye. Ariko erereza Yesu imbere ya Satani; [umubwire uti] "Mfite Umukiza. Ni we nizeye, kandi ntabwo azigera andekera mu rujijo. Mu izina rye rye ndanesha. Ni we gukiranuka kwanjye, n'ikamba ryanjye ry'ibyishimo." Mureke he kugira umuntu n'umwe wumva ko nta byiringiro byo gukira bigihari, kuko atari ko bimeze. {3SM 152.3}

Ushobora kubona ko uri umunyabyaha cyane udashobora gukira; ariko ni ku bw'iyo mpamvu nyine ukeneye Umukiza. Niba ufite ibyaha byo kwatura, witakaza igihe. Ibi bihe ni iby'igiciro cyinshi. "Nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose." (1Yohana 1:9). Abafite inzara n'inyota byo gukiranuka bazahazwa; kuko Yesu yabisezeranye. Mbega Umukiza mwiza! Arambuye amaboko ye ngo atwakire, kandi umutima we wuje urukundo uradutegereje ngo uduhe umugisha. *Urwibutso n'Integuza, 02/07/1884*. {3SM 152.4}

**Kwezwa gupfuye – 1885.** Hari umugabo umwe, umupasitoro utari umudivantisiti witwa Brown, ahari muramuzi. [Ellen White, yari arimo kuvugana n'abizera bo mu itorero ry'Abadivantisiti rya Santa Rosa muri California, ku itariki 07/03/1885, ababwira ibyabaye mu mwaka wari ushize, ubwo yari ari mu bwato avuye I Portland muri Oregon yerekeza I San Francisco muri California. – *Abakusanije inyandiko*]. Uwo mugabo yavugaga ko ari intungane. Yaravuze ati, "Inyigisho yo kwihana ntabwo ari iyo muri Bibiliya. Iyo umuntu aje ansanga akavuga ko yizera Yesu, mpita mwinjiza mu itorero, yaba abatijwe cyangwa atabatijwe; nagenjereje ntyo abantu beza benshi." Maze aravuga ati, "Kandi sinigeze nkora icyaha mu myaka itandatu." {3SM 152.5}

Arakomeza aravuga ati, "Hari abantu bamwe muri ubu bwato bizera ko twezwa n'amategeko. Hari umugore muri ubu bwato, witwa White wigisha ibyo bintu." {3SM 153.1}

Ibyo narabyumvise, maze ntera intambwe ndamusanga ndamubwira nti, "Brown, ba uhagaze gato. Sinshobora kwemera ko ayo amagambo agenda gutyo gusa. Madame White ntiyigeze na rimwe yigisha ibintu nk'ibyo mu nyandiko ye n'imwe, cyangwa ngo abwirize ibintu nk'ibyo, kuko ntabwo twizera ko amategeko yeza umuntu n'umwe. {3SM 153.2}

"Twizera ko tugomba kumvira amategeko bitaba bityo ntituzinjire mu bwami bwo mu ijuru. Uwica amategeko ntashobora kwinjira mu bwami bw'ubwiza. Ntabwo ari amategeko yeza umuntu, cyangwa ngo adukize; ahubwo amategeko ararangurura cyane ati, 'Nimwihane ibyaha byanyu kugira ngo bihanagurwe.' Maze umunyabyaha agasanga Yesu, kandi iyo umunyabyaha asezeranye ko azumvira ibyo amategeko asaba, Yesu ahanagura ibyo

yashinjwaga akamubatura, kandi akamuha imbaraga y'Imana." – *Manuscript 5, 1885*. {3SM 153.3}

**Umudendezo Wo Kwica Amategeko Ni Ikinyoma – 1886.** Muzumva abantu bavuga ngo, "Nimwizere gusa." Satani arizera kandi agahinda umushyitsi. Tugomba kugira kwizera gukorera mu rukundo kugatunganya umutima. Hari inyigisho yabaye gikwira ko Kristo yadukoreye byose, ko dushobora gukomeza gucumura amategeko kandi ntituzabibazwe. Ubu ni bwo bushukanyi bukomeye cyane kuruta ubundi umwanzi yateguye. Tugomba guhagarara dushikamye kandi ntituzigere twice amategeko ku kiguzi icyo ari cyo cyose, kandi tukaba dufite ibya Mwuka kgira ngo tubashe kubyigisha n'abandi. – *Manuscript 44, 1886*. {3SM 153.4}

**Imbaraga z'Imico Tubona Binyuze Muri Yesu – 1886.** Kristo yari azi ko umuntu adashobora kunesha atabonye ubufasha Bwe. Bityo yemeye kwiyambura ikanzu ya cyami maze ubumana Bwe abwambika ubumuntu kugira ngo tube abatunzi. Yaje muri iyi si, arababazwa, bityo azi uburyo bwiza bwo kudufasha no kutwunganira kugira ngo tuneshe. Yaje guha umuntu imbaraga z'imico, kandi ntiyashoboraga gutuma umuntu yibwira ko ntacyo afite agomba gukora, kubera ko buri wese afite umurimo agomba gukora ku giti cye, kandi binyuze mu byo Yesu yakoze dushobora kunesha icyaha n'umubi. – *Manuscript 46, 1886*. {3SM 153.5}

**Iyobokamana Ryo Kwiyemera Rikerensa Icyaha – 1887.** "Nzabaha umutima mushya, mbashyiremo n'umwuka mushya." Nizera n'umutima wanjye wose ko Umwuka w'Imana ari gukurwa mu isi, kandi ababonye umucyo mwinshi n'amahirwe akomeye bakaba batarabihaye agaciro ni bo baza abambere mu kurekwa na Mwuka w'Imana. Bababaje Umwuka w'Imana. Uburyo Satani ari gukora ku mitima, ku matorero no ku bihugu bikwiriye gukangura buri

mwigishwa wese wiga ubuhanuzi. Iherezo riri bugufi. Reka amatorero yacu akanguke. Reka imbaraga ihindura y'Imana ikorere mu mutima wa buri mwizera, ni bwo tuzabona ukwigaragaza kwimbitse kw'Umwuka w'Imana. Kubabarirwa ibyaha gusa si wo musaruro wonyine wazanywe n'urupfu rwa Yesu. Yatambye igitambo kitagira akagero atari ukugira ngo ibyaha bihanagurwe gusa, ahubwo ari no kugira ngo kamere muntu izahurwe, yongere ihabwe ubwiza, iremwe bundi bushya ikuwe mu kwangirika kwayo, igirwe ikwiriye kuzahagarara imbere y'Imana... {3SM 154.1}

Kristo ni we rwa rwego Yakobo yabonye rushinze ku isi rukazamuka rukagera mu ijuru risumbaya ayandi. Ibi bigaragaza uburyo bwashyizweho bw'agakiza. Tugomba kuzamuka kuri buri mutambiko w'uru rwego. Buri wese wo muri twe uzakizwa, bizaba biturutse ku komatana na Yesu kimwe n'uko umuntu azamuka imitambiko yose y'urwego. Kristo abera umwizera ubwenge no gukiranuka, kwezwa no gucungurwa... {3SM 154.2}

Hazabaho kugwa guteye ubwoba ku bantu bamwe bibwira ko bahagaze bitewe n'uko bafite ukuri; nyamara bakaba badafite ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Uburangare bw'akanya gato bushobora kujyana umutima mu irimbukiro ubutagaruka. Icyaha kimwe umuntu akoze kimuganisha ku gukora n'icya kabiri, icya kabiri na cyo kigategurira inzira gukora n'icya gatatu, bigakomeza bityo. Nk'intumwa z'indahemuka z'Imana, tugomba gusenga Imana ubudasiba kugira ngo turindwe n'Imbaraga Yayo. Iyo duteshutse gato tukava mu nshingano, tuba turi mu kaga ko gukomeza kugenda mu nzira y'icyaha igana mu irimbukiro. Haracyari ibyiringiro ku muntu wese muri twe, ariko mu nzira imwe gusa – ku bwo komatana na Kristo, kandi tugakoresha ubushobozi bwacu bwose kugira ngo tugere ku butungane bw'imico Ye. {3SM 154.3}

Iri yobokamana ryo kwiyemera rituma umuntu akerensa icyaha kandi rigakomeza kwishingikiriza ku rukundo Imana ifitiye umunyabyaha, ritera umwete umunyabyaha wo kwizera ko Imana izamukiza mu gihe akomeza gukora ibyaha azi ko ari ibyaha. Ibi ni byo benshi mu bavuga ko bizera ukuri kw'iki gihe bari gukora. Ukuri gukingiranirwa hanze y'imibereho yabo, kandi iyo ni yo mpamvu kutagifite imbaraga yo kwemeza no guhindura umutima. Hagomba kubaho gutera umwete buri mutsi n'umwuka n'umubiri kwitandukanya n'isi, n'imigenzo yayo, n'ibikorwa byayo, n'iby'ubwibone bwayo... {3SM 155.1}

Nuramuka witandukanije n'icyaha maze ukagira kwizera kuzima, ubutunzi bw'imigisha yo mu ijuru buzaba ubwawe. – *Ibaruwa ya 53, 1887*. {3SM 155.2}

**Iherezo Ryo Gutegurira Imitima Kugaruka Kwa Yesu – 1888.** Ikanzu y'imico igomba kumeswa mu isōko yaziburiwe kōza imyanda yose, kugeza ubwo iba idafite ikizinga. Ibikorwa by'imico yanyu bizapimirwa ku minzani yo mu buturo bwera, kandi nimugaragara ko mudashyitse, muzarimbuka by'iteka. Kudatungana kose, kugomba kuvanwa mu mico yanyu mbere yo kugaruka kwa Yesu; kubera ko ubwo azaba aje, kwitegura kwa buri mutima wose kuzaba kwarangiye. {3SM 155.3}

Niba utaritandukanya n'ishyari, no kwangana, ntushobora kwinjira mu bwami bw'Imana. Ibyo uzakomeza kubyigumanira; ariko nta kintu na kimwe gisa gityo kizaba mu isi izaza. Nta kindi kizabayo uretse urukundo n'umunezero no guhuza. Bamwe bazaba bafite amakamba arabagirana kurusha abandi, ariko nta bitekerezo by'ishyari bizaba mu mutima n'umwe w'abacunguwe. Buri wese azanyurwa mu buryo butunganye, kubera ko abantu bose bazagororerwa hakurikijwe ibyo bakoze. – *Ibimenyetso by'Ibihe, 108/02/1888*. {3SM 155.4}

## Icyigisho cya 21

## Raporo Za Ellen G. White Ku Nama y'I Mineyapolisi.

[Icyi ni icyigisho cya 21 mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranijwe Vol. 3, ariko ni icyigisho cya kabiri mu gice cya gatanu cy'icyo gitabo cyitwa "Amahame y'Agakiza"]

### Inyandiko Igaragaza Amateka y'Ibyabaye

Iki gice cyerekana inyandiko yanditswe na Ellen White hashize ibyumweru bike Inteko Nkuru Rusange yo mu mwaka w'1888 irangiye. Yitegereje ibyabaye maze avuga uko byagenze. Inama yabereye I Mineyapolisi yaje gutanga umusaruro mwiza uko amezi yagiye atambuka, kandi amagambo ya Ellen White arimo umucyo kandi arasobanutse. Incamake y'uko amateka yagenze iranditswe. {3SM 156.1}

Inteko Nkuru Rusange ya Mineyapolisi yari ishingiye ku kwiga Bibiliya no kuganira ku mategeko ari mu rwandiko rwandikiwe Abagalatiya no ku Gukiranuka kwa Kristo kwakirwa ku bwo kwizera. {3SM 156.2}

Iyi nteko yitabiriwe n'abahagarariye itorero bo hirya no hino ku isi bagera kuri 91, yabaye kuva ku itariki ya 17/10/1888 kugeza ku itariki ya 4/11/1888 yateraniye I Mineyapolisi, muri leta ya Minnesota, mu rusengero rwacu rushya twari tuhujuje. Nk'uko bisanzwe, hari hanateraniye n'abandi bizera b'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi batari bari muri uwo mubare w'abatumirwa. Iyi nteko yatangijwe n'iminsi 7 yo kwiga ku ivugabutumwa, yateranye kuva ku itariki ya 10/10/1888 kugeza ku itariki ya 16/10/1888. Abari bateraniye aho batangiye biga Bibiliya kandi rimwe na rimwe yakomeje no kwigirwa mu nama yari iteraniye mu nteko nkuru rusange, mu isaha yagenewe kwiga Bibiliya. {3SM 156.3}

Ellen White yari ateraniye aho kandi yitabiriye iyo gahunda yo kwiga ku ivugabutumwa ndetse anitabira iyo nteko rusange yamaze iminsi 19. Iyo nteko ubwayo yari nk'izindi zisanzwe, ariko yari irimo ibintu byubaka. Abantu batangaga raporo ndetse hakaba n'inama z'ibyiciro bitandukanye, harimo nk'ishuri ryo ku isabato, ubuzima no kwirinda, kwandika no kubwiriza ubutumwa. Abapasitoro bahawe filidi bagomba gukoreramo umurimo, hashyizweho gahunda zo kwihutisha umurimo, abayobozi bakuru baratowe, ndetse n'abayobora ibyiciro bashyirwaho. {3SM 156.4}

Mu gihe twarimo tunonosora neza ibyagezweho twakiriye inyandiko yuzuyemo amarangamutima yanditswe na W.C. White, iminsi ibiri mbere y'uko dusoza iyo nteko, yari yandikiye umupasitoro mugenzi we wo muri leta z'amajyepfo: {3SM 157.1}

"Tugiye gusoza indi nteko nkuru rusange, kandi mu minsi mike abatumirwa bose baraza gutatanira hirya no hino aho bagomba gukorera umurimo, maze dutangire undi mwaka wo gukora. {3SM 157.2}

"Iyi yabaye inteko y'ingenzi cyane, n'ubwo itabayemo gahunda z'amahoro no guhuza nk'uko rimwe na rimwe byagiye byigaragaza mbere, iyi nteko yatanze umusaruro ku bw'amahame y'ingenzi yayigiwemo, kandi imyanzuro yayifatiwemo ifite agaciro kenshi, kuko ari amahame azagira ingaruka nziza ku murimo mu gihe kizaza. Abenshi bavuye muri iyi nteko biyemeje kwiga Bibiliya kurenza uko bayigaga, kandi ibi bizigaragariza mu bibwiriza bisobanutse. {3SM 157.3}

"Nta gushidikanya nk'uko wabibonye mu kinyamakuru, hatewe intambwe mu murimo wacu hirya no hino, kandi mu majyepfo haragaragara ukwihutisha umurimo."—Urwandiko W.C White yandikiye Smith Sharp, arwandikiye I

Mineyapolisi muri Minesota, ku itariki ya 2/11/1888. {3SM 157.4}

Muzabona ko hamwe na raporo ye yo kujya mbere kw'inama, W.C White yagaragaje ko "habuze amahoro no kwumvikana rimwe na rimwe" mu nteko nkuru yacu rusange. Muri ibi yavugaga ku kiganiro mpaka cyakozwe ku iyobokamana cyabaye mu nama yo mu 1888 yari itandukanye cyane n'izindi nama z'inteko nkuru rusange mu mateka y'Abadivantiste. {3SM 157.5}

Ibi biganiro mpaka byatangiriye mu mahugurwa y'icyumweru y'ibwirizabutumwa, ubwo baganiraga ku ngingo zirimo ubwami icumi, ubumana bwa Kristo, gukira kw'uruguma rwica inyamaswa yari yarakomeretse, no gutsindishirizwa n'ubuntu ku bwo kwizera. Ikiganiro ku bwami icumi cyaratinze cyane kandi gifata umwanya munini ku buryo izindi ngingo zagombaga kwigwaho zahariwe undi munsi. Mbere y'uko ayo mahugurwa asoza umukuru E.J. Waggonner, wari umwanditsi wungirije mu kinyamakuru *Signs of the Times (Ibimenyetso by'ibihe)*, yatangiye ibyigisho by'uruhererekerane ku mategeko yo mu rwandiko rw'Abagalatiya, ari na byo yagaragaje mu byigisho bye ku kwizera kwa gikristo no gukiranuka kwa Kristo. Ibi byarakomeje no mu cyumweru kibanza cy'iyo nteko nkuru rusange. {3SM 157.6}

Ibyo byigisho by'uruhererekerane, by'umwihariko ibyavugaga ku mategeko yo mu rwandiko rw'Abagalatiya, ni byo byabyukije uguhangana kwaje gukurikiraho. Nta nyandiko y'icyo kiganiro yigeze yandikwa, ariko inyandiko z'umwe cyangwa se babiri mu batumirwa bari bateraniye aho, ndetse n'ibyo Ellen White yanditse, ndetse n'ibyagiye bivugwa n'abari bateraniye aho byose byerekana umwuka utari mwiza w'intambara yaje gukurikiraho ndetse n'imyifatire

itari myiza yo guhangana yaranze benshi mu bayobozi b'imena b'itorero. {3SM 158.1}

Ndetse na mbere y'uko abatumirwa baternira I Mineyapolisi hari harahozeho ukudahuza ku ngingo z'ingenzi z'iby'iyobokamana mu myaka myinshi. Mu mitima ya benshi hari harimo insika z'imyitwarire yo gutsimbarara no kutemera ubutumwa bw'umuburo no gucyaha bwa Ellen White. Yari yarabibonye mbere ko hari imyitwarire idasanzwe irangwa mu bayobozi bamwe yo kutemera ubutumwa yatangaga. {3SM 158.2}

Ubwo E. J. Waggoner yajyaga mbere mu gusuzuma amategeko avugwa mu gitabo cy'Abagalatiya ndetse n'agakiza kaboneka ku bwo kwizera, umwuka wo kujya impaka ni wo wigaruriye bamwe mu bari aho. Ibi byababaje cyane Ellen White. Nubwo atari yiteguye kwemeranya n'umukuru Waggoner ku ngingo zose yari yavuzeho ku mategeko yo mu rwandiko rw'Abagalatiya, umutima we wanyuzwe n'ibyo yari yavuze bisobanutse ku mahame yo gutsindishirizwa ku bwo kwizera hamwe n'amahame yo gukiranuka kuboneka binyuze mu kwizera Kristo. Ellen White yavuze inshuro makumyabiri mu nama yabereye I Mineyapolisi, kandi mu materaniro ya mu gitondo y'abapasitoro yabasabaga by'umwihariko ko bakwiga Bibiliya bafite imitima ikingutse. We ubwe nta cyo yigeze avuga ku ngingo yo gutsindishirizwa ku bwo kwizera. {3SM 158.3}

Uku kuri kwagiye kwakirwa mu buryo butandukanye. Mu nteko nkuru rusange yo mu mwaka w'1893, A.T. Jones, avuga ku kwakira ukuri kwavugiwe I Mineyapolisi yaranditse ati, "Ndabizi ko bamwe mu bari aho bakiriye ukuri; abandi barakurwanya kwose. Ibyo murabizi. Abandi bahisemo guhagarara hagati, babyakira uko babibonye."—*The General Conference Bulletin, 1893, 185*. {3SM 158.4}

Ibyo biganiro byagiye birushaho gufata indi ntera. Bamwe batinyaga ko hari inyigisho nshya zigiye guca intege uburyo itorero rifata amategeko y'Imana, cyane cyane ukuri kwerekeranye n'isabato, bituma barwanya mu buryo bukomeye ubutumwa bwo gutsindishirizwa ku bwo kwizera. Nta mwanzuro wigeze ufatirwa iyi ngingo cyangwa se indi ngingo yari yizwe mu byigisho bya Bibiliya. {3SM 159.1}

Ellen White mu rwandiko yanditse ku munsi wo gusoza iyo nteko, yanditse amagambo avuga ngo, "Umuhati wanjye no kwizera kwanjye byabaye byiza," ntitaye ku "ntambara zatejwe no kutumvikana" abantu banyuzemo, kandi ubwo inama yari igeze ku musozo, Ellen White yahamije adashidikanya ko "iyo nama izavamo umusaruro mwiza" (Ibaruwa ya 82, 1888). Hashize ibyumweru bike yanditse inyandiko igaruka ku byabereye mu Nteko Nkuru yateraniye I Mineyapolisi, aho ingingo nyamukuru y'ibyo yanditse bigaragarira muri icyi cyigisho. {3SM 159.2}

Mu byumweru n'amezi byakurikiyeho, I Battle Creek habayeho ukudahuza mu buryo bukomeye, ku cyicaro gikuru cy'itorero ndetse no mu bigo bitatu bikomeye by'itorero. Ellen White akenshi ntabwo yabaga ari I Battle Creek, kuko yabaga yagiye kubwiriza ubutumwa mu matorero hirya no hino. Muri icyo gihe yari afatanyije n'abakuru Jones na Waggoner ubwo abo bose uko ari batatu bari bari kwamamaza ukuri gutangaje k'ubutumwa bwiza. Ellen White yahise ategura inama y'ingenzi kandi yatanze umusaruro y'abapasitoro bacu mu kwezi kwa mbere, mu mwaka wa 1889, mu majyepfo ya Lancaster, aho abenshi "bagiriye umugisha." Raporo y'iyo nama iri muri iki gice. {3SM 159.3}

Inyandiko za Ellen White zari zirimo ubutumwa bukomeye buvuga ku mahame shingiro y'agakiza kaboneka ku bwo kwizera nk'uko bwatangiwe mu materaniro makuru yabereye

Ottawa muri Kansas, ku itariki ya 11/5/1889. Ibi ndetse na raporo ya Ellen G. White ku kibazo cyavutse biri mu gitabo cye cyitwa Ukwizera n'Imirimo, p.63-84. {3SM 159.4}

Habayeho intsinzi muri Chicago, no muri Denver, no muri Colorado, aho mu materaniro makuru yabaye mu kwezi kwa 9/1889, Ellen White yabwiye abakozi ko bakeneye gusobanukirwa neza ingingo yo gutsindishirizwa ku bwo kwizera. Ubutumwa bwatangiwe I Denver buboneka muri icyi cyigisho. {3SM 159.5}

Ubwo yitabiraga inama y'Inteko Nkuru Rusange yo mu mwaka w'1889, yabaye umwaka umwe nyuma y'inama yabereye I Mineyapolisi, yaranditse ati: {3SM 160.1}

"Dufite amateraniro arushijeho kuba meza cyane Umwuka wari waranze iteraniro ry'I Mineyapolisi ntawe uboneka hano. Byose biragenda bisimburana neza. Hari intumwa nyinshi mu iteraniro. Iteraniro ryacu rya saa kumi n'imwe za mu gitondo rifite abantu benshi kandi amateraniro ni meza. Ubuhamya bwose numvise bwari ubuhamya bwubaka. Bavuga ko umwaka ushize wabaye umwaka uhebuje iyindi mu buzima bwabo; umucyo waka uturuka mu ijambo ry'Imana warumvikanye kandi wari usobanutse – gutsindishirizwa ku bwo kwizera, Kristo gukiranuka kwacu. Ibyo twabonye kandi twumvise byaradushimishije cyane." *Manuscript 10, 1889* (Byasohotse mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe, Vol. 1, p.416 [ingeri ya 2, 2016]). {3SM 160.2}

Ku itariki ya 3/2/1890, ubwo Ellen White yaganirizaga abapasitoro bari bateraniye I Battle Creek mu mahugurwa y'abapasitoro, yagarutse ku byo yabonye mu mwaka wa 1889. Amagambo ye yari afite interuro igira iti: {3SM 160.3}

"Twagenze hirya no hino mu materaniro y'ahantu hatandukanye kugira ngo mpagararane n'abatumwe n'Imana kandi nari nzi neza ko bari intumwa zayo. Natanze

ubutumwa ndi kumwe na bo kandi ubutumwa nari ntwaye bwuzuzanyije n'ubwabo kuko twese twari dutwaye ubutumwa bumwe. Ese ni iki twabonye? {3SM 160.4}

"Twabonye imbaraga iherekeza ubu butumwa. Mu gihe gito twakoze – kandi bamwe bazi uko twakoze mu buryo buvunanye – ntekereza ko twamaze icyumweru cyose, tubyuka kare cyane tukaryama bwije cyane, I Chicago, kugira ngo ibi bibashe kwumvikana mu bitekerezo by'abandi bavandimwe. {3SM 160.5}

"Umwanzi yagiye akora muri uyu mwaka kugira ngo agoreke uku kuri – mu buryo bwuzuye. Kandi bisaba imbaraga zikomeye kugira ngo uhindure imyumvire y'abantu ya kera; batekereza ko bagomba kwizera gukiranuka kwabo, n'imirimo yabo, kandi bagakomeza kwirebaho, ntabwo bakira gukiranuka kwa Kristo, ngo bagushyire mu mibereho yabo, no mu mico yabo. Aho twahakoze ivugabutumwa mu cyumweru kimwe… hashize icyumweru kimwe ni bwo twafashe ikiruhuko, kandi imbaraga y'Imana imeze nk'umuraba ukomeye, yuzuye abari bateraniye aho bose. Ndababwira ukuri ko, bwari uburyo bwo gutuma abantu babohoka; yari imbaraga yo gutuma abantu bahanga amaso yabo Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. {3SM 160.6}

"Kandi aho ahitwa South Lancaster, hari ukwigaragaragaza gukomeye kwa Mwuka w'Imana. Bamwe mu bari muri ayo materaniro bateraniye na hano. Imana yagaragaje icyubahiro cyayo, kandi buri munyeshuri wese wo muri koleji yegerejwe ku muryango kugira ngo yature ibyaha; kandi hari ugukora kwa Mwuka Wera. {3SM 161.1}

"Kandi ibyo byabagaho ahantu hose. Ahantu hose twagiye, twagiye tuhabona ukwigaragaza kwa Mwuka w'Imana. {3SM 161.2}

“Muratekereza, nka ba babembe cumi, ko nzaceceka, nkareka kuzamura ijwi ryanjye kugira ngo ndirimbe ugukiranuka kw’Imana nyiramya kandi nyihimbaza? Ndagerageza kubikubwira ngo ahari ushobore kubona ibihamya nk’ibyo nabonye: ariko birasa n’aho amagambo yanjye ntacyo ababwiye; none se ibyo bizageza ryari? Ese abantu bari ku ruhembe rw’imbere muri uyu murimo ni ryari bazareka kurwanya Imana? Ese aba bantu bazakomeza gukora uyu murimo kugeza ryari? Muhaguruke bavandimwe, mukure ibiganza ku isanduku y’Imana, maze mureke Umwuka w’Imana yinjire kandi akorane imbaraga.”—Manuscript 9, 1890. {3SM 161.3}

Mwite ku marangamutima yagaragajwe mu isubi iheruka. Ubwo twakiraga ubutumwa bwo gutsindishirizwa n’ubuntu ku bwo kwizera, bamwe barabwanze mu nteko nkuru rusange yari iteraniye I Mineyapolisi ariko abandi baje kwemera ubwo butumwa mu minsi yakurikiyeho, nyamara abenshi mu bari mu murimo bakomeje kunangira imitima. Ubu butumwa mu bizera b’itorero bwakiriwe mu buryo butandukanye n’uko abayobozi babwakiriye nk’uko bivugwa na Ellen White. Kwinangira gukomeye kwa “bamwe” mu bakoreraga ku cyicaro gikuru cy’itorero kwadindije mu buryo bukomeye umurimo Uwiteka yari yateganyije ko ugomba gukorwa. (Reba mu gitabo cyitwa ‘Testimonies to Ministers and Gospel Workers, 363’ [Ibihamya ku Bagabura n’Abakozi b’Ubutumwa Bwiza]). {3SM 161.4}

Dore ibyo Ellen White yanditse mu mpera z’umwaka w’1890: “Urwikekwe n’ibitekerezo byaranze inama y’I Mineyapolisi ntibyibigeze bipfa na gato; imbuto yahabibwe mu mitima imwe yiteguye kuzamuka mu mibereho no kwera imbuto zikwiranye na yo.” (Testimonies to Ministers and Gospel Workers, 467 [Ibihamya ku Bagabura n’Abakozi b’Ubutumwa Bwiza]). {3SM 161.5}

Ku ngingo ifitanye isano n'iyo Ellen White yaranditse ati: "Bamwe bananiwe gutandukanya izahabu y'umwimerere no kurabagirana gusanzwe."—Ibid[1]. Kandi Ellen White arongera arandika ati, "Iyobokamana ry'ukuri, ari ryo yobokamana rya Bibiliya, ryigisha ko imbabazi zibonerwa gusa mu Mukiza wabambwe akanazuka, kandi ryerereza gukiranuka guheshwa no kwizera Umwana w'Imana, ariko ryarakerenshejwe, rirarwanywa, rirasekwa, kandi rirangwa."—Testimonies to Ministers and Gospel Workers, 468 (Ibihamya ku Bagabura n'Abakozi b'Ubutumwa Bwiza). {3SM 161.6}

Mu gitabo cye cyitwa *Thirteen Crisis Years (Imyaka 13 y'ubukene)*, cyanditswe na Elder A. V. Olson asubiramo amateka n'inyandiko byaje gutanga impinduka nyuma y'imyaka 5 cyangwa 6 nyuma y'inama y'I Mineyapolisi. {3SM 162.1}

Ikibabaje, ni uko ibi byagwabije iterambere ry'umurimo w'Imana. Ellen White ibi yakomeje kubizirikana kandi agenda abigaragaza rimwe na rimwe, bitewe n'ingingo yabaga ari kuvugaho. Nubwo bimeze bityo, nta gihe na kimwe yigeze yandika cyangwa se ngo atangaze ko abayobozi b'itorero bamaganye bihandagaje ubu butumwa bw'agaciro bwari bwatangiwe mu nteko nkuru rusange yo mu mwaka w'1888. Ahubwo ku itariki ya 19/12/1892, iyo nteko imaze imyaka 4 ibaye mu rwandiko yandikiye "Abavandimwe bo mu nteko nkuru rusange" yanditse agira ati: {3SM 162.2}

"Mu gusubiramo amateka yacu yo mu gihe cyashize, mu ntambwe zose twateye kugira ngo tugere aho tugeze, nshobora kuvuga nti, Mana uhabwe icyubahiro! Ndebye ibyo Imana yadukoreye, nuzurwa n'ibyishimo ndetse n'ibyiringiro muri Kristo nk'Umuyobozi. Nta cyo dufite gutinya mu

[1] Ibid: Ni ukuvuga ko ayo magambo yakuwe mu gitabo kimwe n'icyo ayayabanjirije yakuwemo.

by'ahazaza, keretse gusa tubaye twibagiwe uko Uwiteka yatuyoboye, ndetse n'inyigisho ze zo mu gihe cyashize. Ubu turi abantu bakomeye, nidushyira ukwizera kwacu mu Mana; kuko dutwaye ukuri gukomeye kw'ijambo ry'Imana. Dufite ibintu byose bikwiriye gutuma duhora dushima."—The General Conference Bulletin, 1893, 24 (Reba igitabo cyitwa Life Sketches, 196; n'icyitwa Testimonies to Ministers and Gospel Workers, 31). {3SM 162.3}

Nanone, mu mwaka w'1907 Ellen White yaranditse ati: "Itorero rigomba kwiyongera mu mikorere kandi rikagura imbibi zabwo... nubwo hagiye habaho gutsindwa gukomeye mu muhati wo kugumana imico ituranga idutandukanya n'abandi, nk'abakristo bemera Bibiliya, twakomeje kuba mu mwanya wo kunesha."—Letter 170, 1907 (Selected Messages 2:396, 397). {3SM 162.4}

Hamwe n'ibyo tumaze kubona, ubu tugiye gutangira icyigisho cyigaragaza amateka y'ibyabaye muri icyi gice. {3SM 163.1}

## Amasezerano y'Agaciro Uyagereranyije n'Ipica Yijimye

Ni ku bwo kwizera nashoboye kwambukiranya imisozi y'ibitare (Rocky Mountains) ubwo nari ngiye kwitabira inteko rusange yabereye I Mineyapolisi… {3SM 163.2}

I Mineyapolisi twahahuriye n'abapasitoro bari baturutse hirya no hino. Inama igitangira nahise mbona umwuka utari mwiza wandemereye cyane. Hatanzwe ibyigisho bitigeze biha abantu ibyo kurya bari bakeneye cyane. Ipica yijimye ndetse n'uruhande rw'icuraburindi ni byo byeretswe abantu kugira ngo bigume mu bitekerezo byabo. Ibi ntabwo byari gutanga umucyo n'umudendezo w'iby'umwuka, ahubwo byari urucantege. {3SM 163.3}

Ku isabato nyuma ya sasita (13/10/1888), numvise mpatirwa n'Umwuka w'Uwiteka kwerekeza ibitekerezo

by'abari bateraniye aho ku rukundo Imana yagaragarije ubwoko bwayo. Ibitekerezo ntabwo bikwiriye kwemererwa gutinda ku ngingo tudahurizaho zo mu kwizera kwacu. Mu ijambo ry'Imana, ari ryo rikwiriye kwigishwa nk'umurima wuzuyemo indabyo z'amoko atandukanye, ku bwo kwizera dushobora gushikama mu masezerano y'Imana atangaje, maze ayo masezerano tukayagira ayacu, tukagira umwete, tukishimira mu Mana; cyangwa se tugahitamo kwibanda ku mifatangwe n'ibitovu, tukikomeretsa ubwacu maze tugakomeza guterwa agahinda n'umugabane twahisemo. {3SM 163.4}

Imana ntabwo inejejwe no kubona ubwoko bwayo bwerereza amapica yijimye mu bitekerezo. Imana irashaka ko buri muntu wese mu bitekerezo bye yashyiramo amasezerano atangaje y'Imana aboneka mu murima w'Imana. Imana irashaka ko ayo masezerano yatubamo, kandi umunezero uyakomokamo ukaba uwacu. Imana irashaka ko tuba mu isi, ariko tutari ab'isi, intekerezo zacu zikwiriye guhora zihanzwe ku bizahoraho iteka ryose. Imana irashaka ko tubaho tuganira ibyiza yageneye abayikunda. Ibi bizareshya ibitekerezo byacu, bikangure ibyiringiro byacu n'ibyifuzo byacu, kandi bikomeze imitima yacu ngo ihangane n'intambara n'ibibazo duhura na byo muri ubu buzima. Mu gihe tuzabaho muri ubu buryo Uwiteka azatera umwete ukwizera kwacu n'ibyiringiro byacu. Azakuraho umwenda ukingiriza maze aduhe kurabukwa umurage w'abera. {3SM 163.5}

Ubwo nagaragazaga kugira neza, n'urukundo no kwihangana bya Data wo mu ijuru, numvise Umwuka w'Imana atandiho gusa ahubwo ari no ku bantu twari kumwe. Umucyo n'umudendezo n'imigisha byinjiye mu bumvaga bose kandi abantu bagaragaza ko banyuzwe n'ijambo ryavuzwe. Inama yakurikiyeho yahamije ko Ijambo ry'Imana ryabonye icyicaro

mu mitima y'abumvaga. Abenshi batanze ubuhamya ko uyu munsi wababereye umunsi w'ibyishimo mu buzima bwabo, kandi mu kuri koko cyari igihe cy'agaciro, kuko twari tuzi neza ko Umwami Yesu yari ari muri iryo teraniro kugira ngo aduhe imigisha. Namenye ko ukwigaragaza kwa Mwuka w'Imana kwari kugendereye kuvanaho gushidikanya, no guca imigozi yo kutizera byari byarigaruriye imitima n'ubwenge by'abantu ku birebana na mushiki wacu White n'umurimo Uwiteka yamuhaye gukora. {3SM 164.1}

**Abenshi Bagize Ihemburwa, Ariko Si Bose.** Iki cyari igihe cyo guhemburwa kw'imitima myinshi, ariko hari bamwe bitigeze bibaho. Ariko ubwo babonaga ko Mushiki wacu White atemeranyijwe n'ibitekerezo byabo n'ibyo basabaga ko byakwemerezwa muri iyo nteko nkuru rusange, ibihamya byose bari bahawe byabagizeho imbaraga nke nk'uko byagenze ubwo Kristo yavugiraga mu isinagogi abwira ab'I Nazareti. Imitima yabo [ab'I Nazareti] yakozweho n'Umwuka w'Imana. Bumvise ari Imana ivuganye na bo binyuze mu Mwana wayo. Babonye kandi bumva gukora k'Umwuka w'Imana kandi bose babaye abahamya b'ayo magambo y'agaciro yaturukaga mu kanwa Ke. Ariko Satani yari ari iruhande rwabo afite kutizera kwe maze na bo bemera urwikekwe no gushidikanya, maze hakurikiraho kutizera. Umwuka w'Imana waracecekeshejwe. Mu burakari bwabo baba barasunikiye Yesu mu manga iyo Imana itamurinda ngo atagira icyo atwarwa n'uburakari bwabo. Iyo Satani yigaruriye umutima, afata abantu bafatwaga nk'indashyikirwa akabahindura injiji n'abadayimoni. Urwikekwe, ubwibone, no kutava ku izima ni byo bintu biteye ubwoba bishobora kwigarurira umutima w'umuntu. {3SM 164.2}

**Ellen White Yagiye Inama Na Bamwe Mu Bayobozi.** Nakiriye urwandiko rurerure rwanditswe n'Umuyobozi

Butler, [Perezida w'Inteko nkuru rusange yagumye I Battle Creek kubera uburwayi] urwo rwandiko narusomye nitonze. Natangajwe n'ibyari birurimo. Ntabwo nari nzi icyo nakorera urwo rwandiko, ariko kuko ibyari birurimo byasaga n'aho ari byo byari byigaruriye n'abavandimwe banjye b'abagabura, nahamagaye bamwe muri bo tujyana mu cyumba cyo hejuru maze ndarubasomera. Nta n'umwe muri bo wigeze agaragaza ko atunguwe n'ibirwanditsemo, abenshi muri bo bavuze ko bari bazi neza ko iyo ari yo mitekerereze y'umuyobozi Butler, kuko bari baramwumvise avuga ibimeze nk'ibyo. {3SM 165.1}

Nahise mbasobanurira ibintu byinshi. Nerekanye ibyo nari nzi ko ari ukuri kandi akaba ari yo nzira yo gukiranuka igomba kunyurwamo, mu byo abantu bagiriрana hagati yabo, mu mwitozo wo gushakashaka mu Byanditswe. Nari nzi ko abantu bari imbere yanjye batabonaga ibintu byose mu mucyo nyakuri, ku bw'ibyo naberetse ibintu byinshi. Ibyo navuze byose byagaragazaga amahame nyakuri akwiriye kugenderwaho, ariko natinyishijwe no kubona amagambo yanjye atabateye impinduka. Bumvaga ibintu mu buryo bwabo, maze umucyo nabahaye, ari na wo nanjye nari nahawe bawufashe nk'irarika ridafite agaciro. {3SM 165.2}

**Irarika Mu Materaniro Ya Mu Gitondo.** Numvise mbabaye cyane bitewe n'uko nabonaga ibintu bimeze. Ubwo twari duteranye mu gitondo natanze irarika kuri benedata na bashiki banjye, maze mbasobanurira ko twari dukwiriye kubyaza umsaruro aya mahirwe dufite, kugira ngo ducukumbure mu Byanditswe dufite guca bugufi mu mitima. Nabasabye ko batazajya bagira icyo bavuga ku bintu badasobaukiwe neza. {3SM 165.3}

Bose bari bakeneye kwigira ibyigisho mu ishuri rya Kristo. Yesu yarararitse ati, "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje

mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije, n'umutwaro wanjye utaremereye" (Matayo 11:28-30). Nitwiga buri munsi ibyigisho byo kwicisha bugufi mu mutima, ntabwo tuzigera tugira ibyiyumviro nk'ibyagaragaye muri iyi nama. {3SM 165.4}

Hari ukubona ibintu ku ngingo runaka mu buryo butandukanye, ariko se iyi ni yo yaba impamvu yo kugaragaza ibyiyumviro byo guhangana no kutihanganirana? Ese urwikekwe no gutekereza ibibi ku bantu, n'urwangano, n'ishyari byaba bikwiriye kwimikwa mu mitima yacu? Ibi bintu byose ni bibi gusa. Ubufasha bwacu buri mu Mana gusa. Reka tumare umwanya munini dusenga kandi ducukumbura mu Byanditswe dufite umwuka w'ukuri—tukanagira umuhati wo gushaka kwiga no gukosorwa, no kutishuka ku ngingo iyo ari yo yose itwereka ko turi mu makosa. Niba Yesu ari hagati muri twe kandi imitima yacu ikaba yuzuwemo n'urukundo Rwe tuzagira inama nziza irusha izindi zose twigeze kugira. {3SM 166.1}

**Inama y'Ingenzi Kandi Irimo Gukora Cyane.** Hari hari ibintu byinshi byo gukorwa. Umurimo waragutse. Misiyoni nshya zarafunguwe kandi hahangwa n'amatorero mashya menshi. Yose akwiriye gukorera mu mwuka umwe kandi bakajya inama nk'abavandimwe mu murimo kugira ngo haboneke ibisarurwa byinshi, bose bagomba gukorera hamwe nk'abakorera umurimo umwe ariko ku mashami atandukanye, kandi batayobowe n'inarijye bakazirikana ko umurimo w'Uwiteka ukwiriye gushyirwa ku mwanya w'imbere. Niba hari igihe cyigeze kibaho, ko twebwe nka conferansi, tubaho dukeneye ubuntu budasanzwe ndetse no kuyoborwa na Mwuka w'Imana, byari muri iyi nama. Hari imbaraga ituruka ikuzimu iri gukorera mu bigo bitandukanye kugira ngo hahindurwe itegekonshinga ndetse

n'amategeko y'igihugu cyacu, ari byo bigendereye kuyobora imitimanama y'abantu bose bubahiriza isabato ya Bibiliya, ari yo iboneka mu itegeko rya kane nk'umunsi wa karindwi. {3SM 166.2}

Igihe kiraje ubwo buri muntu wese azahamagaririrwa guhagarara ku giti cye kugira ngo ahamye amategeko y'Imana imbere y'abantu bacu ndetse n'imbere y'ab'isi, maze ashobore gushimangira ukwizera kwe. Abenshi barahumye, kandi bayobejwe n'abantu bavuga ko ari abagabura b'ubutumwa bwiza, maze bakayobya benshi kugira ngo babereke ko bari gukora umurimo w'Imana kandi ahubwo ari umurimo wa Satani. {3SM 166.3}

**Imikorere Ya Satani Yo Kurema Ibice.** Ubu, Satani yakoze inama y'uburyo yacecekesha Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi. Abaye ashoboye gutuma batandukira icyerekezo cyabo maze imbaraga zabo akaziyobora mu cyerekezo cyo kubaca intege ndetse akabaremamo ibice umugambi we waba ugezweho. {3SM 167.1}

Satani umurimo we yagiye awukorana gutsinda mu buryo runaka. Hagiye habaho kwumva ibintu mu buryo butandukanye no kwirema ibice. Hagiye habaho ishyari no gutekereza ibibi ku bandi. Habayeho amagambo n'imvugo bitejejwe, gucyeka no gutongana. Ibitekerezo by'abantu bakabaye bashyize umutima wabo wose ku murimo, biteguye gukorera Imana umurimo ukomeye muri iki gihe, byigaruriwe n'ibintu bifite agaciro gake. Kubera ko ibitekerezo bya bamwe bidahuza n'iby'abandi ku tuntu duto tudafite agaciro kanini twa buri ngingo yose y'amahame, ikibazo gikomeye cy'umudendezo w'iyobokamana mu gihugu, cyitureba cyane, ubu kuri benshi nta gaciro gifite. {3SM 167.2}

Satani afite ukuntu yagiye akora ibintu bye; ariko Uwiteka yagiye ahagurutsa abantu maze akabaha ubutumwa bwihariye bwo gushyira ubwoko bwe, kugira ngo Akangure abantu bafite imbaraga bitegure urugamba, kandi bitegure umunsi ukomeye w'Uwiteka. Ubu butumwa Satani yashatse ko butazatanga umusaruro, kandi mu gihe ijwi ryose n'ikaramu yose byakabaye bihugiye ku murimo wo kurwanya imikorere n'imbaraga bya Satani, habayeho kwirema ibice; habayeho kwumva ibintu mu buryo butandukanye. Ibi byose ntabwo byari muri gahunda y'Imana. {3SM 167.3}

**Amategeko Mu Rwandiko rw'Abagalatiya, Ingingo Imwe Mu Zitarumvikanyweho.** Muri iyi nama ingingo y'amategeko yo mu rwandiko rw'abagalatiya yashyizwe imbere y'abapasitoro. Iyi ngingo yari yarigeze kuganirwaho mu nama mu myaka itatu yari ishize… {3SM 167.4}

Tuzi neza ko abantu bose iyo baza kujya mu Byanditswe bafite imitima iyobowe na Mwuka w'Imana, bajyaga kugenzura mu Byanditswe bafite ibitekerezo bituje, ntibacirane imanza ndetse ntihagire n'ushyira hejuru igitekerezo cye. Umucyo uturutse ku Mana uzamurika mu Ijambo rye kandi ukuri kuzahishurwa. Ariko hagomba kubaho umuhati mu gusenga, no kwihanganira ibigeragezo, kugira ngo hasubizwe isengesho rya Kristo ko abigishwa be bagomba kuba umwe nk'uko We na Data ari umwe. Amasengesho ataryarya kandi asenganywe umwete azumvwa n'Uwiteka kandi azayasubiza. Mwuka Wera azoroshya ibitekerezo kandi abantu bazabana neza. "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge." (Zaburi 119:130). {3SM 167.5}

**Gutsindishirizwa no Gukiranuka kwa Kristo Byaragaragajwe.** Umukuru E.J. Waggoner yagize amahirwe yo gusobanura uko yumva ingingo yo gutsindishirizwa ku

bwo kwizera ndetse no gukiranuka kwa Kristo n'isano izo ngingo zifitanye n'amategeko. Uyu ntabwo wari umucyo mushya, ahubwo wari umucyo wa kera wari ushyizwe aho ugomba kuba mu butumwa bwa marayika wa gatatu… Mbese umutwaro w'ubwo butumwa ni uwuhe? Yohana yabonye ubwoko bw'Imana. Yaravuze ati, "Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera *nk'ukwa Yesu*" (Ibyahishuwe 14:12). Yohana yabonye aba bantu mbere yuko abona Umwana w'umuntu "yambaye ikamba ry'izahabu ku mutwe kandi afite umuhoro utyaye mu ntoki ze." (Ku murongo wa 14). {3SM 168.1}

Kwizera nk'ukwa Yesu kwarirengagijwe kandi ntikwahabwa agaciro. Ntabwo kwahawe umwanya w'ibanze nk'uwo Yohana yahishuriwe. Kwizera Kristo nk'ibyiringiro rukumbi by'umunyabyaha kwarirengagijwe, atari mu bibwiriza byigishwa gusa ahubwo no mu mibereho y'iby'iyobokamana ya benshi mu bavuga ko bizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu. {3SM 168.2}

**Ukuri Ellen White Yigishije Guhera Mu Mwaka w'1844.** Muri iyi nama, natanze ubuhamya bw'uko umucyo mwinshi wagiye urabagirana uturutse mu Byanditswe Byera mu nyigisho zerekeranye no gukiranuka kwa Kristo aho guhuriye n'amategeko, ari byo bikwiriye guhora byigishwa umunyabyaha nk'ibyiringiro bye rukumbi by'agakiza. Uyu ntabwo wari umucyo mushya kuri njye, kuko nawuhawe urututse ku Mana mu myaka 44 ishize, kandi nawubwirije abantu bacu nkoresheje ikaramu n'ijwi ryanjye mu bihamya byatanzwe na Mwuka w'Imana. Ariko bake gusa ni bo bashoboye kwakira uwo mucyo atari ukwemera ibihamya gusa byatanzwe kuri iyi ngingo. Muri rusange abantu bagiye bavuga kandi bakandika bike kuri iki kibazo gikomeye. Mu

by'ukuri ibyigisho bya bamwe bishobora kugaragazwa rwose nk'igitambo cya Kayini – nta Kristo biba bifite. {3SM 168.3}

**Ubwiru bw'Ubumana.** Igipimo gipima imico ni amategeko y'Imana. Amategeko ni yo amenyekanisha icyaha. Amategeko ni yo atuma dusobanukirwa icyaha. Ariko umunyabyaha akomeza kwegerezwa Yesu binyuze mu guhishurirwa urukundo rwe yatugaragarije ubwo yemeraga kwicisha bugufi agapfa urupfu rukojeje isoni rwo ku musaraba. Mbega icyigisho kidasanzwe! Abamarayika bashishikariye kandi bifuza cyane kumenya ubwo bwiru butangaje. Ni icyigisho kirenze ubwenge bw'inyokomuntu, ko umuntu waguye, akayobywa na Satani, ndetse akajya mu ruhande rwa Satani, ashobora kongera kugira ishusho y'Umwana w'Imana Ihoraho. Maze uwo muntu agasa n'Imana ku bwo gukiranuka kwa Kristo ahabwa, kandi Imana igakunda uwo muntu – waguye ariko agacungurwa – nk'uko yakunze Umwana wayo. Mujye musoma uku kuri mu bwiru buzima bw'ubumana. {3SM 169.1}

Ubu ni ubwiru bw'Ubumana. Iyi shusho ni iy'agaciro kenshi ku buryo ikwiriye gushyirwa muri buri cyigisho cyose, kugira ngo ibikwe mu mutima, kandi ihore mu kanwa ka buri muntu, yigwe na buri muntu wese kugira ngo asogongere amenye uko Uwiteka agira neza, ibe ingingo yo gutekerezwaho, kandi ibe ishingiro rya buri kibwiriza cyose. Habayeho ibyigisho bikakaye kandi imitima myinshi ikeneye umutsima w'ubugingo. Izo nyigisho zikakaye ntabwo ari zo Imana yo mu ijuru ishaka kandi ntishobora kuzemera kuko zitarimo Kristo. Ishusho itunganye ya Kristo ni yo ikwiriye kugaragazwa imbere y'abantu. Ni We wa mu marayika umurikira ijuru ryose. Nta gicucu agira. Yambaye ubumana kandi asa n'Imana Ihoraho, ni We ukwiriye kwererezwa imbere y'abantu. Ibi nibikomeza kugaragarizwa imbere y'abantu, ibyo abantu birata byose bizata agaciro. Uko

abantu barushaho kumuhanga amaso, uko barushaho kwiga imibereho Ye, inyigisho Ze, ubutungane bw'imico ye, ni ko bazarushaho kubona ububi bw'icyaha no kucyizinukwa. {3SM 169.2}

Ku bwo kumuhanga amaso, umuntu abasha kurushaho kureshywa na We, maze agaca bugufi, akiyanga akifuza gusa na Yesu kugeza ubwo yifuje ubwiza bwe maze akagira imico nk'iya Kristo. Agendana n'Imana nka Enoki. Ibitekerezo bye byuzuramo ibitekerezo bya Yesu. Yesu amubere inshuti iruta izindi… {3SM 169.3}

**Mwige Yesu We Cyitegererezo Cyacu.** "Ni cyo gituma bene Data bera, mwebwe abafatanije guhamagrwa kuva mu ijuru mukwiriye gutekereza Yesu ari we ntumwa n'umutambyi mukuru w'ibyo twizera tukabyatura" (Abaheburayo 3:1). Mwige Kristo. Mwige imico Ye, ingingo ku yindi. Ni we cyitegererezo cyacu dusabwa gukurikiza mu mibereho yacu no mu mico yacu, nibitaba ibyo ntituzashobora kumugaragaza, ahubwo tuzagaragariza isi icyiganano gipfuye cya Kristo. Ntukagire umuntu wese ufatiraho icyitegererezo, kuko abantu bamaze kwangirika mu mico, mu byo bavuga, no mu myitwarire. Ndabagaragariza Yeu Kristo. Mugomba kumumenya buri wese ku giti cye nk'Umukiza we bwite mbere y'uko amwiga nk'icyitegererezo cye n'urugero agomba gukurikiza. {3SM 170.1}

Pawulo yaravuze ngo, "Erega ubutumwa bwiza ntibunkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki, kuko muri bwo ari na mo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa no kwizera kugakomezwa na ko, nk'uko byanditswe ngo ukiranuka azabeshwaho no kwizera… Kuko bigaragara ko bazi Imana, Imana ikaba ari yo ubwayo yabahishuriye ubwo bwenge." (Abaroma 1:16-19). {3SM 170.2}

**Imana Ishimwe Ko Hari Ibitekerezo Byigaruriwe Na Mwuka w'Imana.** Twumvise tunezererewe Imana kuko ibitekerezo byari bimaze kwemezwa na Mwuka w'Imana ko tugomba kwishingikiriza kuri Kristo ndetse tukanamwamamaza mu isi, ariko atari mu magambo gusa. Babona icyo ibyanditswe bisaba ko abantu bose bavuga ko bakurikira Yesu bagomba kugenda nk'uko Yagendaga, kandi bakuzuzwa Umwuka We, kandi isi yose bakayimurikira Yesu Kristo, waje kuri iyi si yacu kugira ngo atwereke Data. {3SM 170.3}

Mu gihe twerekana Kristo tuba tunerekana Imana ku isi. "Ariko umuntu wese utagira Umwuka wa Kristo ntaba ari uwe." (Abaroma 8:9). Reka twibaze tuti, mbese twaba tugaragaza imico ya Yesu Kristo mu itorero no mu isi? Dukeneye kwigenzurira mu Byanditswe mu buryo bwimbitse. Gushyira gukiranuka kwa Kristo mu mategeko bigaragaza Imana mu mico yayo nyakuri kandi bigaragaza ko amategeko ari ayera, akiranuka, kandi ari meza, mu by'ukuri amategeko agaragaza ubwiza butangaje iyo arebewe mu mico yayo nyakuri. {3SM 170.4}

Iyaba abavandimwe b'abagabura bose bashoboraga kwigira hamwe Bibiliya zabo, bayobowe na Mwuka wa Kristo, bakubahana, kandi bafite kwicisha bugufi nyakuri kwa Gikristo, Uwiteka yari kubabera Umwigisha. Ariko Uwiteka nta mahirwe afite yo kwigarurira ibitekerezo Satani afitemo imbaraga zingana zityo. Ikintu cyose kidahuje n'ibitekerezo byabo n'uko babona ibintu kibagaragarira mu ishusho y'umwijima... {3SM 171.1}

**Umwuka Wari Ufitwe Na Benshi Waremereye Cyane Ellen White.** Umutwaro wanjye muri iyo nama wari uwo kwerekana Yesu n'Urukundo Rwe imbere y'abavandimwe banjye, kuko nabonye ibihamya bikomeye byerekanaga ko abenshi batari bafite Umwuka wa Kristo. Ibitekerezo byanjye

byagumye mu mahoro, biguma komatana n'Imana, maze mbababazwa no kubona undi mwuka uri kwigaragariza mu mibereho y'abavandimwe bacu b'abagabura, kandi uwo mwuka wari urimo kugenda wigarurira iteraniro. Nari nzi ko hariho ubuhumyi mu bitekerezo bya benshi, ku buryo batashoboraga kumenya aho Mwuka w'Imana ari no gusobanukirwa ibigize imibereho ya Gikristo nyakuri. Kubona abantu nk'abo ari bo bafite inshingano yo kuragira umukumbi w'Imana byari ibintu bibabaje cyane. Kubura kwizera nyakuri, ibiganza bitagira icyo bikora, kuko bitamazamuwe byerekejwe mu ijuru mu isengesho rivuye ku mutima! {3SM 171.2}

Bamwe bumvaga badakeneye gusenga. Bumvaga gushyira mu gaciro kwabo guhagije, kandi ntibigeze bamenya uburyo umwanzi w'ibyiza byose yari arimo kuyobora uko gushyira mu gaciro kwabo n'uko babona ibintu. Bari bameze nk'ingabo zigiye ku rugamba zidafite intwaro kandi zititeguye. Mbese twatangazwa no kuba ibibwiriza bitari birimo Umwuka, no kuba amazi y'ubugingo yaranze kunyura mu miyoboro ifunze, ndetse n'umucyo w'ijuru ntubashe gucengera mu gicu gikomeye kandi cyijimye cyane cy'ubunyacyaha no kuba akazuyazi? {3SM 171.3}

Nashoboye gusinzira amasaha make gusa. Nari ndimo nandika mu masaha yose yo mu rukerera, nabyutse nka samunani cyangwa sacyenga z'ijoro maze nduhura ubwenge bwanjye nkoresheje kwandika ku ngingo zanyujijwe imbere. Umutima wanjye wari ubabaye cyane ku bwo kubona umwuka wayoboraga bamwe mu bavandimwe b'abagabura, kandi uyu mwuka wasaga nk'aho ugenda wigarurira n'abandi bantu. Hari harimo kuvugwa ibintu byinshi. {3SM 171.4}

**Icyigisho cy'Ukuri Ellen White Yashoboraga Gushyigikira.** Ubwo nabwiraga abavandimwe banjye ko ari ubwa mbere

numvise inyigisho z'umukuru E.J.Waggoner, abenshi ntabwo babyemeye. Nababwiye ko numvise ari ukuri kw'agaciro nagombaga kwakirana umutima wanjye wose. Mbese uku kuri kw'agaciro kenshi, kugaragaza gukiranuka kwa Kristo ndetse n'igitambo gishyitse cyatambwe ku bw'umuntu, si ko kuri kwanditswe mu bitekerezo byanjye na Mwuka w'Imana? Mbese uku kuri ntabwo ari ko kwagiye kugaragazwa mu bihamya inshuro nyinshi? Ubwo Uwiteka yahaga abavandimwe banjye umutwaro wo kubwiriza ubu butumwa numvise nshimye Imana cyane bitavugwa, kuko nari nzi ko ari bwo butumwa bugenewe iki gihe. {3SM 172.1}

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu ni ukwamamaza amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu Kristo. Amategeko y'Imana yarabwirijwe, ariko kwizera kwa Yesu Kristo ntikwigeze kubwirizwa n'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi nk'uko babwirije amategeko; amategeko n'ubutumwa bwiza bigomba kugendana. Ntabwo nabona ururimi rwatuma nsobanura iyi ngingo mu mwuzuro wayo. {3SM 172.2}

"Kwizera kwa Yesu." Kuravugwa, ariko ntikumvikane. Ni ibiki bigize kwizera kwa Yesu, ari na byo bigize umugabane w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu? Yesu yikoreye ibyaha byacu kugira ngo ashobore kuba Umukiza wacu utubabarira ibyaha. Yagenjejwe uko twagombaga kugenzwa. Yaje mu isi yacu maze yishyiraho ibyaha byacu kugira ngo tubashe kwakira gukiranuka Kwe. Kwizera ubushobozi bwa Kristo bwo kudukiza mu buryo bwuzuye ni ko kwizera kwa Yesu. {3SM 172.3}

Umutekano rukumbwi w'abisirayeli wari ushingiye ku maraso yashyizwe ku nkomanizo z'imiryango. Imana yaravuze ngo, "nanjye ubwo nzabona ayo maraso nzabanyuraho" (Kuva 12:13). Ibindi bintu byose byo kubarinda ntacyo byari kubamarira. Uretse amaraso yo ku

nkomanizo z'umuryango, nta kindi cyashoboraga kubuza marayika w'urupfu kwinjira. Agakiza k'umunyabyaha kari mu maraso ya Yesu Kristo gusa, ni yo atwezaho ibyaha byose. Umuntu wize cyane ashobora kugira ubumenyi bwinshi, ashobora no gusobanura cyane iby'iyobokamana, ashobora no kuba yubashywe n'abantu benshi ndetse agafatwa nk'ikigega cy'ubumenyi, ariko aramutse adafite ubumenyi bukiza bwa Kristo wabambwe ku bwe, kandi ku bwo kwizera akakira gukiranuka kwa Kristo, aba ari uwo kurimbuka. Kristo "ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha." (Yesaya 53:5). "Twakijijwe n'amaraso ya Yesu Kristo," ibyo ni byo bizaba ibyiringiro byacu kandi ni yo izahora ari indirimbo yacu iteka ryose. {3SM 172.4}

**Guhangana n'Urwikekwe n'Ibirego by'Ibinyoma.** Ubwo nagaragazaga kwizera kwanjye hari benshi batasobanukiwe n'ibyo navugaga maze bavuga ko Ellen White yahindutse; bavuga ko Ellen White yahinduwe n'imyumvire y'umuhungu we W.C. White n'umukuru A.T.Jones. Ni koko amagambo nk'ayo yagiye avugwa n'abantu bari bamaze igihe kirekire banzi, ndetse banatangiranye n'ubutumwa bwa marayika wa gatatu ndetse bari banubashywe n'abantu bacu, ku buryo bashoboraga kubagiraho ubutware. {3SM 173.1}

Nahindutse ingingo yo kuganirwaho no kunegurwa, ariko nta n'umwe wo mu bavandimwe bacu wansanze ngo ambaze cyangwa se ngo ansobanuze. Twagerageje guhuriza hamwe abagabura mu cyumba cy'inzu y'amateraniro kitarimo abantu kugira ngo dusengere hamwe, ariko ibi ntabwo byaje gushoboka uretse inshuro ebyiri cyangwa eshatu. Bahisemo kujya mu byumba byabo maze bariganirira ndetse basenga ukwabo. Byasaga nk'aho nta mahirwe agihari yo gukuraho

iyo myumvire itari yo bari bafite kuri njye, umuhungu wanjye, no kuri E.J.Waggoner na A.T.Jones. {3SM 173.2}

Nagerageje gukoresha undi muhati. Muri icyo gitondo cya kare nagize igihe cyo kwandika ingingo zagombaga kugezwa imbere y'abavandimwe, kugira ngo amagambo yanjye ataza gusubirwamo mu buryo butari bwo. Hari hateraniye bamwe mu bayobozi bacu, ariko nababajwe cyane n'uko umubare munini utatumiwe muri iyi nama, kuko namenye ko bamwe mu bari aho bari batangiye kubona ibintu mu wundi mucyo, kandi abandi benshi bajyaga kungukira mu byo nari ngiye kuvuga iyo baza kugira amahirwe kumva. Ariko ntabwo bigeze bamenya cyangwa ngo bungukire mu bisobanuro nabahaye nkoresheje iri jambo ngo "Uko ni ko Uwiteka avuga." {3SM 173.3}

Muri icyo gihe hibajijwe ibibazo. "Mushiki wacu White, uratekereza ko Uwiteka afite umucyo mushya kandi urushijeho kwiyongera utugenewe nk'ubwoko bwe?" Narasubije nti, "Cyane rwose. Ntabwo mbitekereza gusa, ahubwo nshobora no kubivuga mu buryo busobanutse kandi bwumvikana. Nzi ko hari ukuri kw'agaciro kenshi dukeneye guhishurirwa niba turi ubwoko bugomba kuzahagarara kuri wa munsi w'Imana twiteguye." {3SM 174.1}

**Ellen White Yashishikarije Abantu Kwigana Umutima Ufunguriye Kawakira Ijambo ry'Imana.** Noneho nabajijwe ikibazo niba ntekereza ko ibintu byagombaga kurekerwa aho byari biri, nyuma y'uko mwenedata Waggoner amaze kugaragaza uko yumva amategeko yo mu rwandiko rw'Abagalatiya. Narasubije nti, "Ntibikwiriye. Dukeneye kumenya byinshi ku mpande zose z'iki kibazo." Ariko nasubije ko umwuka wigaragarije muri iyo nama utari usobanutse. Nashimangiyie ko habaho umwuka w'ukuri, umwuka nk'uwa Kristo, wigaragaje ubwo Umukuru E.J.Waggoner yagaragazaga imyumvire ye: kandi ko iyi

ngingo itagombaga kuganirwaho mu buryo bw'ikiganirompaka. Impamvu nagaragaje ko iyi ngingo ikwiriye kwiganwa umwuka nk'uwa Kristo ni uko twagombaga kwirinda ko hagira umuntu ubangamira mwene se bitewe n'uko batumva ibintu kimwe. Nk'uko umukuru E.J.Waggoner yitwaye nk'Umukristo w'umugwaneza na bo ni ko bagombaga kwitwara, bakagaragaza ingingo zishyigikira ibyo bemera kuri icyo kibazo mu buryo bwahuranyije... {3SM 174.2}

**Ikibazo cy'Amategeko Yo Mu Rwandiko rw'Abagalatiya Ntabwo Ari Ingenzi.** Havuzwe ijambo ryo kwihanangiriza abantu ngo, "Niba imyumvire yacu ku rwandiko rw'Abagalatiya atari ukuri, nta butumwa bwa marayika wa gatatu twaba dufite, kandi aho twaba duhagaze haba hadashikamye; nta cyaba gisigaye mu kwizera kwacu." {3SM 174.3}

Naravuze nti, "Benedata, dore icyo nakomeje kubabwira: ayo magambo ntabwo ari ukuri. Ni amagambo adafite akamaro, kandi arimo gukabya. Igihe cyose azakoreshwa mu biganiro kuri iki kibazo, nzumva ko ari inshingano yanjye kubwira abateranye bose ko ayo magambo atari ukuri, nubwo bakumva cyangwa ntibumve. Ikibazo cyo kuri iyi ngingo ntabwo ari ikibazo cy'ingenzi cyane kandi nta n'ubwo kigomba gufatwa gityo. Akamaro nyamukuru k'iyi ngingo kafashwe mu buryo bwo gukabya, kandi ku bw'iyi mpamvu – binyuze mu kuyakira nabi no kuyitangaho ibitekerezo bidakwiriye – turimo kubona umwuka urimo kwigaruria abagize iyi nama, atari umwuka usa n'uwa Kristo, ari wo mwuka tudashaka kubona ukomeza kwigaragariza muri benedata. Hari umwuka wa gifarisayo wagiye utwinjiramo, ari wo nkwiriye kuzamura ijwi ryanjye nkawurwanya aho waba urimo kwigaragariza hose".... {3SM 174.4}

Nabonye ko habuze ubwenge bwo gurobanura ibidakwiriye no gushyira mu gaciro kuzima. Akaga k'ibintu nk'ibyo kagiye kanyuzwa imbere. Kudahuza mu bitekerezo byagaragarijwe abizera n'abatizera. Ibi bintu byaremereye intekerezo zanjye ku buryo byanyeretse ko benedata bahindutse mu buryo bukomeye. Iki kibazo cyanyujijwe imbere ubwo nari ndi I Burayi, mu bishushanyo n'ibimenyetso, ariko ubusobanuro nabuhawe nyuma ku buryo namenye neza ntacyo mpishwe uko amatorero yacu ameze n'uko benedata b'abagabura bameze.... {3SM 175.1}

Nasubiye mu cyumba cyanjye nibaza inzira nziza ngomba gukurikiza iyo ari yo. Amasaha menshi muri iryo joro nayamaze nsengera ibyerekeranye n'amategeko yo mu rwandiko rw'Abagalatiya. Byari ibintu bidakomeye. Inzira yose yari kuba ihuje n'iri jambo ngo, "uko ni ko Uwiteka avuga," umutima wanjye wari kuvuga uti, Amen, kandi Amen. Ariko umwuka wari urimo kuyobora benedata ntabwo wasaga n'umwuka wa Yesu, wari utandukanye cyane n'umwuka buri wese yagombaga kugaragariza mwene se, ibyo byujuje umutima wanjye agahinda. {3SM 175.2}

Mu nama yakurikiyeho mu gitondo y'abagabura nari mfite ibintu byinshi byo kubwira benedata, kandi sinari guhangara kubiceceka. Umunyu warakayutse, izahabu yahindutse inkamba. Umwijima w'iby'umwuka wari uri kuri abo bantu kandi abenshi bahamije ko bari bari kuyoborwa n'imbaraga ituruka hasi, kuko umusaruro wavuyemo ni wo musaruro n'ubundi wagombaga kuboneka ku bantu batigeze bamurikirwa na Mwuka w'Imana. {3SM 175.3}

Mbega impapuro z'amateka zari zirimo kwandikwa na marayika! Umusemburo wakoze umurimo wawo, kandi birasa nk'aho wakongeje itabaza. Nari mbizi ko mfite ubutumwa bwo gucyaha no kuburira benedata. Umutima wanjye wagize ikiniga. Kubwira abavandimwe banjye ibi

bintu byarushagaho kunyongerera umubabaro kurenza uwo byatezaga abo nabwiraga. Binyuze mu buntu bwa Kristo nahawe imbaraga zidasanzwe zo guhagarara imbere ya benedata b'abagabura, mu izina ry'Uwiteka, nari niringiye kandi nasengeraga ko Uwiteka yahumura amaso ahumye. Nahawe imbaraga zo kuvuga amagambo umunyamabanga wanjye yari yaranditse. – *Manuscript 24, 1888*. {3SM 175.4}

**Mineyapolisi Ahantu Ho Kugeragerezwa.** Uwiteka yari arimo gusuzuma no kugerageza ubwoko Bwe bwari bufite umucyo mwinshi, niba bari buwugenderemo cyangwa se batari buwugenderemo mu gihe cy'ibigeragezo, kuko bake ni bo bari basobanukiwe n'uko bateye kugeza ubwo umwuka ubatera gukora wasuzumwe kandi ukageragezwa. Kuri benshi umutima wa kamere ni yo mbaraga ibayobora, kandi ntibabona ko ubwibone n'urwikekwe byahawe intebe nk'umushyitsi w'imena, kandi bikagaragarira mu magambo n'ibikorwa byo kurwanya umucyo n'ukuri. Abavandimwe bacu bari mu myanya y'ubuyobozi muri uyu murimo bari bakwiriye kuba baromatanye n'Imana cyane nk'isoko y'umucyo wose kugira ngo bibarinde kwita umucyo umwijima cyangwa ngo umwijima bawite umucyo.... {3SM 176.1}

**Gutsindishirizwa Ku Bwo Kwizera Ntabwo Bipfobya Amategeko.** Kugaragaza Kristo nk'isoko yacu rukumbi y'imbaraga, no kwerereza urukundo Rwe rutagira akagero ku buryo yishyizeho ibyaha by'abantu kandi we nta cyaha afite ndetse akabasha guha abantu gukiranuka Kwe, mu buryo bwose ntibikuraho amategeko cyangwa se ngo biyateshe icyubahiro cyayo. Ahubwo bishyira amategeko mu mucyo ukwiriye kandi bikayambika ubwiza. Ibi bishoboka gusa binyuze mu mucyo uturuka ku musaraba I Kaluvari. Amategeko aba yuzuye kandi ahamye mu nama ikomeye y'agakiza, igihe gusa agaragarijwe mu mucyo uturuka ku

Mukiza wabambwe akanazuka. Ibi bishobora gusobanuka gusa mu buryo bwa Mwuka. Uku kuri gutera mu mutima w'ukwakiriye kwizera gushikamye, ibyiringiro, n'umunezero w'uko Kristo ari we gukiranuka kwe. Uyu munezero ubonwa gusa n'abantu bakunda kandi bagakomeza amagambo ya Yesu, ari yo magambo y'Imana. {3SM 176.2}

Iyo benedata baza kuba bari mu mucyo amagambo Uwiteka yampaye ngo mbahe yari kubona umwanya mu mitima y'abo nayabwiye bose. Ubwo nabonaga imitima y'abo nashakaga gufatanya na bo inangiwe n'urwikekwe no kutizera, natekereje ko icyambera cyiza ari ukubareka. Intego yanjye yari iyo kuva I Mineyapolisi mu cyumweru cya mbere… {3SM 177.1}

Nifuzaga gutekereza ntuje, nkasenga, [kugira ngo nshobore kumenya] uburyo dukwiriye gukoresha mu kwigisha abantu ingingo irebana n'icyaha n'igitambo cy'impongano mu mucyo wa Bibiliya. Bari bakeneye mu buryo bukomeye inyigisho nk'iyi kugira ngo na bo babone uko batanga uwo mucyo ku bandi maze babone amahirwe yo kuba abakozi bakorana n'Imana mu kugarura intama yazimiye mu mukumbi w'Imana. Ni iyihe mbaraga twakura ku Mana ku buryo imitima ikonje, ifite iyobokamana ry'amategeko gusa, yabona ibyiza yateguriwe – ari byo Kristo Gukiranuka Kwacu! Ubutumwa butanga ubugingo bwari bukenewe kugira ngo buhe ubugingo amagufwa yumye. – *Manuscript 24, 1888.* {3SM 177.2}

### Uko Ellen White Yabonaga Ibintu Ku Munsi Wo Gusoza

(Yabyandikiye umuntu wo mu muryango we, ku itariki ya 4/11/1888).

Inama yacu [y'Inteko Nkuru Rusange y'I Mineyapolisi] irarangiye. Ku Isabato ishize natanze icyigisho cyanjye giheruka. Bwari ubwa mbere bigaragara ko noneho iryo teraniro rifite ibyiyumviro bizima. Nabararikiye kuza imbere kugira ngo dusenge nubwo urusengero rwari rwuzuyemo

abantu benshi. Abantu bamwe baratambutse baza imbere. Uwiteka yampaye umwuka wo gusabira abantu kandi umugisha We wanjeho. Muri icyo gitondo ntabwo nigeze njya hanze. Iyi yabaye inama ikomeye cyane kuri Willie[2], kandi nagombaga kuba maso kuri buri kantu kose kugira ngo hatagira ikintu gikorwa, cyangwa imyanzuro ifatwa, byashoboraga kubera inkomyi umurimo mu gihe kiri imbere. {3SM 177.3}

Nabonye igihe cyo kuvuga hafi inshuro makumyabiri mfite umudendezo kandi twizera ko iyi nama izatanga umusaruro mwiza cyane. Ntabwo tuzi ibiri imbere, ariko Yesu ni We uyoboye ubwato kandi ntituzigera turohama. Nubwo habayeho guhangana gukomeye kandi kudasobanutse mu bantu bacu bitari byarigeze bibaho mbere, umwete wanjye no kwizera kwanjye byabaye byiza kandi ntibyigeze bicogora. Iyi ngingo sinshobora kuyisobanura nkoresheje ikaramu keretse nanditse impapuro nyinshi, nyinshi cyane; bityo, ibyiza ni uko nabyihorera. {3SM 177.4}

Umukuru Olsen ni we ugomba kuba perezida w'Inteko Nkuru Rusange kandi mwenedata Dan Jones, wo muri Kansas, ni we ugomba kumufasha. Umukuru Haskell ni we uzaba ari kuyobora kugeza igihe mwenedata Olsen azavira I Burayi. [Ubwo George I. Butler, perezida w'Inteko Nkuru Rusange atari ahari, umukuru Haskell ni we wayoboye inama y'Inteko Nkuru Rusange. Inama imaze kurangira, W. C White yasabwe kuba ayoboye nka perezida w'Inteko Nkuru Rusange, akaba yarabikoze hafi amezi atandatu.] Sinshobora kuvuga ibyo ahazaza hashobora kugaragaza, ariko tuzamara ibyumweru bine muri Battle Creek kugira ngo dusohore ibihamya bigomba kugera ku bantu nta gutinda. Maze turebe uko ibintu bizagenda mu murimo. Tumaramaje

[2] Willie: ni impine y'izina ry'umuhungu wa Ellen G. White witwaga William Clarence White (W.C. White)

gukora ibyo dushoboye byose ku bw'icyubahiro cy'Imana kugira ngo dufashe abantu bacu muri iki gihe babikeneye cyane. {3SM 178.1}

Ubwenge bw'umuntu urwaye bwagize imbaraga yo kugenzura itsinda riyobora Inteko Nkuru Rusange kandi abagabura babaye ijwi n'abahagarariye umukuru Butler igihe cyose babonaga ko bifitiye umurimo akamaro. Ishyari no gukeka ibibi byakoze umurimo wabyo nk'umusemburo kugeza ubwo imyariko yose yasemburiwe....{3SM 178.2}

Uyu munsi, kuwa mbere (dimanche), ntabwo nagiye mu materaniro, ariko nashoboye gusura abantu mu buryo bufatika. Ndashimira Imana ku bw'imbaraga, umudendezo n'Umwuka Wayo byanshoboje gutanga ibihamya, nubwo byagize imbaraga nke ku mitima ya benshi kurusha ikindi gihe cyose mu mateka yabanje. Birasa nk'aho Satani yagize imbaraga zo kubangamira umurimo wanjye ku rwego rukomeye, ariko nterwa ubwoba no gutekereza uko byari kugenda muri iyi nama iyo tutaza kuba duhari. Imana iba yarakoze mu bundi buryo kugira ngo ihagarike uyu mwuka winjijwe muri iyi nama, ukayigarurira cyane. Ariko ntitugomba gucika integer na gato. Twizera Uwiteka Imana ya Isirayeli. Ukuri kuzanesha kandi tugomba kunesha hamwe na kwo. {3SM 178.3}

Turabatekereza mwese abo mu rugo kandi tuzanezezwa no kuba hamwe namwe, ariko ibyifuzo byacu si byo bigomba kugenderwaho. Uwiteka ni We Muyobozi wacu, reka atuyobore natwe tuzakurikira inzira azatuyobora yose. – *Ibaruwa ya 82, 1888*. {3SM 179.1}

## Ibintu Bibiri Twakura Mu Bibwiriza Byatangiwe I Mineyapolisi

[Ellen White yavuze inshuro makumyabiri I Mineyapolisi, ariko ntiyigeze yinjira mu byigisho byo Gutsindishirizwa ku bwo Kwizera. Ahubwo, yakoze uko ashoboye maze ayobora abagabo n'abagore mu gufungurira imitima yabo ukuri gushingiye muri Bibiliya.]

Ubu icyo dushaka kubagaragariza, ni uburyo dushobora gutera imbere mu by'ubugingo buhoraho. Twumva inzitwazo nyinshi ngo: sinashobora gukora ibi cyangwa biriya. {3SM 179.2}

Iyo uvuze ngo, sinashobora gukora ibi cyangwa biriya, uba ushatse kuvuga iki? Urashaka kuvuga ko igitambo cyangiwe I Kaluvari ku bw'abantu baguye kitari gitunganye, kandi ko tutateganyirijwe ubuntu n'imbaraga bihagije ngo tubashe gutsinda inenge n'intege nke bya kamere yacu, ko tutahawe Umukiza ushyitse? {3SM 179.3}

Cyangwa urashaka guherereza icyaha ku Mana? Ni byo, uravuga ngo, ni Adamu wakoze icyaha. Uravuga ngo, ntabwo ibyo bindeba kandi nta n'uruhare mfite mu cyaha cye no kugwa kwe. Imico ya kamere yose mfite, singomba kwirenganya niba nkora ibihuje n'iyo mico ya kamere. None se ibyo ukora, ninde bigomba kugerekwaho? Ni Imana? {3SM 179.4}

Kuki Imana yaretse Satani akagira imbaraga zingana gutya kuri kamere muntu? Ibyo byose ni ibyo ushinja Imana yo mu ijuru, kandi niba ubishaka Izaguha uburyo n'amahirwe, yo kuzana ibyo uyishinja imbere Yayo uyibishinje. Maze na Yo izazana ibyo igushinja ubwo uzazanwa mu rukiko Rwayo rwo guca imanza. – *Manuscript 8, 1888*, Ku Isabato, tariki ya 20/10/1888. [Iki cyigisho cya Ellen White cyanditswe nk'umugereka w'amapaji mirongo itandatu (p.242-302) mu gitabo cyitwa "*Through Crisis to Victory*" (Kunyura Mu

Ngorane Ukagera Ku Ntsinzi) – Abakusanyije inyandiko.] {3SM 179.5}

Iyo Imana iza gushobora guhindura amategeko Yayo kugira ngo ibashe gushyikira umuntu aho yaguye, ntibyari kuba ngombwa ko Kristo aza muri iyi si. Kubera ko amategeko adahinduka kandi adashobora no guhinduka, Imana yohereje Umwana wayo w'ikinege kugira ngo apfire abantu baguye. Ariko se, Umukiza yaba yarishyizeho ibyaha by'abantu kandi akabaha gukiranuka Kwe kugira ngo bakomeze kwica amategeko ya Yehova? Oya, oya rwose! Kristo yaje kubera ko nta bushobozi umuntu yari afite bwo gukomeza amategeko mu mbaraga ze. Yaje guha umuntu imbaraga zo kumvira amahame yo mu mategeko. Bityo umunyabyaha, mu kwihana ibicumuro bye, ashobora kuza ku Mana akavuga ati, "Data mwiza, ndagusaba imbabazi binyuze mu byakozwe n'Umukiza wabambwe kandi akazuka." Imana izemera abantu bose bayisanga mu izina rya Yesu. – *Manuscript 17, 1888*, Kuwa mbere (dimanche), tariki ya 21/10/1888. {3SM 179.6}

## Amezi Atatu Nyuma y'Inama y'I Mineyapolisi

**Iyo Dukoze Uko Dushoboye.** Imana ishimwe kuko iduhaye igihe cyo gukosora amakosa yacu. Kristo yitegereza umwuka dufite, kandi iyo abonye twikorera umutwaro wacu mu kwizera, gukiranuka kwe kuzuye kuduhongerera ku byo tudashoboye kugeraho. Iyo dukoze uko dushoboye, ahinduka gukiranuka kwacu. Uko gukiranuka kwakira buri murasire wose w'umucyo Imana itwoherereza kugira ngo kuduhindure umucyo w'isi. – *Ibaruwa ya 22, 1889* (Aya magambo yasohotse mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe, Vol. 1, p.423-424 [Ingeri ya Kabiri, 2016]) {3SM 180.1}

## Uko Ubutumwa Bwo Gutsindishirizwa n'Ubuntu Ku Bwo Kwizera Bwakiriwe Ahantu Hatandukanye

Amateraniro adasanzwe yatangiriye I South Lancaster kuwa Gatandatu (Vendredi), ku itariki 11/01/1889. Twanejejwe no kubona urusengero rwuzuye abantu bari baje bazanywe no kungukira muri ayo materaniro. [Iri ni rimwe mu materaniro ya mbere Ellen White yabayemo akagira uruhare mu gutanga ubutumwa bwo gutsindishirizwa n'ubuntu ku bwo kwizera hirya no no hino nyuma y'inama y'I Mineyapolisi. Mu mwaka wose w'1889 yagize uruhare rukomeye mu kujyana ubwo butumwa ku matorero. Bimwe mu bibwiriza bye byaranditswe, nk'icyo yabwirije muri Ottawa, Kansas, ku itariki 11/05/1889. Iki kibwiriza cy'ingenzi ku ngingo yo gutsindishirizwa n'ubuntu ku bwo kwizera cyasohotse mu gitabo cyitwa "Faith and Works" (Kwizera n'Imirimo), p.63-79.] … Aho hari abatumirwa bari baturutse I Maine, Connecticut, Massachusetts, no mu zindi leta. Twabonye ko hari umurimo ugomba gukorwa mu rwego rwo gushyira ibintu ku murongo, kandi imihati iruta iyindi y'umuntu ntiyashoboraga gukora uwo murimo adafashijwe n'Imana. Imitima yacu yegerejwe Imana mu isengesho ryo kwinginga tuyisaba ko yagira icyo idukorera…. {3SM 180.2}

Twumvise turemerewe n'umutwaro w'abantu bahawe inshingano yo gushyira abandi ubutumwa, nyamara bakaba bashobora kuba barinangiye imitima bakanga kwakira imwe mu mirasire y'umucyo mvajuru Imana yaboherereje. Yesu yaranezerewe ubwo abayoboke Be bakiraga ubutumwa Bwe bw'ukuri…. {3SM 180.3}

Ku Isabato nyuma ya sasita, imitima myinshi yakozweho, kandi ubugingo bw'abantu benshi bagaburiwe umutsima wamanutse uva mu ijuru. Nyuma y'icyigisho twagize iteraniro rinejeje ry'ubusabane. Uwiteka yaratwegereye cyane, maze yemeza imitima ko ikeneye cyane Ubuntu Bwe

n'urukundo Rwe.Twumvise ko dukeneye kugaragaza Kristo nk'Umukiza utarigeze aba kure, ahubwo nk'uwatubaye hafi cyane. Iyo Umwuka w'Imana atangiye gukora ku mitima y'abantu, umusaruro ugaragarira mu kwatura ibyaha no gukosora ibyo umuntu yafuditse. Mu materaniro yose, uko abantu bagendaga bashaka kurushaho kwegera Imana, beraga imbuto zikwiriye abihannye binyuze mu kwaturirana ibyaha aho umwe yabaga yaragiriye undi nabi mu magambo cyangwa mu bikorwa....{3SM 181.1}

Hari benshi, ndetse no mu bagabura, babonye ukuri nk'uko kuri muri Yesu mu mucyo batari barigeze bakubonamo mbere. Babonye Yesu nk'Umukiza ubabarira ibyaha by'umunyabyaha, kandi babona ukuri nk'ukweza umutima. "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose."... {3SM 181.2}

**Abantu Benshi Babona Ibintu Mu Buryo Bupfuye.** Hari abantu benshi bibwira ko bafite umurimo ukomeye bagomba gukora mbere y'uko basanga Kristo ngo abahe agakiza Ke. Basa n'abatekereza ko Yesu azaza mu mitima yabo ubwo bazaba bageze ku ntambara yabo ya nyuma, maze akabafasha, agakora umurimo wo gusoza ibyo bamaze igihe kirekire bakora. Birasa n'ibibakomereye gusobanukirwa ko Kristo ari Umukiza ushyitse, kandi ushobora gukiza rwose abasanga Imana bose banyuze muri we. Ntibasobanukirwa n'uko Kristo Ubwe ari "inzira, n'ukuri, n'ubugingo." Iyo twese, buri muntu ku giti cye, twishingikirije kuri Kristo, dufite kwizera kuzuye, kandi twiringiye gusa ko amaraso ya Yesu afite ubushobozi bwo kutwezaho ibyaha byose, tuzagira amahoro ku bwo kwiringira ko ibyo Imana yasezeranije ibasha no kubisohoza.... {3SM 181.3}

**Ni Bwo Butumwa Bwabwirijwe.** Ubwo benedata na bashiki bacu bafunguriraga imitima yabo kwakira umucyo, babonye

ubumenyi bwiza cyane bw'ibigize kwizera. Uwiteka yabaye mwiza cyane; Yari yiteguye gukomeza ubwoko Bwe. Amateraniro yarakomeje arenza icyumweru ku gihe cyari cyateganyijwe mbere. Ishuri ryarahagaritswe, maze abantu bose bakora umurimo wimbitse wo gushaka Uwiteka. Umukuru Jones yavuye I Boston, maze akora umurimo ku bantu mu buryo bwimbitse, akabwiriza inshuro ebyiri cyangwa eshatu ku munsi. Umukumbi w'Imana wagaburiwe ibyokurya bitunga ubungingo. Ubutumwa nyabwo Uwiteka yoherereje ubwoko Bwe muri iki gihe ni bwo bwigishijwe mu bibwiriza. Amateraniro yarakomezaga nta guhagarara kuva mu gitondo cya kare kugeza nijoro, kandi umusaruro wari ushimishije cyane. {3SM 181.4}

Abanyeshuri n'abarimu basangiye umugisha w'Imana ku rugero runini. Umurimo wimbitse wa Mwuka w'Imana wumvikanye mu mitima y'abantu hafi ya bose. Muri rusange hatanzwe ubuhamya butanzwe n'abari mu materaniro bavuga ko babonye inararibonye irenze ikindi kintu cyose bari barigeze kumenya mbere. Bahamije umunezero wabo w'uko Kristo yababariye ibyaha byabo. Imitima yabo yari yuzuye ishimwe no guhimbaza Imana. Amahoro meza yari mu mitima yabo. Bakunze buri muntu wese, kandi bumva ko bashobora kuruhukira mu rukundo rw'Imana. {3SM 182.1}

Sinigeze mbona umurimo w'ububyutse utera imbere ufite imbaraga no kwitonda nk'uwo, kandi ukaba utarimo gutwarwa kose kudakwiriye. {3SM 182.2}

Hari benshi batanze ubuhamya ko mu gihe ukuri kugenzura kwigishwaga, bemejwe mu mucyo w'amategeko ko ari abanyabyaha. Bari bariringiye gukiranuka kwabo ubwabo. Ubu noneho, babonye uko gukiranuka kwabo ari nk'ubushwambaraga bufite ibizinga, bakugereranyije no

gukiranuka kwa Kristo, ari ko konyine kwemewe n'Imana. {3SM 182.3}

Nubwo batabaye abanyabyaha bihandagaza, babonye ubwabo ko bangiritse kandi ko bahindanye mu mitima. Bimitse ibindi bigirwamana mu mwanya wa Data wo mu ijuru. Barwanye intambara yo kudakora icyaha, ariko biringiye imbaraga zabo ubwabo. Tugomba gusanga Yesu uko turi, tukatura ibyaha byacu, maze imitima yacu y'inyantege nke tukayitura Umucunguzi w'umunyebambe. – *Urwibutso n'Integuza, 05/03/1889*. {3SM 182.4}

## Hakenewe Imyumvire Mizima Ku Ngingo Yo Gutsindishirizwa Ku Bwo Kwizera

Ku bw'ubutumire nari nahawe, natanze imiburo imwe mu ihema ryari ririmo abagabura, [Ni inama zahawe abagabura mu materaniro makuru yabereye I Colorado, ku itariki 13/09/1889, ku birebana no kwigisha gutsindishirizwa ku bwo kwizera.] Twavuze bimwe mu birebana n'uburyo bwiza bwakoreshwa mu kwigisha abantu ba hano ibirebana n'iyobokamana mu muryango. {3SM 183.1}

Abantu benshi basa nk'abatazi ibigize kwizera. Abenshi bivovotera umwijima no gucika intege. Narabajije nti, "Mbese amaso yanyu muyerekeje kuri Yesu? Mbese murimo kumwitegereza, We Zuba ryo Gukiranuka? Mukeneye cyane gusobanurira amatorero mu buryo bwumvikana ingingo yo kwizera no kwishingikiriza mu buryo bwuzuye ku gukiranuka kwa Kristo. Mu byigisho byanyu no mu masengesho yanyu, ntimwigeze mwibanda kuri Kristo, ku rukundo Rwe rutagira akagero, ku gitambo Cye gikomeye cyatambwe ku bwacu, ku buryo bisa nk'aho Satani yadukuyemo ibitekerezo tugomba kugira byerekeye Yesu Kristo. Ntitugomba kwiringira abantu ku bufasha dukeneye mu by'umwuka, ahubwo tugomba kwiringira cyane Yesu

Kristo Umucunguzi wacu uri hafi kugaruka. Tugomba kugira umugambi uhamye wo kwibanda cyane ku mico mvajuru ya Yesu Kristo; dushobora kuvuga iby'urukundo Rwe, dushobora kuvuga no kuririmba imbabazi Ze, dushobora kumugira Umukiza wacu bwite. Maze tukaba umwe na Kristo. Icyo gihe dukunda ibyo Kristo akunda, tukanda icyaha, ari cyo Kristo yanga. Ibyo bintu bigomba kuvugwa, bikibandwaho." {3SM 183.2}

Ndabwira abagabura. Muyobore abantu intambwe ku ntambwe, mwibande ku bushobozi bwa Kristo, kugeza ubwo binyuze mu kwizera kuzima, abantu babona Yesu nk'uko ari – bakamubona mu kuzura Kwe, nk'Umukiza ubabarira ibyaha, wa wundi ushobora kubabarira gukiranirwa kwacu kose. Ni ku bwo kumwitegereza dushobora guhinduka tugasa na We. Uku ni ko kuri kw'iki gihe. Twavuze amategeko. Kandi byari bikwiriye. Ariko twagaragaje kandi twerereza Kristo nk'Umukiza ubabarira ibyaha rimwe na rimwe gusa.

Tugomba guhoza imbere y'ibitekerezo by'abantu Umukiza ubabarira ibyaha. Ariko tugomba kumugaragaza mu mwanya We nyakuri – nk'uwaje gupfa kugira ngo agaragaze ubwiza bw'amategeko y'Imana kandi ayubahishe, kandi agatsindishiriza umunyabyaha wishingikiriza rwose ku byakozwe n'amaraso y'Umukiza wabambwe akanazuka. Ibi ntibyigeze bigaragazwa uko bikwiriye. {3SM 183.4}

Ubutumwa bwo gukiza imitima, ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ni ubutumwa bugomba kubwirwa isi. Amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu byombi ni ingenzi, ni ingenzi cyane, kandi bigomba gutanganwa imbaraga zingana. Umugabane wa mbere w'ubutumwa wibanzweho cyane, mu gihe umugabane uheruka wavuzweho rimwe na rimwe gusa. Kwizera kwa Yesu ntabwo kwigeze kumvikana. Tugomba kukuvuga, tugomba kukugaragaza mu mibereho yacu,

tugomba gusenga tugusaba, kandi tukigisha abantu kuzana uyu mugabane w'ubutumwa mu mibereho y'ingo zabo. "Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu" (Abafilipi 2:5). {3SM 184.1}

**Hakenewe Ibibwiriza n'Ibyigisho Byuzuyemo Kristo.** Hagiye habaho ibyigisho n'ibibwiriza byumagaye kandi bidafite Kristo, aho usanga n'izina rya Yesu rivugwa inshuro nke cyane. Umutima w'umwigisha ntuba wuzuwe n'urukundo rwa Yesu. Yibanda ku nyigisho zikakaye kandi zumye. Ntabwo imitima ikorwaho. Ntabwo umwigisha aba afite amavuta y'ijuru, none se ni gute ashobora kureshya imitima y'abantu? Dukeneye kwihana no guhinduka – yego, umubwiriza agomba guhinduka. Abantu bagomba kugaragarizwa Yesu imbere yabo, kandi bakingingirwa "kureba ngo babeho." {3SM 184.2}

Kuki iminwa yacu itavuga ku ngingo yo gukiranuka kwa Kristo n'urukundo Rwe yakunze isi? Kuki tudaha abantu ibizabazanira ububyutse kandi bikabatera no kugira imibereho mishya? Intumwa Pawulo yuzuye gutangara no guhimbaza yaravuze ati, "Si ugushidikanya, ubwiru bw'ubumana burakomeye cyane: Imana kwerekanwa ifite umubiri, ikagaragara ko ari umukiranutsi mu mwuka, ikabonwa n'abamarayika, ikamamazwa mu banyamahanga, ikizerwa mu isi, ikazamurwa igahabwa ubwiza" (1Timoteyo 3:16). {3SM 184.3}

"Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu. Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntuyicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba. Ni cyo cyatumye Imana imushyira hejuru cyane ikamuha izina risumba ayandi

mazina yose, kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo munsi y'isi, kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe" (Abafilipi 2:5-11). {3SM 184.4}

"Ni we waducunguje amaraso ye ngo tubone kubabarirwa ibyaha byacu. Ni na we shusho y'Imana itaboneka, ni we mfura mu byaremwe byose, kuko muri we ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose, n'ubutware bwose n'ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe. Yabanjirije byose kandi byose bibeshwaho na we" (Abakolosayi 1:14-17). {3SM 185.1}

Iyi ni ingingo ikomeye y'ijuru yirengagijwe ku rugero runini mu bibwiriza no mu byigisho kuko Kristo ntiyigeze aremerwa mu mitima y'abantu. Kandi Satani ni we wateguye ko bigomba kumera gutyo, kugira ngo Kristo ataba ingingo yibandwaho n'ibitekerezo byacu no kuramya kwacu. Izina rya Kristo, rifite imbaraga, ry'ingenzi cyane, ni ryo rigomba kuba kuri buri rurimi rwose. {3SM 185.2}

"{None nishimiye amakuba yanjye yo ku bwanyu, kandi ibyasigaye ku byo Kristo yababajwe mbishohoje ubwanjye mu mubiri wanjye ku bw'umubiri we ari wo Torero,} iryo nahindukiye umubwiriza nkurikije ubusonga Imana yampaye ku bwanyu, kugira ngo mbwirize abantu ijambo ry'Imana ryose, ari ryo bwa bwiru bwahishwe uhereye kera kose n'ibihe byose, ariko none bukaba bwarahishuriwe abera bayo, abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza. Ni we twamamaza tuburira umuntu wese, tumwigisha ubwenge bwose kugira ngo tumurikire Imana umuntu wese, amaze

gutunganirizwa rwose muri Kristo. Icyo ni cyo gituma nkora cyane, ndwanana umwete nk'uko imbaraga ze ziri zinkoreramo cyane" (Abakolosayi 1:25-29). {3SM 185.3}

Aha ni ho hari umurimo w'abagabura ba Kristo. Bitewe n'uko uyu murimo utakozwe, kubera ko Kristo n'imico Ye, amagambo Ye, n'imirimo Ye bitigeze byerekwa abantu, imiterere y'iyobokamana amatorero afite ni igihamya gishinja abigisha babo. Amatorero ari hafi gupfa kuko Kristo yigishwa gake cyane. Nta buzima bw'iby'umwuka ayo matorero afite nta n'ubushobozi bwa mwuka afite bwo gutandukanya icyiza n'ikibi. {3SM 185.4}

**Ubwoba bw'Ubutumwa Bwo Gutsindishirizwa Ku Bwo Kwizera.** Abigisha b'abantu ubwabo ntibigeze bagira inararibonye nzima yo kumenya Isōko y'imbaraga zabo bagomba kwishingikirizaho. Maze ubwo Uwiteka yahagurutsaga abantu akabatuma abahaye ubutumwa bukwiranye n'iki gihe ngo babushyire ubwoko Bwe – kandi akaba ari ubutumwa butari bushya, kuko ari bwo butumwa Pawulo yigishije, na Yesu Ubwe akabwigisha – bwababereye ihame ry'inzaduka. Batangiye kuburira abantu – bari hafi gupfa kubera ko batigeze bagaragarizwa Kristo imbere yabo – barababwira bati, "Muramenye ntimwihute. Ibyiza ni ugutegereza, ntimwakire ibi bintu kugeza ubwo muzaba mwabonye ubusobanuro buhagije kuri byo." Maze abagabura bakomeza kubwiriza za nyigisho zumye, mu gihe abantu bakeneye manu nzima. {3SM 186.1}

Imico ya Kristo ni imico itunganye bihebuje, bityo agomba kwererezwa, agomba gutekerezwaho buri gihe, kuko ari imbaraga, n'ubushobozi, no kwezwa, no gukiranuka ku bamwizera bose. Abantu bafite umwuka wa gifarisayo, batekereza ko nibakomeza kugundira inyigisho za kera, ntibagire uruhare ku butumwa Imana yoherereje ubwoko Bwayo, ko ari bwo bazaba mu mwanya mwiza kandi ufite

umutekano. Ni ko n'abafarisayo ba kera batekerezaga, kandi urugero rwabo rwari rukwiriye kubera umuburo abagabura ngo bave ku kibuga cyo kumva bihagije ubwabo. {3SM 186.2}

**Ingingo z'Ubutumwa Bwiza Zitanga Umwuka Muri Iki Gihe.** Dukeneye ko imbaraga ituzaho ubu maze ikadukangura tukaba maso kandi tukagira kwizera kwimbitse. Maze nitumara kubatirishwa Umwuka Wera, Kristo azaremerwa muri twe, We byiringiro by'ubwiza. Bityo tuzagaragaza Kristo nk'umuntu wo mu ijuru ugize kwizera kwacu n'urukundo rwacu. Tuzavuga Kristo, amasengesho yacu tuzayerekeza kuri Kristo kandi ni we uzaba izingiro ryayo. Tuzasingiza izina Rye ryera. Tuzabwira abantu ibitangaza Bye, kwiyanga Kwe, igitambo Cye, imibabaro Ye, no kubambwa kwe, kuzuka Kwe no gusubira mu ijuru Kwe nk'umuneshi. Izo ni zo ngingo z'ubutumwa bwiza zitanga umwuka, zigakangura urukundo n'impuhwe nyinshi muri buri mutima. Aha ni ho hari ubutunzi bw'ubwenge no kumenya, isōko idakama. Uko urushaho gushaka iyi nararibonye, ni ko imibereho yawe izarushaho kugira agaciro gakomeye. {3SM 186.3}

Amazi y'ubugingo ashobora kuvomwa ku isōko kandi ntihabeho kugabanuka kw'amazi iyo sōko itanga. Abagabura b'ubutumwa bwiza baba barabaye abantu bakomeye kandi bafite imbaraga iyo baza guhora bahanze amaso Uwiteka kandi igihe cyabo bakacyegurira kwiga imico Ye y'igikundiro. Iyo baza kuba barakoze ibi, ntihari kuba harabayeho ubuhakanyi, ntihajyaga kubaho umuntu n'umwe uvanwa muri komferanse kubera gusuzuguza umurimo w'Imana no gukoza isoni Yesu ku mugaragaro kubera ibikorwa bye by'irari. Imbaraga za buri mugabura wese w'ubutumwa bwiza zikwiriye gukoreshwa mu kwigisha amatorero afite kwizera kwakira Kristo ku bwo kwizera nk'Umukiza wabo bwite, bakamugira mu mibereho yabo kandi bakamugira

icyitegererezo cyabo cyo gukurikiza no kwigiraho, bakamwizera, kandi akaba ari We berereza. Umugabura ubwe agomba kwibanda ku mico ya Kristo. Agomba gutekereza cyane ku kuri, kandi agatekereza ku bwiru bwo gucungurwa, cyane cyane umurimo w'ubuhuza wa Kristo akora muri iki gihe. {3SM 187.1}

**Mwibande Cyane Ku Kwigira Umuntu Kwa Kristo No Ku Gitambo cy'Impongano.** Niba Kristo ari byose muri bose kuri buri wese muri twe, kuki kwigira umuntu Kwe n'igitambo Cye cy'impongano bititibandwaho cyane mu matorero? Kuki imitima n'iminwa bidakoreshwa mu gusingiza Umucunguzi? Uyu ni wo uzaba umurimo w'imbaraga z'abacunguwe mu bihe bidashira. {3SM 187.2}

Dukeneye kugirana isano nzima n'Imana ubwacu kugira ngo twigishe abandi Yesu. Noneho, dushobora guha abandi inararibonye nzima y'ibyo Kristo yakoreye muri twe n'icyo asobanuye kuri twe ku bw'inararibonye y'uko kuri no ku bwo kwizera. Twakiriye Kristo kandi ku bw'umuhati mvajuru dushobora kuvuga iby'imbaraga tubana na yo. Abantu bagomba kwegerezwa Kristo. Imbaraga Ye ikiza igomba guhabwa agaciro. {3SM 187.3}

Abigishwa nyakuri, bicaye ku birenge bya Kristo, bavumbura imbuto y'agaciro y'ukuri kuvugwa n'Umukiza wacu, kandi bazamenya ubusobanuro bwayo kandi bishimire agaciro k'iyo mbuto. Kandi uko bazagenda barushaho guhinduka abicisha bugufi n'abemera kwigishwa, ni ko ubwenge bwabo buzafungukira kumenya ibitangaza byo mu mategeko y'Imana, kuko Kristo azabibigisha mu buryo busobanutse kandi bwahuranyije. {3SM 187.4}

Ihame ry'ubuntu n'agakiza tubona binyuze muri Yesu Kristo ni ubwiru bukomeye ku mugabane munini w'abantu bafite amazina yabo mu bitabo by'itorero. Kristo aramutse ari hano

ku isi akavugana n’ubwoko Bwe, yabushinja icyaha cyo gutseta ibirenge mu kumva no gusobanukirwa. Yabwira abantu batseta ibirenge mu kumva no gusobanukirwa ati, “Nabahaye ukuri kurebana n’agakiza kanyu, none ntimuzi agaciro kako.” {3SM 188.1}

Mbega ukuntu byari bikwiriye kuvugwa ku bagabura bigisha abantu n’amatorero ngo, “Maze abungura ubwenge ngo basobanukirwe n’ibyanditswe!” (Luka 24:45). Ndababwira ku bw’icyubahiro cy’Imana ko kugeza ubu, ukuri kwa Bibiliya kurebana n’umugambi ukomeye w’agakiza kumvikana mu buryo bufite intege nke cyane. Ukuri kuzakomeza guhishurwa, no kwaguka, no gutera imbere, kuko gufite kamere y’ubumana, nka nyirako. {3SM 188.2}

**Uko Yesu Yigishije Abantu.** Yesu ntabwo yigeze atanga ubusobanuro bwose cyangwa ngo atange ibyigisho birebire ku mahame, ahubwo Yavugaga mu nteruro ngufi, nk’uri kubiba imbuto z’amahame yo mu ijuru zimeze nk’amasaro agomba gushyirwa hamwe n’umukozi ufite ubwenge bwo kugenzura. Amahame yo kwizera n’ubuntu yagaragaraga aho yagiye yigisha hose. Kuki abagabura badaha amatorero ibyo kurya bizayaha ubuzima bw’iby’umwuka n’imbaraga? Umusaruro uzaba inararibonye ikomeye kandi ikungahaye y’imibereho yo kumvira ijambo ry’Imana. Kuki abagabura badakomeza ibisigaye bigiye gupfa? {3SM 188.3}

Ubwo yari ari hafi gusiga abigishwa Be, Kristo yashatse umufasha ukomeye yashoboraga kubaha. Yabasezeraniye Umwuka Wera – Umufasha – wo gufatanya n’imihati y’umuntu. Mbese ni irihe sezerano rindi ryigaragaza buhoro, kandi risohorezwa ku itorero buhoro, nk’isezerano ry’Umwuka Wera? Iyo uyu mugisha – ugendana n’indi migisha yose – wirengagijwe, umusaruro utabura kuboneka ni amapfa mu by’umwuka. Icyi ni icyaha gishinjwa

umubwiriza. Itorero rigomba gukanguka kandi ntirizongere na rimwe kwishimira ikime kidashyitse. {3SM 188.4}

**Ubukene Bwacu Bwa Mwuka Wera.** Kuki abizera bo mu matorero yacu bibuza amahirwe yabo? Ntabwo ubwabo bakangukiye kumenya uburyo bakeneye gukorwaho n'imbaraga y'Umwuka w'Imana. Itorero rishobora kuvuga nka Mariya riti, "bakuyemo Umwami wanjye, nanjye sinzi aho bamushyize" (Yohana 20:13). {3SM 189.1}

Abagabura babwiriza ukuri kw'iki gihe bazamenya kandi bemere ko hakenewe umurimo wa Mwuka w'Imana mu kwemeza abantu ibyaha no guhindura imitima, kandi iyi mbaraga igomba kuboneka mu kibwiriza cy'Ijambo ry'Imana, ariko ntabwo bumva akamaro kayo mu buryo buhagije ku buryo bagira ubumenyi bwimbitse kandi bugaragarira mu bikorwa bw'iyo mbaraga. Kubura k'ubuntu n'imbaraga y'umurimo w'ukuri mvajuru mu mitima yabo ubwabo bibabuza gusobanukirwa n'iby'umwuka no kugaragaza ubukene bwabyo bwihutirwa ku itorero. Bityo bagenda ahantu hose bameze nk'abatera ikinya mu bantu, bakagwingira mu mikurire y'ubuzima bw'iyobokamana, kuko mu murimo wabo bafite iyobokamana ry'amategeko. Imbaraga y'ubuntu bw'Imana ntabwo yumvikana ngo yakirwe nk'ihame rizima rihoraho, kandi rikenewe cyane. {3SM 189.2}

Iyaba abantu bose bashoboraga kubona ibi maze bakakira ubutumwa Imana yabahaye! Yahagurukije abagaragu Bayo ngo bagaragaze ukuri kwirengagijwe, kandi kukazikwa munsi y'imyanda y'ubunyamuhango bitewe n'uko kukwakira bisaba kwikorera umusaraba. Kugomba kuzamurwa kugasubizwa mu mwanya wako w'ubutumwa bw'iki gihe. Ibyo uko kuri gusaba bigomba kwemerwa, kandi kugahabwa umwanya wako mu butumwa bwa marayika wa gatatu. {3SM 189.3}

Reka abagabura benshi ba Kristo bategeke kwiyiriza ubusa, bahamagaze iteraniro ryera, maze bashake Uwiteka bigishoboka ko abonwa. Mumwambaze nonaha mukiri ku birenge by'umusaraba w'I Kaluvari. Mwiyambure ubwibone bwanyu bwose maze nk'abarinzi b'amatorero bahagarariye Imana, muririre hagati y'umuryango w'urusengero n'igicaniro, maze muvuge muti "Uwiteka we, kiza ubwoko bwawe, ntureke ab'umwandu wawe bashinyagurirwa. Tuvaneho ibyo ushaka byose, ariko ntutwime Umwuka wawe Wera, turi ubwoko bwawe." Nimusenge, nimusengere gusukwa kw'Umwuka w'Imana! – *Manuscript 27, 1889*. {3SM 189.4}

## Icyigisho Cya 22

## Kwibanda Ku Ngingo y'Agakiza – 1890-1908

[Icyi ni icyigisho cya 22 mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranijwe Vol. 3, ariko ni icyigisho cya gatatu mu gice cya gatanu cy'icyo gitabo cyitwa "Amahame y'Agakiza"]

**Ibyateganyijwe Ku bw'Agakiza** – Gutanga icyiru cy'ibyaha, kubabaza umubiri, kwatura ibyaha buri gihe, bitavuye ku kwihana nyakuri; kwiyiriza ubusa, kubahiriza iminsi mikuru, no kwigengesera kw'inyuma, bidaherekejwe no kwitanga nyakuri – ibyo byose nta gaciro na gato bifite. Igitambo cya Kristo kirahagije; Yatanze ituro rishyitse kandi rikwiriye imbere y'Imana; bityo umuhati w'umuntu utishingikirije ku byo Kristo yakoze, nata gaciro ufite. Ntabwo dusuzugura Imana gusa mu gukurikira iyo nzira ahubwo tunasenya icyo twakabaye tumara muri iki gihe n'ahazaza. Kutishimira agaciro k'igitambo cya Kristo, bifite imbaraga icogoza; bigwingiza ibyiringiro byacu, maze bikatubuza amahirwe yacu; bitujyana mu kwakira inyigisho zipfuye kandi zirimbura zirebana n'agakiza twahawe kaguzwe igiciro cyitagira akagero. Ntabwo abantu basobanukirwa ko binyuze mu nama y'agakiza umuntu ahabwa imbaraga mvajuru kugira ngo imihati ye yose igere ku nsinzi. {3SM 190.1}

Kubabarirwa mu buryo Kristo ababarira umuntu, ntabwo ari uguhabwa imbabazi gusa, ahubwo ni ukugira umutima mushya. Uwiteka aravuga ati, "Nzabaha n'umutima mushya." Ishusho ya Kristo igomba guterwa mu bwenge, mu mutima, no mu bugingo. Intumwa iravuga iti, "Nyamara twebwe dufite gutekereza kwa Kristo" (1Abakorinto 2:16). Hatabayeho guhinduka kubasha gukorwa gusa n'imbaraga y'ubumana, kamere y'icyaha iguma mu mutima mu mbaraga zayo zose, ikarema iminyururu mishya, igashyira umuntu mu bubata budashobora kuvanwaho n'imbaraga ya

kimuntu. Ariko kandi, abantu ntibashobora kwinjira mu ijuru bagifite ibyo bakundaga kera, n'ibyababase, ibigirwamana byabo, ibitekerezo, n'inyigisho zabo. Ijuru ntiryaba ahantu h'umunezero kuri bo; kubera ko buri kintu cyose cyabangamira ibyo bakunda, ibibaryohera, n'ibyababase, kandi bakababazwa cyane n'uko buri kintu cyose cyaho kirwanya ibyo bimitse mu mico yabo. {3SM 190.2}

Umunezero ni ingaruka yo kwera no guhuza n'ubushake bw'Imana. Abazaba abera mu ijuru bagomba kubanza kuba abera mu isi; kubera ko ubwo tuzaba tuvuye mu isi, tuzajyana n'imico yacu, kandi ibyo bisobanuye ko tuzajyana bimwe mu bigize imico y'ijuru twakiriye binyuze mu gukiranuka kwa Kristo. – *Urwibutso n'Integuza*, 19/08/1890.

**Gutsindishirizwa no Kwezwa Bikorwa Binyuze mu Kwizera – 1890.** Iyo twemeye Kristo nk'Umukiza wacu binyuze mu kwihana no kwizera, Uwiteka ababarira ibyaha byacu, akadukuraho igihano twari tugenewe ku bwo kwica amategeko. Umunyabyaha ahagarara imbere y'Imana nk'umuntu ukiranuka; agirana amahoro n'ijuru, kandi ku bwa Mwuka Muziranenge yunga ubumwe na Data n'Umwana. {3SM 191.2}

Ariko kandi, haba hakiri undi murimo ugomba gukorwa, kandi uyu ni umurimo ukomeza intambwe ku ntambwe. Umutima ugomba kwezwa n'ukuri. Kandi ibi na byo bikorwa binyuze mu kwizera. Kubera ko ni ku bw'ubuntu bwa Kristo gusa, twakira binyuze mu kwizera, imico ishobora guhinduka. {3SM 191.3}

Ni ngombwa ko dusobanukirwa n'imiterere yo kwizera. Hari abantu benshi bemera ko Kristo ari Umukiza w'isi, ko ubutumwabwiza ari ukuri kandi ko buhishura inama

y'agakiza, ariko ugasanga badafite kwizera gukiza. Bemera ukuri mu bwenge, ariko ibyo ntibihagije; kugira ngo umunyabyaha atsindishirizwe, agomba kugira kwa kwizera kwakira ibyo Kristo yakoze mu mutima we bwite. Dusoma ko abadayimoni "bizera bagahinda imishyitsi," ariko kwizera kwabo ntikubazanira gutsindishirizwa; ni ko no kwizera kw'abemera ukuri kwa Bibiliya mu bwenge gusa kutazigera kubazanira ibyiza by'agakiza. Uku kwizera kunanirwa kugera ku ngingo y'ingenzi, kubera ukuri kutigeze kwigarurira umutima cyangwa ngo guhindure imico. {3SM 191.4}

Mu kwizera nyakuri kandi gukiza, haba harimo kwiringira Imana, binyuze mu kwizera igitambo gikomeye cy'impongano cyatanzwe n'Umwana w'Imana I Kaluvari. Muri Kristo, ni ho umwizera utsindishirijwe abona ibyiringiro bye rukumbi n'umucunguzi we. Kwizera gushobora kubaho kudafite ibyiringiro, ariko ibyiringiro ntibishobora kubaho bidafite kwizera. Buri munyabyaha wese umaze kumenya imbaraga ya Kristo ikiza, azagaragaza ibi byiringiro ku rugero rwo hejuru uko agenda atera imbere mu bunararibonye. – *Ibimenyetso by'Ibihe*, 03/11/1890. {3SM 192.1}

**Kunesha Ibishuko n'Ibigeragezo – 1891.** Abantu benshi batekereza ko bitabashobokera kwirinda kugwa mu bishuko n'ibigeragezo, ko nta mbaraga bafite zo kunesha, maze bagacumura ku Mana mu byo bavuga, bakavuga amagambo y'urucantege no kutizera, mu cyimbo cyo kwizera no kugira umwete. Kristo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, ariko ntiyigeze akora icyaha. Yaravuze ati, "Umutware w'ab'iyi si araza, kandi nta cyo amfiteho." Mbese ibyo bisobanuye iki? Bisobanuye ko umutware w'ikibi atashoboraga kubona umwanya muri Kristo ashyiramo ibishuko n'ibigeragezo bye; ni ko no kuri twe bigomba kumera. – *Urwibutso n'Integuza*, 19/05/1891. {3SM 192.2}

**Ubutungane Ntabwo Bugerwaho Mu Munsi Umwe – 1891.** Duhanze amaso hirya y'ibihe; turimo kureba ku bizahoraho. Turimo kugerageza kubaho mu buryo Kristo ashobora kuvuga ati, "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka." Reka tubeho, buri wese muri twe, muri ubwo buryo. Dushobora gukosa; dushobora kuyoba; ariko Imana ntizigera iturekera mu buyobe. "Icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka." Haracyari ibyiringiro kuri twe; turi imbohe z'ibyiringiro. {3SM 192.3}

Reka dusingire amasezerano y'igiciro y'Imana. Umurima w'Imana wuzuye amasezerano y'igiciro cyinshi. Reka tuyakusanye; reka tuyagire ayacu; reka twerekane ko twizera Imana. Reka tuyifatire ku ijambo Ryayo; reka he kubaho umuntu n'umwe muri twe ugaragara ko ashidikanya Imana cyangwa ko atayifitiye icyizere. {3SM 192.4}

Reka tube Abakristo bakura. Ntitugomba guhagarara. Tugomba kuba turi imbere y'aho twari turi ejo; buri munsi twiga kwiringira biruseho, tukarushaho kwishingikiriza kuri Yesu. Tugomba gukura muri ubwo buryo. Ntabwo ugera ku butungane mu munsi umwe; kwezwa ni umurimo w'ubuzima bwose.... {3SM 193.1}

Ndibuka mu mwaka w'1843, umugabo n'umugore ... bari bategereje ko Umwami aza mu mwaka w'1844, kandi bari bategereje bari maso. Buri munsi basengaga Imana; mbere y'uko basezeranaho bifurizanya ijoro ryiza, baravugaga bati, "Birashoboka ko Umwami yaza dusinziriye, kandi turashaka kuba twiteguye." Umugabo yabazaga umugore we niba hari ijambo yavuze uwo munsi rishobora kuba rinyuranije n'ukuri no kwizera bahamyaga, n'umugore akamubaza atyo. Maze bagapfukama imbere y'Uwiteka bakamubaza niba bakoze icyaha mu byo batekereje, mu byo bavuze cyangwa mu byo bakoze, kandi ko niba hari icyobakoze, ko

yababababarira icyo cyaha. Muri iki gihe dukeneye kwiyoroshya kumeze gutyo. {3SM 193.2}

Mukeneye kumera nk'abana bato, mukishingikiriza ku byakozwe n'Umukiza wabambwe akazuka, bityo muzakomezwa. Gute? Abamalayika b'Imana bazabagota bameze nk'urukuta rw'umuriro. Gukiranuka kwa Kristo mushaka, kubagenda imbere, kandi ubwiza bw'Imana ni yo maherezo yanyu. Imana yeza imvugo; Imana yeza ibitekerezo; Imana yeza ubwenge bwacu, kugira ngo tubashe kwibanda ku bintu byo mu ijuru, kandi ngo ubwo bumenyi n'uwo mucyo tubashe kubigeza no ku bandi. Turacyafite urugendo rurerure, ntitugomba guhagarara hano. Imana ibafashe mu gusohoza inshingano zanyu neza cyane kurutaho. – *Manuscript 9, 1891*. {3SM 193.3}

**Ubusobanuro Bwo Gutsindishirizwa – 1891.** Gutsindishirizwa ku bwo kwizera kuri benshi ni amayobera. Umunyabyaha atsindishirizwa n'Imana iyo yihannye ibyaha bye. Abona Yesu ku musaraba w'I Kaluvari. Kubera iki habayeho uyu mubabaro wose? Amategeko ya Yehova yarishwe. Amategeko y'ingoma y'Imana mu ijuru no mu isi yarishwe, kandi igihano cy'icyaha ni urupfu. Ariko "Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Mbega urukundo, mbega urukundo rutarondoreka! Kristo, Umwana w'Imana, apfira umuntu wacumuye! {3SM 193.4}

Umunyabyaha yitegereza kamere y'umwuka y'amategeko y'Imana n'ibyo asaba bihoraho. Abona urukundo rw'Imana mu gutanga incungu n'ubwishingizi ku muntu wacumuye, kandi iyo ncungu ni Umwe uhwanye n'Imana. Uku kwigaragaza kw'ubuntu mu mpano y'agakiza yahawe isi byuzuza umunyabyaha gutangara. Uru rukundo Imana yakunze umuntu rusenya buri mupaka wose. Aza ku

musaraba, wabaye iteme rihuza ubumana n'inyokomuntu, maze akihana ibyaha n'ibicumuro bye, kubera ko Kristo yamwireherejeho. Ntabwo yiringira ko amategeko amuhanaguraho icyaha, kubera ko amategeko nta bushobozi afite bwo gukiza uwayishe. Areba ku Gitambo cy'impongano nk'ibyiringiro bye rukumbi, binyuze mu kwihana imbere y'Imana – kubera ko amategeko y'ingoma Yayo yishwe – kandi akagira kwizera mu Mwami wacu Yesu Kristo nk'Umwe ushobora gukiza no guhanagura buri gicumuro cyose cy'umunyabayaha. {3SM 194.1}

Umurimo wa Kristo w'ubuhuza watangiranye n'itangira ry'igicumuro n'umubabaro n'ubuhanya, kuva umuntu agihinduka umunyabyaha. Amategeko ntiyigeze avanwaho kugira ngo umuntu abashe gukira kandi yiyunge n'Imana. Ariko Kristo yakoze umurimo wo kumubera ubwishingizi n'umukiza mu guhinduka icyaha ku bwe, kugira ngo umuntu ahinduka gukiranuka kw'Imana muri Kristo, We uri Umwe na Data. Abanyabyaha bashobora gutsindishirizwa n'Imana gusa igihe ibabariye ibyaha byabo, ikavanaho igihano cyari kibakwiriye, ikabafata nk'aho ari abakiranutsi batigeze bakora icyaha, ikabakira bakagirana amahoro n'Imana kandi ikabafata nk'aho ari abakiranutsi. Batsindishirizwa gusa binyuze mu gukiranuka kwa Kristo babarwaho. Data yemera Umwana we, maze binyuze mu gitambo cy'impongano cy'umwana We akemera umunyabyaha. {3SM 194.2}

**Kwizera Kwa Rusange Ntabwo Guhagije.** Kwizera kwa rusange kwishimirwa n'abantu benshi, kandi bemera yuko Ubukristo ari byo byiringiro byonyine bihari ku mutima iri mu kaga ko kurimbuka. Ariko kwemera ibyo mu bwenge ntabwo bihagije kugira ngo umutima ukire....{3SM 194.3}

Ntabwo dukeneye kwizera gusa ahubwo dukeneye no kugira ibyiringiro mu Mana. Uku ni ko kwizera nyakuri kwa

Aburahamu, kwizera kwera imbuto. “Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka” (Yakobo 2:23). Igihe Imana yamubwiraga kuyitambira umwana we ho igitambo, ryari rya jwi ryavuganye na we rimubwira gusiga igihugu cye akajya mu gihugu Imana yagombaga kumwereka. Aburahamu yakijijwe no kwizera Kristo kimwe nk’uko umunyabyaha akizwa no kwizera Kristo muri iki gihe. {3SM 195.1}

Kwizera gutuma umuntu atsindishirizwa buri gihe kubanza kwera imbuto yo kwihana nyakuri, maze kugakurikizaho imirimo myiza, ari zo mbuto z’uko kwizera. Nta kwizera gukiza kutera imbuto nziza. Imana yatanze Kristo mu isi yacu kugira ngo ahinduke incungu y’umunyabyaha. Igihe umunyabyaha agize kwizera nyakuri mu byakozwe n’igitambo cy’impongano cyitagira akagero, akishingikiriza kuri Kristo nk’Umukiza we bwite, ubwo ni bwo umunyabyaha atsindishirizwa imbere y’Imana, ku bw’imbabazi aba agiriwe. – *MS 46, 1891* {3SM 195.2}

**Uko Umuntu Ashobora Kunesha – 1891.** Yohana yerekeje abantu kuri Ntama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi. Yaravuze ati, “Nguyu Umwana w’intama w’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi.” Hari ikintu gikomeye muri uko “gukuraho ibyaha.” Ikibazo ni iki, “Mbese tuzakomeza dukore ibyaha nk’aho ari ikidashoboka kuri twebwe kunesha?” Ni gute tugomba kunesha? Nk’uko Kristo yanesheje, ubwo ni bwo buryo bwonyine. Yasengaga Se wo mu ijuru. Dushobora gukora dutyo.... Mu gihe ugeragejwe ngo uvuge ibidakwiriye cyangwa ukore ibidakwiriye, jya unesha Satani maze uvuge uti, “Ntabwo nzigera ndeka ubushake bwanjye ngo bwigarurirwe n’imbaraga yawe. Nzafatanya n’imbaraga y’ubumana kandi ku bw’ubuntu nzaba umuneshi.” – *Manuscript 83, 1891*. {3SM 195.3}

**Kristo Yuzuza Intege Nke Zacu Tudashobora Gutsinda – 1891.** Yesu akunda abana be, n'iyo bayobye. Ni aba Yesu kandi tugomba kubafata nk'abaguzwe amaraso ya Yesu Kristo. Igikorwa cyose cyidakwiriye bakorewe cyandikwa mu bitabo nk'icyakorewe Yesu Kristo. Abahozaho ijisho Rye, kandi iyo bakora uko bashoboye, bagatabaza Imana ngo ibafashe, mujye mwizera ko umurimo bakora uzemerwa, nubwo udatunganye. {3SM 195.4}

Yesu aratunganye. Babarwaho gukiranuka kwa Kristo, kandi azavuga ati, "Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga mumwambike imyambaro myiza cyane." Yesu yuzuza intege nke zacu tudashobora gutsinda. Aho abakristo bizerana, bakagandukira Umugaba Mukuru w'ingabo z'Uwiteka, ntibagambanire icyizere bagiriwe mu biganza by'umwanzi, bazahindurwa bagire imico nk'iya Kristo. Yesu azatura mu mitima yabo ku bwo kwizera. – *Ibaruwa 17a, 1891 (Reba amagambo ameze nk'aya yavuzwe mu mwaka w'1885 mu gitabo cyitwa Kwizera n'Imirimo, p.50.)* {3SM 196.1}

**Hungira Kuri Kristo Vuba Ukimara Gukora Icyaha – 1892.** Abantu benshi ntibasenga. Bumva baciriweho iteka kubera icyaha, maze bagatekereza ko bagomba gusanga Imana ari uko bamaze kugira icyo bakora cyo kubahesha kugirirwa imbabazi n'Imana, cyangwa bakumva bazasanga Imana ari uko imaze kwibagirwa ibicumuro byabo. Baravuga bati, "Sinshobora kuzamura ibiganza byera imbere y'Imana ntafite umujinya cyangwa gushidikanya, bityo rero sinshobora kuyisanga." Baguma kure ya Kristo muri ubwo buryo, maze bagakomeza gukora ibyaha, kubera ntacyo mubasha gukora mutamufite uretse ibibi gusa. {3SM 196.2}

Ako kanya ugikora icyaha, jya wihutira guhungira ku ntebe y'ubuntu, maze byose ukabibwira Yesu. Ukwiriye kuba ufite agahinda k'ibyaha, kubera ko binyuze mu gukora icyaha uba wacogoje iby'umwuka muri wowe, uba wababaje

abamalayika bo mu ijuru, kandi uba washenguye umutima wuje urukundo w'Umucunguzi wawe. Igihe wasabye Yesu kukubabarira n'umutima umenetse, jya wizera ko yakubabariye. Ntugashidikanye imbabazi Ze cyangwa ngo wange ihumure ry'urukundo rwe rutagira akagero. – *The Bible Echo, 01/02/1892* (*Ikibwiriza cyatangiwe I Melbourne muri Australia ku itariki 19/12/1891*.) {3SM 196.3}

**Bigenda Bite Iyo Dukoze Icyaha Nyuma Yo Kubabarirwa? – 1892.** Ni Umwuka Wera utera kwihana muri twe. Yesu atwireherezaho binyuze mu Mwuka We mvajuru; maze ku bwo kwizera amaraso Ye tugahanagurwaho ibyaha: "kubera ko amaraso ya Yesu Kristo Umwana wayo atwezaho ibyaha byose" (1Yohana 1:7). "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose" (1Yohana 1:9). {3SM 196.4}

Reka tuvuge ko dukoze icyaha nyuma yo kubabarirwa, tumaze guhinduka abana b'Imana, mbese tugomba kwiheba? – Oya: kubera ko Yohana yaranditse ati, "Bana banjye bato, mbandikiriye ibyo kugira ngo mudakora icyaha. Icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka" (1Yohana 2:1). Yesu ari mu bikari byo mu ijuru, adusabira kuri Data. Ajyana amasengesho yacu, ayavanze n'umubavu mwiza w'imirimo Ye, kugira ngo amasengesho yacu yemerwe na Data. Ashyira impumuro nziza mu masengesho yacu, maze Data akatwumva kubera ko dusaba ibyo dukeneye biruta ibindi, bityo tugahindukira abandi impumuro y'ubugingo izana ubugingo. {3SM 197.1}

Yesu yaje kubabazwa ku bwacu, kugira ngo abashe kuduha gukiranuka Kwe. Hari inzira imwe rukumbi dushobora guhungiramo, kandi iyo nzira ibonekera gusa mu guhinduka abasangiye kamere n'Imana. {3SM 197.2}

Ariko, abantu benshi bavuga ko Yesu atarameze nkatwe, ko atarameze nk'uko tumeze hano ku isi, ko yari Imana, bityo ko tudashobora kunesha nk'uko yanesheje. Ariko Pawulo yaranditse ati, "Kandi rero tuzi yuko atenze kamere y'abamarayika, ahubwo yenze urubyaro rwa Aburahamu. Ni cyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene Se kuri byose, ngo abe umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'Imana, abe n'impongano y'ibyaha by'abantu. Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose" (Abaheburayo 2:16-18). "Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye" (Abaheburayo 4:15,16). Yesu aravuga ati, "Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye" (Ibyahishuwe 3:21). {3SM 197.3}

Yesu yabumbiye hamwe inyokomuntu mu bumuntu Bwe, maze ahuza Imana n'umuntu; bityo imbaraga y'imico ihabwa umuntu binyuze mu byo Yesu yakoze. Abavuga izina Rye bagomba kwiyeza binyuze mu buntu Bwe kugira ngo babone uko baha iyo mbaraga yeza abo bahura na bo bose. – *Urwibutso n'Integuza, 01/03/1892*. {3SM 198.1}

**Nta Gihe Cyo Gushyira Amaboko Hasi – 1892.** Mu gihe tumaze kumva uburyo dukeneye kwishingikiriza kuri Kristo ku bw'agakiza kacu, mbese dushyire amaboko hasi maze tuvuge tuti, "Ntacyo ngomba gukora; narakijijwe; Yesu yarabirangije?" – Oya, tugomba gukoresha imbaraga zose kugira ngo tubashe guhinduka abasangiye kamere n'Imana. Tugomba guhora turi maso, dutegereje, dusenga, kandi dukora. {3SM 198.2}

Ariko gukora ibyo dushoboye byose, ntibishobora kwishyura incungu y'ubugingo bwacu. Ntacyo dushobora gukora ngo twiremere kwizera, kuko kwizera ni impano y'Imana; ntidushobora no kugutunganya, kuko Kristo ari we usohoza kwizera kwacu. Byose bituruka kuri Kristo. Kwifuza kugira ubuzima bwiza kose guturuka kuri Kristo, kandi cyiba ari igihamya cy'uko Ari kukwireherezaho maze nawe ukakira iyo mabaraga Ye ireshya. – *The Bible Echo, 15/05/1892*. {3SM 198.3}

**Kamere ya Kristo Ishyirwa Muri Twe – 1894.** Ukuri, ukuri kw'igiciro, gufite imbaraga yeza. Kwezwa k'umutima bikozwe na Mwuka Wera ni ugushyira kamere ya Kristo mu muntu. Ni Ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo bwigaragariza mu mico, kandi bukagaragarira no mu mirimo myiza. Ni ko imico igenda ihinduka irushaho gutungana ikurikije ishusho ya Kristo mu gukiranuka no kwera nyakuri. Hari ibintu byinshi bisabwa n'ukuri mvajuru bigaragarira mu mirimo myiza mu buryo bwagutse. Ukuri kwo mu butumwa bwiza ntabwo gutandukanye; mu gushyira hamwe kwakwo gukora umugozi umwe w'amasaro mvajuru, nk'uko byari bimeze mu murimo wa Kristo, kandi guhuriza hamwe umurimo n'imibereho ya gikristo uko yakabaye nk'amapfundo y'izahabu. {3SM 198.4}

Ukuri kwuzurira muri Kristo. Aravuga ati, "Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo." Abizera nyakuri bose bahurizwa muri Kristo, imico yabo bayikomora muri Kristo; bose bahurira muri Kristo, kandi ni we bazengurukaho. Ukuri kuva mu Ijuru kugira ngo gutunganye kandi kweze abantu kubakureho kwangirika kose. Kuyobora ku bikorwa by'ubugiraneza, impuhwe, ubugwaneza, urukundo nyakuri rugaragarizwa abakene, abashavuye, n'abababaye. Uku ni ko kumvira amagambo ya Kristo gushyizwe mu bikorwa. – *Manuscript 34, 1894*. {3SM 198.5}

**Satani Yavugaga Ko Yejejwe – 1894.** Satani yavugaga ko yejejwe, ndetse yishyiraga no hejuru y'Imana ubwayo mu bikari byo mu ijuru. Imbaraga ye y'ubushukanyi yari ikomeye cyane ku buryo yashoboye kuyobya umubare munini w'abamarayika, akanigarurira urukundo rwabo ngo arukoreshe mu nyungu ze z'inarijye. Igihe yageragezaga Kristo mu butayu yavugaga ko yejejwe, ko ari umumarayika utunganye uvuye mu bikari byo mu ijuru; ariko Yesu ntiyigeze ashukwa n'uko kwigaragaza kwa Satani kandi nta nubwo ibyo bizigera bishuka ababeshwaho n'ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana. {3SM 199.1}

Imana ntizigera yemera kumvira kudashyitse, kandi kugambiriwe. Abavuga ko bejejwe, nyamara bakiziba amatwi ngo batumva amategeko, baba bagaragaza ubwabo ko ari abana bo kutumvira, bafite imitima ya kamere itumvira amategeko y'Imana, kandi idashobora no kuyumvira. –*Manuscript 40, 1894*. {3SM 199.2}

**Kwizera n'Imirimo Myiza – 1895.** Kwemerwa n'Imana kwacu bishoboka gusa binyuze mu Mwana Wayo ikunda, kandi imirimo myiza ni ingaruka y'umurimo w'urukundo rwa Kristo rubabarira. Ntabwo iyo mirimo ikomoka muri twe, kandi nta n'ikintu na kimwe twemererwa ku bw'imirimo yacu myiza ku buryo dushobora kugishingiraho tukavuga ko gifite uruhare mu gakiza k'imitima yacu. Agakiza ni impano y'ubuntu Imana iha uwizeye, ikayimuha ku bwa Kristo gusa. Umutima ushavuye ushobora kubona amahoro binyuze mu kwizera Kristo, kandi ayo mahoro azaba menshi cyangwa make bitewe n'uko kwizera umuntu afite kungana. Ntabwo umuntu ashobora kuzana imirimo ye myiza nk'ituro ryo kumuhesha agakiza k'umutima we. {3SM 199.3}

None se imirimo myiza nta gaciro ifite? Mbese umunyabyaha ukora ibyaha buri munsi adahanwa, Imana imurebana imbabazi n'impuhwe kimwe na wa wundi ugerageza

gukorana ubudahemuka binyuze mu kwizera afite muri Kristo? Ibyanditswe bitanga igisubizo kivuga ngo, “Kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo.” {3SM 199.4}

Muri gahunda Ye, binyuze mu buntu twagiriwe tutabukwiriye, Uwiteka yateganyije ko imirimo myiza izagororerwa. Twemerwa binyuze mu byo Kristo yadukoreye gusa; ibikorwa by’imbabazi, n’imirimo y’ubugiraneza dukora, ni imbuto zo kwizera; kandi ibyo biduhindukira umugisha; kuko abantu bazagororerwa hakurikijwe ibyo bakoze. {3SM 200.1}

Impumuro y’ibyo Kristo yakoze ni yo ituma imirimo yacu myiza yemerwa n’Imana, kandi ubuntu ni bwo budushoboza gukora imirimo izaduhesha ingororano y’Imana. Ibikorwa byacu ubwabyo byonyine nta gaciro bifite. Nitumara gukora ibyo dushoboye byose, tujye twireba nk’abagaragu batagira umumaro. Ntabwo dukwiriye gushimwa n’Imana. Twakoze ibyari biri mu nshingano zacu gusa, kandi imirimo yacu ntiyashoboraga gukorwa mu mbaraga za kamere yacu y’icyaha. {3SM 200.2}

Uwiteka yatubwiye ko tugomba kumusanga ko ari bwo na we azatuba hafi; kandi iyo tumusanze, twakira ubuntu budushoboza gukora ya mirimo izagororerwa n’ibiganza bye. – *Urwibutso n’Integuza, 29/01/1895*. {3SM 200.3}

**Tuzengurutswe n’Ikirere cy’Ijuru – 1898.** “Turayikunda kuko ari yo yabanje kudukunda” (1Yohana 4:19). Guhinduka nyakuri, kwezwa nyakuri, ni byo bizatera impinduka mu buryo tubana na bagenzi bacu no mu buryo tubana n’Imana. “Natwe twamenye kandi twizeye urukundo Imana idukunda. Imana ni urukundo, kandi uguma mu rukundo aguma mu Mana, Imana ikaguma muri we”

(1Yohana 4:16). Kwizera kwacu kugomba gukura. Tugomba kumenya kwezwa na Mwuka. Tugomba gushaka Imana mu masengesho asenganywe umwete, kugira ngo Umwuka w'Imana ashobore gukorera muri twe. Bityo Imana izahimbazwa ku bw'icyitegererezo umuntu atanga. Tuzaba abakozi bakorana n'Imana. {3SM 200.4}

Kwezwa k'ubugingo, umubiri, n'umwuka bizatuma tuzengurukwa n'ikirere cy'ijuru. Niba Imana yaradutoranyije uhereye kera, ni ukugira ngo tube abera, imitima yacu yejejweho imirimo ipfuye kugira ngo tubone uko dukorera Imana ihoraho. Ntitugomba kugira inarijye ikigirwamana cyacu mu buryo ubwo ari bwo bwose. Imana ubwayo yaritanze kugira ngo idupfire, kugira ngo itwezeho gukiranirwa kose. Uwiteka azakomeza gukora uyu murimo wo kudutunganya nituramuka twemeye kuba munsi y'ubutware bwe. Imana ikora uwo murimo ku bw'ineza yacu no ku bw'icyubahiro cy'izina Ryayo. {3SM 200.5}

**Akamaro kwo Kwizera Kwimbitse kandi Kwiyoroheje.** Tugomba gutanga ubuhamya buzima imbere y'abantu, tukabagaragariza ukwiyoroshya kwo kwizera. Tugomba gufatira Imana kw'ijambo Ryayo, kandi tukizera ko izakora nk'uko yavuze. Iyo iduhana, iba igira ngo dusangire kamere Yayo y'ubumana. Ikoresha gahunda zayo n'imigambi yayo kugira ngo itweze buri munsi. Mbese ntitugomba kwita ku nshingano yacu? Mbese ntitugomba kugaragariza abandi inshingano yabo, amahirwe bafite yo gukurira mu buntu no kumenya Yesu Kristo? {3SM 201.1}

"Icyo Imana ishaka ni iki, ni ukwezwa kwanyu" (1Abatesalonike 4:3). Ntabwo twigeze dushishikarira kujya mbere dukurikije icyiguzi gikomeye cyo guhamagarwa kwacu guhanitse. Inarijye yahawe umwanya munini. Reka dukorere munsi y'ubuyobozi budasanzwe bwa Mwuka Wera. Uwiteka arashaka imbaraga zose z'ubwenge n'impagarike yose.

Arashaka ko dusa na We mu byo dushaka, mu buryo twiyumva, mu mwuka wacu, no mu bitekerezo. Umurimo wo gukiranuka ntushobora kujya mbere muri twe tudakoresheje kwizera kwimbitse. {3SM 201.2}

Buri munsi ujye ugendera munsi y'ubutware bw'imbaraga ishoborabyose y'Imana. Ibiva ku gukiranuka ni ihumure n'ibyiringiro bidashidikanywa iteka ryose. Iyaba twaragize kwizera gushyitse mu Mana kandi ntitwiringire ibitekerezo byacu n'ubwenge bwacu, Imana iba yaragaragaje imbaraga Yayo mu buryo bukomeye ku mitima y'abantu. Ku bwo kunga ubumwe n'Imana binyuze mu kwizera, dufite amahirwe yo kwishimira ibyiza by'umurimo w'ubuhuza. Bityo tubambanwa na Kristo, tugapfana na Kristo, tukazukana na Kristo, tukagendana na We mu buzima bushya. – *Ibaruwa 105, 1898*. {3SM 201.3}

**Kwezwa Nyakuri Kuracyenewe – 1902.** Amajoro abiri ashize, nakangutse sayine z'ijoro, ndemerewe cyane no kubura kw'umurimo w'Umwuka Wera mu bantu bacu. Narabyutse ngendagenda mu cyumba, ninginga Uwiteka ngo abe hafi, hafi cyane y'abantu Be, abahe imbaraga yo kubashoboza gukorana umwete mwinshi umurimo we kugira ngo ubuntu bwa Kristo bwigaragarize muri bo… {3SM 201.4}

Mu kibwiriza cyo ku Musozi, Kristo yatanze ubusobanuro bwo kwezwa nyakuri. Yabayeho imibereho yera. Yesu yari icyigisho cyigaragaza uko abamukurikira bagomba kumera. Tugomba kubambanwa na Kristo, tugahambanwa na We, maze tukazurwa n'Umwuka We. Ni bwo tuba twuzuye ubugingo Bwe. {3SM 202.1}

**Umurimo w'Ubuzima Bwose.** Kwezwa kwacu ni wo mugambi w'Imana mu byo idukorera byose. Yadutoranyije kuva kera kugira ngo tube abera. Kristo yitangiye kuducungura, kugira ngo ku bwo kwizera imbaraga Ye ikiza

ibyaha, tubashe kuzurira muri We. Mu kuduha Ijambo Rye, yari aduhaye umutsima uvuye mu ijuru. Yavuze ko niturya umubiri We tukanywa n'amaraso Ye, tuzaba dufite ubugingo buhoraho. {3SM 202.2}

Kuki ibi atari byo twibandaho? Kuki tudaharanira gutuma byumvikana vuba, kandi bisobanuye ikintu gikomeye? Kuki Abakristo badafungura amaso yabo ngo barebe umurimo Imana ibasaba gukora? Kwezwa ni umurimo ujya mbere mu buzima bw'umuntu bwose. Uwiteka aravuga ati, "Icyo Imana ishaka ni iki, ni ukwezwa kwanyu" (1Abatesalonike 4:3). Mbese mwe mufite ubushake bw'uko ibyifuzo byanyu n'ibyo murarikiye byahuza n'ubushake bw'Imana? {3SM 202.3}

Nk'Abakristo, twasezeranye kuzuza inshingano zacu no kwereka isi ko dufitanye ubumwe n'Imana. Bityo, Kristo agomba kugaragazwa binyuze mu magambo n'ibikorwa byo kubaha Imana by'abigishwa Be. {3SM 202.4}

Imana idusaba kumvira amategeko Yayo mu buryo butunganye – kuko ari yo agaragaza imico Yayo. "Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza" (Abaroma 3:31). Aya mategeko ni ukurangurura kw'ijwi ry'Imana, itubwira iti, "Muhore muri abera. Mwifuze kuzura kw'ubuntu bwa Kristo; mugire inzara n'inyota byo gukiranuka. Isezerano ni iri, 'Muzahazwa.'" Reka imitima yanyu yuzurwe n'icyifuzo cyo gukiranuka, ari wo murimo Ijambo ry'Imana rivuga ko ari amahoro, kandi ibiva ku gukiranuka bikaba ihumure n'ibyiringiro bidashidikanywa iteka ryose. {3SM 202.5}

**Abasangiye Kamere n'Imana.** Ni amahirwe yacu kuba abasangiye kamere n'Imana, tumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza. Imana yavuze neza ko Idusaba gutungana; kandi kubera ko ibidusaba, Yateganyije ibicyenewe kugira ngo tubashe kuba abasangiye

kamere n'Imana. Ni muri ubwo buryo gusa dushobora kugera ku nsinzi mu mihati yacu yo kugera ku bugingo buhoraho. Imbaraga itangwa na Kristo. "Abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana" (Yohana 1:12). {3SM 203.1}

Imana idusaba gusa na Yo. Kwera ni ukurabagirana kw'ubwoko Bwayo burabagiranisha imirasire y'ubwiza bw'Imana. Ariko kugira ngo umuntu abashe kugaragaza ubwiza bw'Imana, agomba gukorana na Yo. Umutima n'ubwenge bigomba kuvanwamo ikintu cyose kiganisha ku kibi. Ijambo ry'Imana rigomba gusomwa no kwiganwa icyifuzo gikomeye cyo kwakira imbaraga y'Umwuka. Umutsima wo mu ijuru ugomba kurimbwa no kugogorwa, kugira ngo uhinduke umugabane ugize ubugingo bwacu. Ni muri ubwo buryo twakira ubugingo buhoraho. Ni bwo isengesho ry'Umukiza riba rishubijwe, rya rindi rivuga riti, "Ubereshe ukuri: ijambo ryawe ni ryo kuri." – *Ibaruwa 153, 1902*. {3SM 203.2}

**Ibitekerezo n'Ibikorwa Bigomba Guhuza n'Ijambo ry'Imana.** Hari abantu benshi bavuga ko bejejwe n'Imana, nyamara iyo bagaragarijwe igipimo gikomeye cyo gukiranuka barivumbura bakagaragaza umwuka uhamya ko batazi icyo kwezwa bisobanuye. Ntabwo bafite wa mutima wari muri Kristo; kubera ko abejejwe by'ukuri bazubaha kandi bumvire Ijambo ry'Imana mu gihe baribwiwe, kandi bazagaragaza icyifuzo gikomeye cyo gushaka kumenya ukuri kwa buri hame ryose. Amarangamutima y'ibyishimo ntabwo ari igihamya cyo kwezwa. Kuvuga ngo, "Narakijijwe, narakijijwe," ntabwo bihamya ko umutima ukijijwe cyangwa ko wejejwe. {3SM 203.3}

Benshi mu bagaragaza amarangamutima akomeye babwirwa ko bejejwe, nyamara batanasobanukiwe n'icyo iryo jambo risobanura, kubera ko batazi Ibyanditswe cyangwa imbaraga

y'Imana. Barishimagiza bakavuga ko bahuje n'ubushake bw'Imana kubera ko biyumvamo ibyishimo; ariko iyo basuzumwe, iyo Ijambo ry'Imana rizanywe ngo risuzume imibereho yabo, biziba amatwi ngo badakomeza kumva ukuri, bakavuga bati, "Ndejejwe," maze guhangana bikarangirira aho. Ntibazigera bashakashaka mu Byanditswe ngo bamenye icyo ukuri ari cyo, maze bakagaragaza ko bishuka mu buryo buteye ubwoba. Ubusobanuro bwo kwezwa burenze gutwarwa n'amarangamutima. {3SM 204.1}

Gutwarwa si ko kwezwa. Guhuza n'ubushake bwa Data wa twese uri mu ijuru ni ko kwezwa konyine, kandi ubushake bw'Imana bugaragarira mu mategeko Yayo yera. Kwitondera amategeko yose y'Imana ni ko kwezwa. Kugaragaza ubwanyu ko muri abana b'Imana bumvira Ijambo ryayo ni ko kwezwa. Ijambo ry'Imana ni ryo rigomba kuba umuyobozi wacu, ntabwo ari ibitekerezo by'abantu. – *Urwibutso n'Integuza, 25/03/1902*. {3SM 204.2}

**Kwezwa, Inararibonye Umuntu Ageraho Uko Akomeza Gukura – 1908.** Nitugumisha ibitekerezo byacu kuri Kristo, azatuzaho ameze nk'imvura, nk'imvura y'itumba isomya ubutaka. Nka Zuba ryo Gukiranuka, Azaturasira afite gukiza mu mababa Ye. Tuzarabya nk'ururabyo, dushibuke nk'ingano, dutohe nk'umuzabibu. {3SM 204.3}

Mu guhora duhanze amaso Kristo kandi dukurikiza icyitegererezo Cye nk'Umukiza wacu bwite, tuzakurira muri We muri byose. Kwizera kwacu kuzakura, imitimanama yacu izezwa. Tuzagenda turushaho gusa na Kristo mu bikorwa byacu byose no mu magambo yacu yose. Imana ishimwe, tuzizera Ijambo Ryayo. "Imbuto z'Umwuka ni urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, ingeso nziza, kwizera, kugwa neza, kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana." – *Ibaruwa 106, 1908*. {3SM 204.4}

## Umugereka

## Ibyangombwa by'Imibereho ya Gikristo Muri Iki Gihe

### Ijambo Ku Musomyi

Ingingo zikubiye mu gice cy'umugereka ni izirebana n'imibereho ya gikristo, ku buryo iyo habuzemo n'imwe ubugingo bw'umuntu buba buri mu kaga. Twakoresheje Bibiliya n'ibitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi. Nta magambo yacu twashyizemo, nta n'ubusobanuro bwacu twongeyeho.

Amapaji yo mu gitabo cy'Intambara Ikomeye twakoresheje ni ayo mu gitabo gitoya. Amapaji yo mu gitabo cy'Inama zigirwa itorero twakoresheje ni ayo mu gitabo cyasohotse mu mwaka w'1998. Kubera ko twakoresheje igitabo cyo mu Kinyarwanda kandi kikaba gifite imigabane ibiri, dukoresha [1] na [2] mu kwerekana umugabane wa mbere cyangwa uwa kabiri. Igitabo cya Rengera Ubuzima twakoresheje ni icy'Ikinyarwanda, kandi kuko gifite imigabane ibiri, dukoresha [1] na [2] mu kwerekana umugabane wa mbere cyangwa uwa kabiri. Amapaji yo mu gitabo cy'Ubutumwa bwatoranijwe Vol. 1 twakoresheje ni ayo mu gitabo cy'Icyongereza kuko bitadushobokeye kubona icy'Ikinyarwanda igihe twakusanyaga ibi bihamya; uretse ibyo twashyizemo nyuma tubikuye mu gitabo cy'Ubutumwa bwatoranyijwe, Vol. 1, ingeri ya Kabiri, yasohotse mu mwaka wa 2016. N'ibindi bitabo muzabona amazina yabyo yanditse mu cyongereza, ni ukuvuga ko paji zagaragajwe ari iz'igitabo cy'icyongereza, ariko aho byadushobokeye twagiye tugaragaza n'amapaji y'ibitabo by'ikinyarwanda ayo magambo ashobora kubonekamo.

*- Abahinduye ubu butumwa mu Kinyarwanda*

## BIBILIYA: Ibyanditswe Byera, Ijambo ry'Imana

"Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kuyitondera nk'uko Ijambo ryawe ritegeka." Zaburi 119:9

**1.**"Bibiliya ni cyo gipimo gikomeye kigaragaza Ukuri n'ikinyoma, igaragaza neza icyaha n'ubutungane. Amahame yayo abeshaho, ameze nk'imigezi y'izahabu, ni yo burinzi bwacu mu gihe cy'amakuba n'ibigeragezo. … Iyo umuntu abuze kwizera Ijambo ry'Imana, umutima we uba utakaje umuyobozi n'ubuhungiro bwawo." *Ellen G. White, The Faith I Live By, p.7 [Ukwizera kumbeshejeho]*

**2.**"Ni ikintu kimwe gufata Bibiliya nk'igitabo kigisha inyigisho nziza umuntu yagenderaho, igitabo kigendanye n'ibihe turimo n'umwanya dufite mu isi; ni ikindi kintu kuyifata nk'uko iri by'ukuri – nk'Ijambo ry'Imana ihoraho, nk'Ijambo ry'ubugingo bwacu, nk'Ijambo rigomba guhindura ibikorwa byacu, amagambo yacu, n'intekerezo zacu. Gufata Ijambo ry'Imana mu bundi buryo buri munsi y'ubwo ni ukurirwanya.

Ijambo ry'Imana rirondora imico y'umuntu, rikagenzura impamvu imutera gukora. Tugomba gusoma iri Jambo dufite umutima n'ubwenge byugururiwe kwakira ibyo Imana itugezaho. Ntitugomba kwibwira yuko gusoma iryo Jambo bishobora gukora icyo wa wundi rihishura, afitiye ubushobozi bwo gukora. Bamwe bari mu kaga ko kwihutira gufata umwanzuro, ngo kubera ko bemera cyane amahame y'ukuri, ubwo bafite n'imigisha ayo mahame atangariza uzakira uko kuri. Benshi bakingiranira ukuri hanze. Amahame yera yako ntiyigeze yigarurira amagambo bavuga, ibitekerezo bagira, n'ibikorwa byabo." *Ellen G. White, The Faith I Live By, p.18 [Ukwizera Kumbeshejeho]*

**3.**"Ibyanditswe Byera bigomba kwakirwa nk'Ijambo duhawe rivuye ku Mana, atari nk'iryanditswe gusa, ahubwo nk'irivuzwe n'Imana. Iyo abantu bafite ibibazo babaga baje

basanga Kristo, ntabwo yabaga areba abo baje kumwaka ubufasha bonyine, ahubwo yabaga areba abantu bose mu bihe byose bazaza kuri We bakeneye ubufasha nk'ubwabo kandi bafite kwizera nk'ukwabo. Igihe yabwiraga ikirema ati: 'Mwana wanjye, humura ibyaha byawe urabibabariwe.' Matayo 9:2; igihe yabwiraga umugore w'I Kaperinawumu ati: 'Mwana wanjye, komera. Kwizera kwawe kuragukijije, genda amahoro.' Luka 8:48; yarabwiye n'abandi bose bari mu ngorane, bikoreye imitwaro iremere y'ibyaha baza bamushakaho ubufasha. Ni ko biri no ku yandi masezerano yose ari mu Ijambo ry'Imana. Muri yo Yesu aba ari kuvugana na buri muntu wese ku giti cye, akamubwira nk'aho ari kumva ijwi rye bwite avugana na we. Muri ayo masezerano ni mo Kristo aduhera ubuntu bwe n'imbaraga ze. Ni yo bibabi byo kuri cya giti 'byo gukiza amahanga.' Iyo tuyakiriye, tukayagira ayacu, atubera imbaraga z'imico, umwuka n'imbaraga by'ubugingo bwacu." *Ellen G. White, The Faith I Live, p.9 [Ukwizera Kumbeshejeho]*

**4.**"Nta nyigisho yakwitwa iy'ukuri mu gihe inyuranya n'Ijambo ry'Imana. Imana ibuzanya inyigisho y'ubundi bwoko ubwo ari bwo bwose.... Iri jambo ni ryo kuri ryonyine; ni ryo shingiro nyakuri ry'inyigisho zose n'ubuzima bwose, kandi ntirishobora gutsindwa na gato cyangwa kutubeshya. Umuntu wubaka kuri uru rufatiro azabasha gutsinda imbaraga zose z'I kuzimu, mu gihe ibyo umuntu yirata byose bihagurukirijwe kurirwanya bizatsindirwa imbere y'Imana." – *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.147*

**5.**"...Ubutware bw'Ijambo ry'Imana buruta ubw'itorero rigaragara." – *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.147*

**6.**"Ubwo bushobozi bwari buri mu Ijambo Imana yavuze igihe yaremaga, ni bwo buri no mu ijambo Imana yandikishije. Iryo jambo rifite ububasha; ritanga ubuzima. Buri tegeko ni isezerano; ryemerwa ku bw'ubushake, rikakirwa mu mutima, muri ryo harimo ubugingo bukomoka

ku Uhoraho. Rihindura ibyaremwe, rikongera rikarema umuntu mu ishusho y'Imana." *Ellen G. White, Education, p.126 [Uburezi]*

**7.**"Ibibazo birebana n'ubugingo buhoraho bidusaba ikindi kirenze gutekereza iby'idini, idini y'amagambo n'imigenzo, aho ukuri gukingiranirwa inyuma y'urugo. Imana ihamagarira abantu kugira impinduka no kwivugurura. Amagambo ya Bibiliya kandi Bibiliya yonyine ni yo agomba kuvugirwa ku ruhimbi. Ariko Bibiliya yambuwe ubushobozi bwayo none ingaruka ziragaragarira mu gucecekesha ijwi rya Mwuka mu mibereho y'umuntu. Mu bibwirizwa byinshi byo muri iki gihe nta mbaraga mvajuru ibigaragaramo yo gukangura ibitekerezo, umuntu agasubizwamo ubugingo. Abumva ubutumwa ntibashobora kuvuga bati, 'Mbese imitima yacu ntiyari ikeye ubwo yavuganaga natwe turi mu nzira adusobanurira Ibyanditswe ?' Luka 24:32. Hari benshi bataka, batakira Imana, bifuza ko ibigaragariza. Reka Ijambo ry'Imana rivugane n'umutima wabo. Reka abumvise iby'imihango gusa n'inkuru z'abantu, bumve ijwi Rye, we ushobora guhembura ubugingo bwabo bagasobanukirwa iby'ubugingo buhoraho." *Ellen G. White, Prophets and Kings, p.626 [Abahanuzi n'Abami]*.

**8.**"Ikibazo kirabazwa ngo: 'Ni mpamvu ki hari ikibuze mu itorero?' Ni uko tureka ibitekerezo byacu bikava ku Ijambo bikajya kure yaryo. Iyaba Ijambo ry'Imana ryaribwaga nk'ibyokurya bitunga ubugingo, iyaba ryubahwaga rigahabwa agaciro kandi rikemerwa, ntibyabaye ngombwa ko habaho ibihamya byinshi bihora bivugwa. Ibyanditswe Byera bivuzwe mu buryo busanzwe butaruhije byakwakirwa kandi bigashyirwa mu bikorwa." – *Ellen G White, Inama Zigirwa Itorero, p.123*

**9.**"Ubwo Olaf Petri yari imbere y'umwami n'abantu bakomeye bo mu gihugu cya Suwedi … uwo mugorozi yaje kuvuga ati: 'None se bishoboka bite ko abantu batinyuka

kwihangira inyigisho zabo zihuje n'irari ryabo, maze bakazihatira abantu nk'aho ari ibintu bya ngombwa bihesha agakiza?' Yerekanye ko amateka itorero rica nta gaciro afite igihe cyose arwanya amategeko y'Imana, maze ashikama ku ihame ry'ingenzi rya Giporotestanti rivuga riti: 'Bibiliya, kandi Bibiliya yonyine' ni yo shingiro ryo kwizera n'imikorere." *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.177*

**10.** "Iyaba ubwoko bw'Imana bwishimiraga ijambo ryayo bukarikurikiza, twagize ijuru mu itorero hano ku isi." *Ellen G. White, Inama Zigirwa itorero[1], p.117*

**11.** "Mujye mwitondera gahunda yo kwiga Ibyanditswe mu ngo zanyu. Mujye mwirengagiza ikintu cyose cya kamere y'iyi si ... ariko mujye mureba neza ko umutima ugaburirwa umutsima w'ubugingo. Ntibishoboka kugereranya ngo umuntu amenye ibyiza yagezwaho n'isaha imwe cyangwa ndetse n'igice cy'isaha ya buri munsi byahariwe Ijambo ry'Imana abantu bishimye kandi basabana. Mujye mureka Bibiliya abe ari yo yisobanura ..." *Ellen G. White, Inama Zigirwa itorero[1], p.119*

**12.** "Luteri yandikiye umuntu wakundaga ivugurura agira ati: "Ntabwo dushobora kugera aho dusobanukirwa Ibyanditswe kubera kwiga cyangwa ubwenge. Inshingano yawe ya mbere ni ugutangiza isengesho. Inginga Imana ngo mu mbabazi zayo nyinshi iguhe ubusobanuro nyakuri bw'ijambo ryayo. Nta wundi musobanuzi w'Ijambo ry'Imana uruta Uwaryandikishije nk'uko ubwe yivugiye ati: 'Bose bazigishwa n'Imana.' Ntukagire icyo wiringira cyava mu mirimo yawe no mu myumvire yawe bwite: Iringire Imana gusa n'imbaraga ya Mwuka wayo. Iringire ibishingiye ku ijambo ry'uwabonyuzemo." Aha hari ikigisho cy'ingenzi ku bumva ko Imana yabahamagariye kubwira abandi ukuri gukomeye kw'iki gihe. Uko kuri kuzabyutsa urwango rwa Satani n'urw'abantu bakunda ibitekerezo bihimbano byahimbwe na Satani. Mu ntambara barwana n'imbaraga

y'umubi, hakenewe ikindi kintu kirenze imbaraga n'ubwenge bya kimuntu." *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.97*

**13.** "Kenshi iyo ibihamya byo gucyaha byabaga bimaze gusomwa, habagaho kwatura kuvuye ku mutima. Hanyuma tugasengera hamwe, kandi Uwiteka Yagaragarizaga imbabazi n'ubuntu bwe ababaga batuye ibyaha byabo. Ukwemera ibihamya byagiye bizana imigisha ikomeye y'Imana mu materaniro yacu." - *Ellen G. White, The Writing and Sending Out of the Testimonies to the Church, PH116 6.1 [Kwandika no Kohererereza Ibihamya Itorero, p.6]*

**14.** "Nabwiwe ko benshi mu bita ku bumenyi bupfuye bw'umwanzi bazarwanya umurimo wanjye nk'aho ari umurimo w'umuhanuzi w'ibinyoma, kandi bazashyira ku bihamya ubusobanuro bugendereye guhindura ukuri kw'Imana mwo ikinyoma. Satani ari maso; kandi bamwe mu bigeze gukoreshwa n'Uwiteka mu murimo We, ariko bemeye gushukwa, bazakoreshwa mu gukoresha nabi ubutumwa bwatanzwe. Kubera ko badashaka kumva amagambo yo kubacyaha, kubera ko batazumva inama, ngo bahindure inzira y'ibikorwa byabo, kandi ngo bakore umurimo bashinzwe, bazasobanura nabi ubutumwa bwahawe itorero , maze batere urujijo mu mitima myinshi.

Ariko uko byamera kose ngomba gutwara ubutumwa nahawe gutwara, igihe cyose Uwiteka azaba abyemeye. Ntiyigeze ampa umurimo wo gutunganya imyumvire mibi yose igundiriwe mu mitima y'abatizera. Igihe cyose urugi rugikinguriwe kwakira ibyifuzo by'umushukanyi, ingorane ziziyongera. Imitima y'abo bose banze kuza mu mucyo ikinguriwe ukutizera. Nindamuka nkoresheje igihe cyanjye n'imbaraga zanjye ku bibazo nk'ibyo, nzaba ndi gukorera satani umurimo. Uwiteka Yarambwiye ati: 'Tanga ibihamya. Umurimo wawe si uwo kuvanaho ingorane; umurimo wawe ni uwo gucyaha no kwerekana gukiranuka kwa Kristo.'" *Ellen G. White, The Writing and Sending Out of the*

*Testimonies to the Church, PH116 7.3-8.1 [Kwandika no Kohereza Ibihamya Itorero, p.7,8]*

**15.** "Ijambo ry'ukuri ari ryo, "Handitswe ngo," ni bwo butumwa tugomba kubwiriza. Nta nkota yaka umuriro yigeze irindishwa icyo giti cy'ubugingo. Ababishaka bose bashobora kukiryaho. Nta mbaraga n'imwe ishobora kubuza umuntu kurya ku mbuto zacyo. Abantu bose bashobora kurya, bakabaho iteka." *Ellen G. White, Testimonies for the Church, Vol.6, p.19 [Ibihamya by'Itorero]*

## Ubutumwa Bugenewe Igihe Cyacu

**16.** "Mu bihe binyuranye byaranze amateka y'itorero, igihe cyose cyagiye kirangwa n'ukuri kwacyo kwihariye, gukwiranye n'abantu b'Imana babaga bariho muri icyo gihe. Buri kuri gushya kwagiye kugira abakwanga n'abakurwanya; ababaga bagize umugisha wo kurasirwa n'umucyo w'ukuri bagezemo, barageragezwaga kandi bagategwa imitego. Imana itanga ukuri kwihariye ko gutabara ubwoko bwayo. Ni nde wahangara kwanga kubutangaza? Imana itegeka abagaragu bayo gutanga irarika riheruka ry'imbabazi zayo ifitiye abari ku isi. Ntibashobora gukomeza guceceka mu gihe imitima irimbukira mu byaha. Intumwa za Kristo ntizizita ku ngaruka zizabageraho. Bagomba gusohoza inshingano yabo, ibisigaye bakabiharira Imana." *Ellen G. White, Intamabara Ikomeye, p.427.*

**17.** "Mu gihe cya Luteri hari hariho ukuri kw'ingenzi kugenewe ab'icyo gihe. Muri iki gihe naho, hari ukuri kugenewe itorero. Imana yo ikora ibintu ikurikije ubushake bwayo, yagiye inezezwa no gucisha abantu mu bintu bitandukanye ndetse no kubaha inshingano zihariye zirebana n'igihe barimo n'imibereho bafite. Nibaha agaciro umucyo bahawe, bazabona imbere yabo ukuri kurushaho gusobanuka. Nyamara muri iki gihe, abantu benshi

ntibacyifuza ukuri kuruta uko byari biri ku bayoboke ba Papa barwanyaga Luteri. Nyamara nk'uko byabaye mu bihe bya kera, haracyariho wa mwuka wo kwemera inyigisho n'imigenzo by'abantu mu mwanya wo kwemera Ijambo ry'Imana…" *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.105*

**18.** "Nabonye yuko ubutumwa ku Banyalawodikiya bureba ubwoko bw'Imana muri iki gihe, kandi impamvu butigeze bukora umurimo ukomeye, ni ukubera ukwinangira kw'imitima yabo. Ariko Imana Yahaye igihe ubwo butumwa kugira ngo bukore umurimo wabwo. Umutima ugomba kwezwaho ibyaha bimaze igihe byarakingiraniye Yesu hanze. Ubu butumwa buteye ubwoba buzakora umurimo wabwo. … Bwashyiriweho gukangura ubwoko bw'Imana, no kubahishurira uburyo basubiye Inyuma, no kubageza ku kwihana bashyizeho umwete, kugira ngo babe biteguye kuboneka kwa Yesu, no kwitegurira ijwi rirenga rya malayika wa gatatu. … Iyo inama y'Umugabo wo guhamya iza kuba yaritaweho nk'uko bikwiriye, Imana Iba Yaragendereye ubwoko bwayo mu mbaraga ikomeye." *Ellen G. White, Spiritual Gifts, Vol. 2, p.223,224 [Impano za Mwuka]*

**19.** "Nabajije ubusobanuro bw'ishungura nari nabonye hanyuma nerekwa ko ryari ryatewe n'ubuhamya bwahuranije buturuka ku nama y'Umugabo wo guhamya yoherereje Abanyalawodikiya. Iyo nama izagira ayayo maherezo ku mutima w'uzayakira, izamuyobora ku kwerereza ukuri no kugushyira ahagaragara adaciye ku ruhande. Bamwe ntibazemera ubwo buhamya budakebakeba. Bazahaguruka baburwanye, ibyo ni byo bizatera ishungura mu bwoko bw'Imana.

Nabonye ko ubuhamya bw'Umugabo wo gukiranuka butitaweho, habe na kimwe cya kabiri cyabwo. Ubuhamya bw'ingenzi ari bwo umurage w'Itorero ushingiyeho bwahawe agaciro gake cyane, niba ahubwo butaranzwe uko bwakabaye. Ubu buhamya bugomba gutera kwihana

kwimbitse; abazabwakira by'ukuri bose bazabwumvira kandi bazezwa." *Ellen G. White, Early Writings, p.270 [Inyandiko z'Ibanze]*

**20.** "Hanyuma mbona malayika wa gatatu. Malayika wari umperekeje aravuga ati, 'Umurimo we uteye ubwoba. Ubutumwa bwe buratangaje mu buryo bukomeye. Ni malayika ugomba gutandukanya ingano n'urukungu akanashyiraho ikimenyetso, cyangwa agahambirira imiba y'ingano guhunikwa mu bigega byo mu ijuru. Ibyo ni byo bikwiriye kwigarurira ubwenge bwacu bwose, akaba ari byo twitaho cyane.'" *Ellen G. White, Early Writings, p.118 [Inyandiko z'Ibanze]*

**21.** "Uwiteka Imana Nyir'ijuru ntizigera isohoza amateka yaciriye kuri iyi si bitewe no kutumvira no gukiranirwa kwayo itabanje kohereza abarinzi ngo batange umuburo. Ntizigera ishyira iherezo ku gihe cy'imbabazi ubutumwa bwiza butabanje kubwirizwa mu buryo busesuye. Amategeko y'Imana agomba kugaragazwa neza; ibyo asaba bigomba gushyirwa ku mugaragaro nk'uko biri, ari byo mico yera, kugira ngo abantu bose babashe guhitamo ukuri cyangwa kukurwanya. Ariko kandi umurimo ugomba gusozwa no kwerereza gukiranuka. Ubutumwa bwo gukiranuka kwa Kristo bugomba gutangazwa uhereye ku mpera imwe y'isi ukageza ku yindi mpera yayo kugira ngo buteguririre Uwiteka inzira. Ubu ni bwo bwiza bw'Imana, buherekeje umurimo wa malayika wa gatatu.

"Nta wundi murimo ukomeye muri iyi si, wera, kandi w'icyubahiro, nta wundi murimo Imana yubaha cyane, nk'umurimo wo kubwiriza ubu butumwa. Ubutumwa bubwirizwa muri iki gihe cyacu ni ubutumwa buheruka bw'Imbabazi ku isi yaguye. Abafite amahirwe yo kumva ubu butumwa, ariko bakinangira ntibite ku muburo, bari kwanga

ibyiringiro byabo bya nyuma by'agakiza. Nta kindi gihe cy'imbabazi kizigera kibaho.

"Ijambo ry'ukuri ari ryo, "Handitswe ngo," ni bwo butumwa tugomba kubwiriza. Nta nkota yaka umuriro yigeze irindishwa icyo giti cy'ubugingo. Ababishaka bose bashobora kukiryaho. Nta mbaraga n'imwe ishobora kubuza umuntu kurya ku mbuto zacyo. Abantu bose bashobora kurya, bakababaho iteka." *Ellen G. White, Testimonies for the Church, Vol.6, p.19 [Ibihamya by'Itorero]*

**22.** "Nabonye abamarayika banyuranamo bihuta ari urujya n'uruza, bamanuka baza ku isi, bongera kuzamuka bajya mu ijuru, bitegura gusohozwa kw'igikorwa kimwe cy'ingenzi. Nongera mbona undi mumarayika ukomeye amanuka aza ku isi, gufatanya na marayika wa gatatu, guha ubutumwa bwe ububasha n'imbaraga. Ububasha bukomeye n'ikuzo bwahawe marayika, kandi ubwo yamanukaga, isi yamurikiwe n'ikuzo rye. Umucyo wari ugose uyu mumarayika warasakaye hose." *Ellen G. White, Early Writings, p.277 [Inyandiko za Kera]*

## Gutsindishirizwa n'Ubuntu ku bwo Kwizera

**23.** "Nyamara kugira neza kw'Imana Umukiza wacu n'urukundo ikunda abantu bibonetse iradukiza, itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ari ko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n'Umwuka Wera, uwo yahaye Yesu Kristo Umukiza wacu kuducunshumuriraho cyane, kugira ngo dutsindishirizwe n'ubuntu bwayo duhere ko tube abaragwa, dufite ibyiringiro byo kuzahabwa ubugingo buhoraho." Tito 3:4-7

**24.** "Abantu benshi baranyandikiye, bambaza niba ubutumwa bwo gutsindishirizwa n'ubuntu ku bwo kwizera ari ubutumwa bwa malayika wa gatatu, maze ndabasubiza

nti, 'Ni ubutumwa bwa malayika wa gatatu nyakuri.'" *Ellen G. White, Selected Messages, Book 1, p.372 [Ubutumwa Bwatoranijwe, Igitabo cya 1]*

**25.** "Hatabayeho ubuntu bwa Kristo, umunyabyaha yabaho nta byiringiro na bike afite; nta kintu na kimwe cyagira icyo kimumarira; ariko ku bw'ubuntu mvajuru, umuntu ahabwa imbaraga ndengakamere, igakorera mu bwenge, mu mutima no mico. Ububi nyabwo bw'icyaha buhishurika binyuze mu kwakira ubuntu bwa Kristo, maze icyaha kikirukanwa gityo mu rusengero rw'umutima." *Ellen G. White, Selected Messages, Book 1, p.366 [Ubutumwa Bwatoranijwe, Igitabo cya 1]*

**26.** "Kubera icyubahiro n'ikuzo ry'Imana, Umwana wayo ikunda – Umwishingizi, Incungu – yaratanzwe aramanuka ajya muri gereza y'igituro. Icyo gituro cyaramumize ajya mu cyumba cy'urutare. iyo mu mico ye aba yarigeze agira icyaha nibura na kimwe, igitare cyari gitwikiriye imva ntikiba cyarakuwe ku munwa wayo. Kandi isi iba yararimbutse izize umutwaro w'ubugome bwayo." *Ellen G. White, Manuscript Releases, Vol. 10, p.385 [uyu ni umuzingo wa 10 mu mizingo 21 yakusanirijwemo ibyo Ellen G. White yasize yandikishije intoki ariko apfa bitarajya ahagaragara mu buryo bw'igitabo]*

**27.** "'Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka. Nyamara ukora ibihembo bye ntibimuhwanira no guherwa ubuntu, ahubwo abyita ubwishyu. Ariko rero udakora ahubwo akizera Utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka.' Abaroma 4:3-5. Gukiranuka ni ukumvira amategeko. Amategeko asaba gukiranuka, kandi uyu ni wo mwenda umunyabyaha abereyemo amategeko; ariko nta bushobozi afite bwo kuwishyura. Inzira imwe rukumbi yamugeza ku gukiranuka ni Ukwizera. Ku bwo kwizera ashobora kuzana ibyo Kristo yamukoreye imbere y'Imana, maze Uwiteka akabara kumvira kw'Umwana We ku munyabyaha. Gukiranuka kwa Kristo

kwemerwa mu mwanya wo gutsindwa kw'umunyabyaha, maze Imana Ikakira, Ikanababarira, ndetse Igatsindishiriza umunyabya wihannye, kandi wizeye, Ikamufata nk'aho ari umukiranutsi rwose, kandi Ikamukunda nk'uko ikunda Umwana wayo. Ni muri ubu buryo Kwizera kubarwa nko gukiranuka; maze umutima wababariwe ugakura uva mu buntu ujya mu bundi, uva mu mucyo winjira mu mucyo mwinshi. Ashobora kuvuga anezerewe ati, 'Iradukiza, itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ari ko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n'Umwuka Wera, uwo yahaye Yesu Kristo Umukiza wacu kuducunshumuriraho cyane, kugira ngo dutsindishirizwe n'ubuntu bwayo duhere ko tube abaragwa, dufite ibyiringiro byo kuzahabwa ubugingo buhoraho." Tito 3:5-7'" *Ellen G. White, Selected Messages, Book 1, p.367 [Ubutumwa bwatoranijwe]*

**28.** "Iyo umunyabya yitegereje amategeko, ahita yumva igishinja mu mutima we, kigafatanya n'umutimanama we, maze akumva aciriweho iteka. Ubuhungiro bwe rukumbi n'ibyiringiro bye abibonera mu kwitegereza umusaraba w'I Kaluvari. Mu gihe yishingikiriza ku masezerano, agafatira Imana ku ijambo ryayo, amahoro n'umunezero bisaba umutima we. Arira agira ati, 'Uwiteka, wasezeraniye gukiza abaza bagusanga bose mu izina ry'Umwana wawe. Nahabiye kure, singira kirengera, kandi nta n'ibyiringiro mfite. Uwiteka, nutankiza ndarimbuka. Kwizera k'umunyabyaha kugundira Kristo, maze agatsindishirizwa imbere y'Imana.'

"Ariko nubwo Imana Ikiranuka, kandi igatsindishiriza umunyabyaha ku bw'ibyo Kristo yamukoreye, nta n'umwe ushobora kwambara gukiranuka kwa Kristo mu gihe akomeza gukora ibyaha azi, cyangwa yirengagiza gukora inshingano azi. Imana isaba kwitanga n'umutima wose, mbere y'uko umuntu atsindishirizwa; kandi kugira ngo uko

gutsindishirizwa akugumane, agomba guhora yumvira, binyuze mu kwizera kuzima gukorera mu rukundo kandi kugatunganya umutima." *Ellen G. White, Selected Messages, Book 1, p.365,366*

**29.** "Uko umuntu upfa kandi w'umunyabyaha ashyira mu bikorwa agakiza ke afite ubwoba kandi ahinda umushyitsi, Imana ni yo iba ikorera muri we, ngo ashake kandi akore ibiyishimisha. Ariko Imana ntiyakora idakoranye n'umuntu. Igomba gukoresha ububasha afite; ashobora kwishyira mu mwanya w'umunyeshuri ufite ubushobozi n'ubushake uri mu ishuri rya Kristo; kandi uko yakira agakiza ahabwa ku buntu, Kristo uri mu ntekerezo no mu mutima azamuha gufata icyemezo agambiriye gushyira ku ruhande buri gipimo cy'icyaha, kugira ngo umutima we ube usendereye kuzura kw'Imana kose n'urukundo rwayo." *Ellen G. White, Fundamentals of Christian Education, p.134 [Amahame shingiro y'Uburezi bwa Gikristo]*

**30.** "Satani azi ko abasaba Imana imbabazi n'ubuntu bazabihabwa; ni yo mpamvu abagaragariza ibyaha byabo ngo abace intege. Ku bantu bagerageza kumvira Imana, ahora ashakisha impamvu yo gutuma bivovota. ndetse n'umurimo wabo mwiza cyane wemewe rwose, ashaka kuwugaragaza nk'udatunganye. Ku bw'ubucakura bwe butarondoreka, ibitagira akamaro, ibibi cyane, agerageza kubita ngo hatagira uwabivuga nabi.

"Ku mbaraga z'umuntu ku giti cye, umuntu ntashobora kwitsindishiriza imbere y'umwanzi. Mu cyaha gishushanywa n'imyenda yanduye, yicuza icyaha cye agahagarara imbere y'Imana. ariko Yesu, Umuvugizi wacu, asabira imbabazi abantu bose bihannye bafite ukwizera, bitangiye kumushikamishaho imitima yabo. Ahora abasabira imbabazi, kandi ku bw'ububasha bw'I Kaluvari, batsinda umurezi wabo. Kumvira amategeko y'Imana Kwe mu buryo

bwuzuye byamuhaye ububasha bwose mu ijuru no mu isi, kandi abasabira Se imbabazi akunga umuntu wacumuye n'Imana. Abwira umurezi w'ubwoko bwe ati: 'Uhoraho aguhane, wowe Satani. Aba ni abo naguze amaraso yanjye, aba ni umushimu wakuwe mu muriro.' Maze abishingikiriza kuri We kubwo kwizera Akababwira ati, 'Dore, ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane.' Zekariya 3:4." *Ellen G. White, Prophets and Kings, p.586,587* [Abahanuzi n'Abami]

**31.** "Kwiyumvamo umutima ugucira urubanza bigomba kurambikwa ku birenge by'umusaraba w'I Kaluvari. Kwiyumvamo ko uri umunyabyaha byangiza amasoko y'ubugingo n'umunezero nyakuri. Yesu aravuga ati 'Byose mubinyikoreze. Nzagukiza ibyaha byawe. Nzaguha amahoro. Sinzagukuraho icyubahiro cyawe kuko nagutanzeho ikiguzi cy'amaraso yanjye bwite. Uri uwanjye. Nzakongerera imbaraga. Nzagukiza inkovu z'icyaha.'" *Ellen G. White, Manuscript Releases, Vol. 9, p.305 [uyu ni umuzingo wa 9 mu mizingo 21 yakusanirijwemo ibyo Ellen G. White yasize yandikishije intoki ariko apfa bitarajya ahagaragara mu buryo bw'igitabo]*

**32.** "Abanyabyaha bashobora kugirwa abere n'Imana gusa iyo ibabariye ibyaha byabo, ikabakuraho igihano kibakwiriye, maze ikabafata nk'aho mu by'ukuri ari abere batigeze bakora icyaha. Bagirwa intungane kubwo gutsindishirizwa na Kristo wenyine. Imana Data yemera Umwana wayo, kandi ku bw'igitambo cy'impongano cy'Umwana wayo yemera abanyabyaha." *Ellen G. White, Selected Message, Book 3, p.194 [Ubutumwa bwatoranijwe, igitabo cya 3]*

**33.** "Ntihakagire n'umwe utekereza ko umuntu afite uruhare ruto cyangwa se ko ntarwo mu murimo wo kunesha; kuko Imana ntacyo ikorera umuntu udafatanije na

yo. Kandi ntukavuge ko nurangiza gukora ibyo ushoboye, ari bwo Yesu azagufasha. Kristo yaravuze ati: 'Kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite.' [Yohana 15:5] Kuva ku cya mbere kugera ku cya nyuma, umuntu agomba gufatanya n'Imana. Niba Mwuka Muziranenge adakoreye mu mutima w'umuntu, kuri buri ntambwe, tuzasitara kandi tugwe. Imihati y'umuntu yonyine ntacyo iri cyo kandi ntacyo imaze; nyamara gufatanya na Kristo bisobanura kunesha. Ku bwacu twenyine nta mbaraga dufite zo kwihana icyaha. Keretse gusa twemeye ubufasha mvajuru, naho ubundi ntidushobora gutera intambwe n'imwe dusanga umukiza. Aravuga ati: 'Ni jye *Alfa* na *Omega*, Itangiriro n'Iherezo' mu gakiza ka buri muntu.

Ariko nubwo Kristo ari byose, dukwiriye gushishikariza buri muntu gukorana umwete adacogora. Dukwiriye kurwana, tugakirana, tugakoresha intekerezo, tukaba maso, tugasenga; ibitari ibyo, tuzatsindwa n'umwanzi mubi. Imbaraga n'ubuntu dushobora gukoresha kugira ngo tugere kuri ibi, biva ku Mana, kandi igihe cyose dukwiriye kumwiringira kuko ari we ubasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we. Ntukigere utuma abantu batekereza ko umuntu yakora akantu gato cyangwa se ko nta na ko ku rwe ruhande; ahubwo wigishe umuntu gufatanya n'Imana, kugira ngo ashobore kunesha." *Ellen G. White, Selected Messages, book 1, p.381 [Ubutumwa bwatoranijwe, igitabo cya 1]*

**34.** "Kumvira kose gukomoka mu mutima. Umurimo Kristo yakoraga wageraga ku mitima y'abantu. Natwe nitumwemerera azihanga mu ntekerezo zacu no mu migambi yacu, maze imitima yacu n'intekerezo zacu bigendane n'ubushake bwe, ku buryo kumwumvira bizaba ari ugukora ibiturimo. Ubushake bwacu, kuko buzaba butunganye kandi bwejejwe, buzashimishwa no gukora umurimo we. Nitumara

kumenya Imana nk'uko ari umugisha wacu kumumenya, imibereho yacu izarangwa no kumvira ibihe byose. Tuzagira imibereho yo kunyurwa n'imico ya Kristo, turusheho gusabana n'Imana, ubwo kandi ni bwo tuzarushaho kwanga icyaha." *Ellen G. White, Uwifuzwa Ibihe Byose, p.454*

## Kwizera

"Kuko icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi, kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu." 1Yohana 5:4

**35.** "Mbese ukwizera gutsinda isi ni ukuhe? Ni ukwizera gutuma wumva Kristo ari umukiza wawe bwite, ukwizera kugutera kumenya ko ari ntacyo wakwimarira, ko udashobora kwikiza na mba, kugatuma ukomeza umufasha nk'ibyiringiro byawe byonyine, we ushoboye." Ni ukwizera kudacogora, kwakundi kumva ijwi rya Yesu avuga ati, 'Nimuhumure nanesheje isi, kandi imbaraga zanjye z'ubumana ni izanyu.' Ni kwa kwizera kumwumva avuga ati, 'Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi.'

Impamvu amatorero ari amanyantege nke kandi arwaye ndetse yenda gupfa ni uko umwanzi yayazanyemo imbaraga yo gucogoza imitima itentebutse. Umwanzi yihatiye kubashyira aho batabona Yesu nk'Umufasha, Ubacyaha, Akababurira, Akanabamenyesha aho bafuditse, akababwira ati, 'Iyi ni yo nzira, abe ari yo unyura.' Yesu Afite ubutware bwose mu ijuru no mu isi, kandi afite ubushobozi bwo gukomeza abacogoye…

Buri muntu wese agomba kugera aho yumva ko Kristo ari umukiza we bwite; maze urukundo n'umwete no gushikama bizagaragarira mu mibereho ya gikristo. Nubwo ukuri kwaba gusobanutse kandi gufite imbaraga yemeza, ntikuzigera

kweza umutima, cyangwa ngo kwongerere umutima imbaraga mu ntambara zawo, keretse [uko kuri] nigufatanywa n'ubuzima bwa buri munsi." *Ellen G. White, Reflecting Christ, p.21 [Kugaragaza Kristo]*

**36.** "Gutsindwa kose kw'abana b'Imana guterwa no kutagira kwizera. Umutima wacu uramutse uhuye n'amajune, dukwiriye kureba hejuru: kuko hirya y'umwijima hari umucyo." *Ellen G.white, Abakurambere n'abahanuzi, p.336*

**37.** "Ku irembo binjiramo bajya mu nzira yerekeza ku bugingo buhoraho Imana ihashyira kwizera, kandi muri iyo nzira yose ihashyira umucyo n'amahoro n'ibyishimo by'ubushake bwo kumvira. Umugenzi wese unyura muri iyo nzira ahoza imbere ikimenyetso cy'umuhamagaro ukomeye yaherewe muri Kristo. Ingororano ihora iri imbere ye. Kuri we amategeko y'Imana ni ugukiranuka n'ibyishimo n'amahoro muri Mwuka Muziranenge." *Ellen G. White, In Heavenly Places, p.183 [Ahantu ho mu Ijuru]*

"Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo." Abaroma 10:17

**38.** "Kuba umuntu agaragaza gutwarwa cyane mu by'umwuka mu buryo budasanzwe si byo gihamya kidakuka cyerekana ko ari umukristo. Ubutungane si ugutwarwa: ahubwo ni ukwegurira Imana ubushake bwacu bwose, ni ukubeshwaho n'ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana; ni ugukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka; ni ukwiringira Imana mu bigeragezo, mu mwijima kimwe no mu mucyo. Ni ukugendera mu kwizera atari mu bigaragarira amaso; ni ukwishingikiriza ku Mana tuyiringiye tudashidikanya kandi duturije mu rukundo rwayo." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.35*

**39.** "Ukwizera kwakomeje Habakuki hamwe n'intore zose ndetse n'intungane zabayeho mu bihe bikomeye cyane,

ni ko kwizera gushyigikira abantu b'Imana no muri iki gihe. Mu gihe gikomeye cy'umwijima wugarijwe n'ibikuruhije bikabije, umukristo wizera agomba kugumisha umutima we kuri soko y'umucyo n'ubushobozi. Ni ho ibyiringiro bye n'ubutwari bizarushaho kwiyongera uko bwije n'uko bukeye. Iyo turi mu murimo w'Imana ntitugomba kwiheba, gucika intege, cyangwa kugira ubwoba. Abagumisha ukwizera kwabo muri We, Uwiteka azabakorera ibirenze ibyo bibwira. Azabaha ubwenge kandi asubize ibyo bakeneye bitandukanye. Ku bufasha busendereye bwagenewe buri mutima ugeragezwa, hari ubuhamya bwumvikana neza intumwa pawulo yatanze. Yahawe ubwishingizi mvajuru igihe yabwirwaga ngo, 'Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ari ho imbaraga zanjye zuzura.' Afite ishimwe n'ikizere umugaragu w'Imana wageragezwaga yarashubije ati: 'Nuko nzanezerwa cyane kwirata intege nke zanjye ngo imbaraga za Kristo zinzeho. Ni cyo gituma ku bwa Kristo nzishimira intege nke zanjye no guhemurwa, nzishimira n'imibabaro no kurenganywa n'ibyago, kuko iyo mbaye umunyantege nke ari ho ndushaho kugira imbaraga.' 2Abakorinto 2:9,10" *Ellen G. White, Prophets and Kings, p.386,387 [Abahanuzi n'Abami]*

**40.** "Tugomba gukunda kandi tukimenyereza kwizera kwageragejwe n'abahanuzi n'intumwa, ukwizera guhora kwishingikirije ku masezerano y'Imana maze ugategereza agakiza mu gihe no mu buryo bukwiriye. Ijambo ry'ubuhanuzi ridashidikanywaho rizasohora ku munsi w'imperuka ubwo Yesu Kristo Umwami n'Umukiza wacu azaba aje mu bwiza bwe, nk'Umwami w'abami n'Umutware w'abatware. Igihe cyo gutegereza gishobora gusa n'aho kibaye kirekire, umutima ushobora kubabazwa n'ibihe biruhije umuntu anyuramo, abo wiringiraga bashobora kugutenguha; nimutyo tuvugire hamwe n'umuhanuzi ukomeza Yuda mu gihe cy'ihakanamana ritigeze ribaho

dufite ibyiringiro tugira tuti: 'Uhoraho ari mu rusengero rwe rwera: Isi yose nicecekere imbere ye.'" *Ellen G. White, Prophets and Kings, p.387,388 [Abahanuzi n'Abami]*

**41.** "Niwizera isezerano, ukizera ko wababariwe ukabonezwa, Imana izabigusohoreza. Uzasanga wakijijwe koko, nk'uko Kristo yahaye uwamugaye ubushobozi akagenda amaze kwizera, nawe ni ko bizamera nta kabuza nubyizera. Ntugategereze kwiyumvamo ko wakijijwe; ahubwo vuga uti 'Ndizeye ni ko biri, si uko mbyiyumvamo ahubwo ni uko Imana yabisezeranye.'" *Ellen G. White, Kugana Yesu, p.24*

## Amasengesho Asenganywe Umwete

**42.** "Ububyutse tuzabugeraho gusa igihe buzaza ari igisubizo cy'amasengesho yacu." *Ellen G. White, Selected Messages, book 1, p.121 [Ubutumwa bwatoranijwe Vol. 1]*

**43.** "Isezerano ryahawe ubwoko bw'Imana ryerekana ko, igihe basengera hamwe kandi bashyize hamwe, bahabwa imbaraga ikomeye cyane kuruta iyo bashobora guhabwa mu gihe cy'amasengesho y'umuntu ku giti cye. Iyo mbaraga izatangwa hakurikijwe ubumwe buranga abizera n'urukundo bakunda Imana n'urwo bakundana ubwabo." *Ellen G. White, The Central Advance, February 25, 1903. [Iki ni kimwe mu binyamakuru by'Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi]*

**44.** "Igihe cyose abana b'Imana bagize icyo bakenera baba bafite amahirwe akomeye yo kwigira imbere yayo ikabafasha. Ahantu baba bari uko haba hameze kose, Imana ibategera ugutwi kwayo kurangwa n'impuwe ikumva amaganya yabo. Nubwo aho hantu haba mu bwigunge no mu mwijima, amasengesho y'abana b'Imana ashobora kuhahindura urusengero nyakuri." *The SDA Bible Commentary, Vol.4, p.1003 [Ubusobanuro bw'Abadivantiste bwa Bibiliya]*

**45.** "Kristo yahoraga ahabwa na Se, kugira ngo natwe abashe kuduha. Yaravuze ati, 'Amagambo mbabwira si ayanjye, ahubwo ni aya Data wantumye.' 'Umwana w'Umuntu ntiyazanywe no gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abantu.' Ntiyabagaho, ntiyatekerezaga, ntiyasengaga agamije inyungu ze, ahubwo yabikoreraga abandi. Guhera mu masaha yamaranaga n'Imana yahitaga aza buri gitondo, azaniye abantu umucyo yabaga akuye ku Mana. Buri munsi yabatizwaga umubatizo wa Mwuka Muziranenge. Uhoraho yamukanguraga mu rukerera buri munsi, maze umutima we n'iminwa ye ikezwa n'ubuntu, kugira ngo abashe kubugeza no ku bandi." *Ellen G. White, The Review and Herald, August 11, 1910 [Urwibutso n'Integuza]*

**46.** "Natwe ni uko, tugomba kugira ibihe byihariye byo gutekereza ku ijambo ry'Imana no gusenga, no gusubizwamo imbaraga ya Mwuka. Ntitumenya guha agaciro gakwiriye imbaraga n'akamaro biboneka mu isengesho. Amasengesho n'ukwizera bizadukorera icyo imbaraga ya hano ku isi itabasha kudukorera."

Iyo Yesu yabaga ari hafi yo gukora igikorwa gikomeye, yajyaga ku misozi agakesha ijoro yambaza Se. Mbere y'uko atoranya intumwa, mbere y'uko abwiriza ikibwirizwa cyo ku musozi, mbere y'uko ahinduka ishusho irabagirana, mbere y'uko agirira agahinda muri cya cyumba yarimo acirwa urubanza, mbere y'uko abambwa ku musaraba, na mbere y'uko azukana ubwiza buhebuje, yabanje kwihererana Imana nijoro ayitakambira.

Kristo ahora yoherereza ubutumwa abifuza kumva ijwi rye. Igihe Yesu yari muri Getsemani, ba bigishwa bari basinziriye ntibumvise ijwi rye. Kubera ibitotsi no guhunikira ntibarakabasha kubona icyo kubatera imbaraga yo kubakomeza mu ngorane zari ziri imbere. Ni ko bimeze no muri ibi bihe, abantu benshi bakeneye inyigisho z'Imana,

kenshi ntibashobora kuzibona kubera ko batagira igihe cyo kugirana umushyikirano n'abo mu ijuru.

Igihe abantu basakirana n'ibigeragezo, ni ngombwa gusenga. Abantu bashaka kuvana abandi mu kaga, burya baba basa n'abigerezaho. Abantu bahora barwanya umubi, bakeneye kwisunga Imana cyane, kugira ngo na bo ubwabo batandura. Kugira ngo umuntu ave mu mibereho y'ubutungane asubire hasi, ntabwo ari ibintu bitwara igihe kirekire cyangwa se ngo bibe birushya. Mu kanya gato cyane umuntu abasha guhitamo ibyatuma arimbuka buheriheri. Iyo umuntu atsinzwe rimwe gusa, asigara atakigira kirengera. Ingeso mbi imwe gusa irakomera igahinduka iminyururu y'icyuma.

Igihe twemeye gucana umushyikirano n'Imana, tuba tutakigira uturengera. Imigambi myiza yose mugira ntishobora gutuma mutsinda umubi. Icya ngombwa gusa ni uko mukwiriye kuba abagabo n'abagore bakunda gusenga. Kwinginga kwanyu ntigukwiriye gucogora cyangwa se ngo mube abantu basenga rimwe na rimwe gusa, ahubwo mukwiriye guhora musenga mushishikaye. Si ngombwa ko ibihe byose mwajya musenga mupfukamye. Mujye muvugana n'umukiza wanyu igihe muri mwenyine, igihe mugenda mu nzira, n'igihe mukora imirimo yanyu ya buri munsi. Mujye muhora musengera mu mutima ubudahwema. Mbese mu gihe cyose mwitsa umwuka muhumeka, mube ari ko muba musenga." *Ellen G. White, Rengera Ubuzima[2], p.109,110*

**47.** "Ubukene bwawe, n'umunezero wawe, n'imibabaro yawe, n'amaganya yawe, ndetse n'ibigutera ubwoba byose ubyikoreze Imana yawe. Ntubasha kuyiremereza cyangwa kuyigondoza, kuko idashenguka. Ibara umusatsi wo ku mutwe wawe, Ntiyirengagiza imibabaro y'abana bayo. 'Uwiteka afite imbabazi nyinshi n'impuwe.' Yakobo 5:11.

Umutima we w'urukundo ubabazwa n'agahinda kacu kose. Umushyire ibikubabaza byose biguhoza ku nkeke. Nta kiyiremerera kuko iramira amasi igatwara ibyaremwe byose. Ikibasha kuduhesha amahoro cyose nubwo cyaba gito gite, ntiyagikerensa. Nta kitubaho itazi, kandi nta cyatuziga Imana itabasha kutuziguraho. Nta cyago cyatera umwana wayo na gito, nta mvune y'agahinda kamushengura, nta n'isengesho ryava mu kanwa ke, Data wo mu ijuru atabizi ngo abure kubyitaho uwo mwanya. 'Akiza abafite imitima imenetse, apfuka inguma z'imibabaro yabo.' Zaburi 147:3. Imana yita ku muntu wese [igirana umushyikirano n'umuntu wese] nk'aho ari nta wundi mu isi ubaho, yatangiye Umwana wayo w'ikinege." *Ellen G. White, Kugana Yesu, p.49,50 [Amahirwe yo gusenga]*

**48.** "Umwuka wo kwiyiriza ubusa nyakuri no gusenga ni umwuka ugamije kwegurira Imana ubwenge, umutima n'ubushake." *Ellen G. White, Counsels on Diet and Foods, p.189 [Inama ku mirire no ku byokurya]*

**49.** "Icyo dukeneye kuruta ibindi, ari nawo murimo w'ingenzi dufite, ni ugusenga. Reka abantu bamenye ko bageramiwe n'ubugi bw'inkota ndetse n'uburakari bwa Satani. Nibasenge rero." *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.151*

## Umwuka Wera

**50.** "Mwuka Muziranenge ni igikoresho gihindura umuntu mushya kugira ngo agakiza kazanywe n'urupfu rw'Umucunguzi wacu kabashe kugira umumaro. Mwuka Muziranenge ahora ashaka kwerekeza ibitekerezo by'abantu ku gitambo gikomeye cyatangiwe ku musaraba w'I Kaluvari, kugira ngo ahishurire ab'isi urukundo rw'Imana, kandi akingurire umutima wemejwe ibyaha kwakira ubutunzi bukomeye bwo mu Byanditswe Byera.

Iyo amaze kwemeza abantu ibyaha no kwereka imitimayabo urugero rw'ubutungane, Mwuka Muziranenge atuma bazinukwa iby'iyi si, akabuzuza kwifuza ubutungane. Umukiza yaravuze ati: 'Azabayobora mu kuri kose.' Yohana 16:13." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.36*

**51.** "Uhoraho yifuza cyane guha Mwuka Muziranenge abamukorera kurusha uko ababyeyi bifuza guha abana babo impano nziza. Buri mukozi wese yari akwiriye gusaba Imana kubatizwa na Mwuka buri munsi.... Mwuka ubana n'abakozi b'Imana azatuma kwamamaza ukuri bigira imbaraga zitatangwa n'icyubahiro n'ikuzo by'isi." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.35*

**52.** "Mu gahinda no mu kababaro, igihe aho tubona hasa n'ahijimye, ahazaza hakaba hateye ubwoba kandi tukumva tudafite kirengera kandi turi twenyine, ubwo nib wo Mwuka muziranenge ahumuriza Umutima agasubiza isengesho ryo kwizera." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.35*

**53.** "Ntabwo Imana ari Yo ihagarika isukwa ry'ubutunzi bw'ubuntu bwayo ku bantu. Niba gusohora kw'iri sezerano kutagaragara nk'uko byagombye kuba, biterwa n'uko iryo sezerano ridahabwa agaciro nk'uko byari bikwiriye. Iyaba abantu bose babishakaga bakuzuzwa Mwuka. Aho ari ho hose gukenera Mwuka Muziranenge ari ingingo itekerezwaho buhoro, hagaragara amapfa, umwijima, kugwa no gupfa mu by'umwuka. Igihe cyose duhanze amaso ibintu bidafite umumaro, imbaraga mvajuru ikenewe mu gukura, mu kugubwa neza kw'itorero, kandi yagombaga kuzana n'indi migisha irabura nubwo yatanzwe ku rwego rutagira akagero." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.35*

**54.** "Ivugurura ryo kwera nyakuri muri twe ni ryo rikomeye kandi ryihutirwa cyane kuruta ibindi byose dukeneye. Kurishaka ni byo byari bikwiriye kuba umurimo wacu w'ibanze. Hagomba kubaho umwete udacogora kugira

duhabwe umugisha w'Uwiteka, atari uko Imana idashaka kuduha imigisha yayo, ahubwo ari uko tutiteguye kuyakira. Data wo mu ijuru yifuza cyane gutanga Umwuka Wera amuha abamumusaba, nk'uko ababyeyi bo mu isi na bo baba biteguye guha abana babo impano nziza. Ariko rero, ni umurimo wacu kuzuza ibyangombwa bisabwa n'Uwiteka ngo aduhe umugisha we yadusezeranije, binyuze mu kwatura ibyaha, kwicisha bugufi, kwihana n'amasengesho avuye ku mutima." *Ellen G. White, Selected Messages, Book 1, p.121 [Ubutumwa Bwatoranijwe, Igitabo cya 1]*

**55.** "Nta kintu Satani atinya nko kubona abantu b'Imana batunganya inzira bakuraho inkomyi zose, kugira ngo Uwiteka asuke Umwuka We ku itorero rye rihenebera kandi ridashaka kwihana." *Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe, Vol. 1, p.144]*

**56.** "Zirikana ko intumwa zasukiwe Mwuka Muziranenge ari uko zimaze kunga ubumwe bwuzuye kandi batakirwanira imyanya y'icyubahiro. Bari bahuje inama. Ibibatandukanya byose byari byamaze gukurwaho." *Ellen G. White, Counsels for the Church, p.98 (Inama Zigirwa Itorero)*

**57.** "Buri mukristo yabonaga isano y'urukundo rw'Imana n'ubugwaneza bwayo muri mugenzi we. Bari basigaye bagamije ikintu kimwe; kwifuza kurenga urugero bariho byasimbuye ibindi byose. Umugambi w'abizera wari uwo kugaragaza imico ya Kristo no gukora ku buryo ubwami bwe busakara hose." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.33*

**58.** "Isezerano ryo Guhabwa Mwuka Muziranenge ntirihabwa agaciro nk'uko bikwiriye. Gusohora kwaryo nako ntikuba nk'uko byari bikwiriye. Umurimo wo kuvuga ubutumwa bwiza ucogozwa no kubura Mwuka Muziranenge. Umuntu ashobora kuba yarize, afite impano nyinshi, ari intyoza, afite ubumenyi karemano cyangwa yarigishijwe; ariko atayobowe na Mwuka w'Imana, ijambo azavuga ntawe

rizakora ku mutima, nta n'umunyabyaha azagarurira Kristo. ku rundi ruhande, iyo izo mpano zomatanye na Kristo, iyo impano ziva kuri Mwuka zibaye izabo, umukene nyakujya n'injiji kurusha abandi wo mu bigishwa be azahabwa imbaraga ikora ku mutima. Abo Imana ibagira imiyoboro yo kunyuzamo ibyo ishaka bikagera ku isi n'ijuru." *Ellen G. White, Christ's Object Lessons, p.328 (Imigani ya Kristo)*

## Kwihana no Kwatura Ibyaha

**59.** "Turi mu munsi ukomeye w'impongano, mu gihe ibyaha byacu, mu kwatura no kwihana, bijyanwa mu rukiko mbere y'uko urubanza rurangira.... Mu buryo bw'igishushanyo, igihe umurimo w'impongano wakorwaga n'Umutambyi Mukuru ahera cyane h'ubuturo bwo ku isi, abantu basabwaga kwibabaza ubwabo imbere y'Imana, bakatura ibyaha byabo, kugira ngo bihongererwe kandi bivanweho. Ese ibidusabwa bizaba bikeya mu murimo nyawo w'umunsi w'impongano, igihe Kristo avuganira ubwoko Bwe mu buturo bwo mu ijuru, kandi icyemezo cya nyuma kidasubirwaho kigiye gufatwa kuri buri muntu?" *Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe, Vol. 1, p. 145 [Ingeri ya Kabiri, 2016]*

**60.** "Ariko mu kwihana icyaha kwacu ntidukeneye kwifungirana mu cyumba, nk'uko Luteri yabigenje, twibabaza ubwacu nk'icyiru cy'ibicumuro byacu, dutekereza ko mu gukora gutyo ari bwo Imana izatugirira imbabazi.... Yohana yaranditse ati: 'Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni Yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.' 1Yohana 1:9. Impamvu rukumbi ituma tutababarirwa icyaha, ni uko tutemerera uwo twababaje ku bw'ibicumuro byacu, uwo twacumitishije ibyaha byacu, ko turi mu makosa kandi ko dukeneye imbabazi. Kwatura ibyaha kuvuye ku mutima witanze byimazeyo kuzagera mu mutima w'imbabazizihoraho. Kuko

Uwiteka aba hafi y'ufite umutima ushenjaguwe, kandi agakiza ufite umutima umenetse.

Abantu bibeshya ni abatekereza ko kwatura ibyaha bizabatesha icyubahiro cyabo kandi bikabatesha agaciro muri bagenzi babo. Ku bwo kwihambira kuri iyi myumvire mibi, nubwo amakosa yabo baba bayareba, benshi bananirwa kuyatura, maze bakirengagiza ibi bakoreye abandi, bityo bagatuma imibereho yabo irushaho gusharirirwa bakanateza umwijima mu mibereho y'abandi. Ntacyo kwatura ibyaha byawe bizagabanya ku cyubahiro cyawe. Ikuremo icyo cyubahiro gipfuye. Gwira Rutare maze umeneke, nib wo Kristo azaguha icyubahiro cy'ukuri kandi cy'ijuru. Ntibikabeho ko ubwibone, kwiyemera no gukiranuka umuntu yihangiye bimubuza kwatura icyaha cye kugira ngo ashobore gusaba gusohorezwa iri sezerano ngo: 'Uhisha ibicumuro bye ntazagubwa neza; ariko ubyatura akabireka azababarirwa.' Imigani 28:13. Ntukagire icyo uhisha Imana, kandi ntukirengagize kwaturira bagenzi bawe ibyaha byawe. 'Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mikizwe' (Yakobo 5:16).

Ibyaha byinshi bitaturwa ngo birekwe, bizabera inzitizi umunyabyaha ku munsi wa nyuma w'urubanza. Byaba byiza guhangana n'ibyaha byawe uyu munsi, ukabyatura kandi ukabireka muri iki gihe igitambo gikuraho ibyaha kikikuvuganira." *Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe, Vol. 1, p. 370-371 [Ingeri ya Kabiri, 2016]*

**61.** "Kwihana, kimwe no kubabarirwa, ni impano y'Imana muri Kristo. Twemezwa icyaha kandi tukumva ko dukeneye imbabazi biturutse ku murimo wa Mwuka Muziranenge. Nta wundi ubabarirwa keretse abafite imitima imenetse; nyamara ni Ubuntu bw'Imana butera umutima kwihama. Amenyereye integer nke zacu zose n'ubumuga bwacu, kandi azadufasha." *Ellen G. White, Ubutumwa Bwatoranijwe, Vol. 1, p. 407 [Ingeri ya Kabiri, 2016]*

**62.** “Kwicuza kudatewe n’agahinda kabyo, kudaturutse ku kwihana nyakuri, ntikuzemerwa n’Imana. Ingeso zikwiriye guhinduka ukundi rwose. Ikibabaza Imana cyose gikwiriye kurekwa. Ngayo rero amaherezo y’agahinda nyakuri ko kubabazwa n’ibyaha. Icyo dukwiriye gukora ubwacu, twarakigaragarijwe neza, ngo: ‘Nimwiyuhagire mwiboneze, mukureho ibyaha byo mu mirimo yanyu bive imbere yanjye, mureke gukora nabi. Mwige gukora neza, mushake imanza zitabera, murenganure abarengana, mucire imfubyi urubanza, muburanire abapfakazi.’ ‘niba umuntu w’inkozi y’ibibi agarura ingwate, agasubiza icyo yibye nyiracyo, akagendera mu mategeko y’ubugingo, adakora ibibi, ni ukuri azabaho, ntazapfa.’ Ezekiyeli 33:15” *Ellen G. White, Kugana Yesu, p.19*

**63.** “Kwatura nyakuri kuraromboreza kukemera icyaha nk’uko kiri, ntigukikira. Hari ibyaha bibwirwa Imana yonyine, hari n’ibindi bibwirwa ababigiriwe. Niba ari ibyaha byakorewe mu ruhame, bikwiriye kuvugirwa mu ruhame. Nyamara kwatura ibyaha kose gukwiriye kwerura. Ikintu cyose kikavugwa uko kiri, icyaha cyose kikaturwa mu izina.” *Ellen G. White, Steps to Christ, p.38 (Kugana Yesu)*

## Ubuturo Bwera n’Umurimo w’Urubanza

**64.** “Abashaka kugerwaho n’ibyiza biva ku murimo w’Umukiza w’ubuhuza, ntibakwiriye kugira icyo bemerera cyarogoya inshingano yabo yo kugera ku butungane bushyitse bubaha Imana. Amasaha y’ingenzi, aho kuyakoresha ku binezeza by’isi cyangwa ku kwishakira inyungu, yari akwiriye kwegurirwa kwigana umwete ijambo ry’ukuri no gusenga. Ubwoko bw’Imana bukwiriye gusobanukirwa neza n’icyigisho cy’ubuturo bwera n’icy’urubanza rw’igenzura. Abantu bose bakwiriye kwimenyera ubwabo umwanya ndetse n’umurimo w’Umutambyi wabo Mukuru, nibitaba bityo, kugira kwizera

gukenewe cyane muri iki gihe no gusohoza inshingano Imana yabahaye ntibizabashobokera. Umuntu wese afite uwo azakiza cyangwa uwo azazimiza. Buri wese afite urubanza rumutegereje imbere y'Imana. Umuntu wese agomba kuzahagarara imbonankubone imnbere y'Umucamanza. Mbega uburyo ari ingenzi ko umuntu wese yitegereza iyo shusho ikomeye ubwo urubanza ruzashingwa, ibitabo bikabumburwa, ubwo ku iherezo ry'ibihe buri wese agomba kuzahagarara mu mugabane we nka Daniyeli.

Abantu bose bamaze kwakira umucyo ku byerekeye izo ngingo bakwiriye guhamiriza abandi ukuri gukomeye Imana yabahaye. Ubuturo bwera bwo mu ijuru nib wo zingiro ry'umurimo Kristo akorera abantu. Uyu murimo ureba umuntu wese uri ku isi. Uduhishurira inama y'agakiza ukatugeza ku iherezo ry'ibihe ukaduhishurira insinzi mu ntambara iri hagati y'ubutungane n'icyaha. Ni iby'agaciro gakomeye ko abantu bose bakwiriye kwigana ubwitonzi ibyo byigisho kandi bakaba bashobora gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu z'ibyiringiro bafite." *Ellen G. White, Intambara Ikomeye p.349*

## Imbuzi n'Inama Zitari Zimwe

**65.** "Tugomba gusobanukirwa n'ubukene bwacu, ni bwo dushobora kumenya uburyo dukeneye Kristo. Tugomba gusobanukirwa n'akaga katwugarije, ni bwo dushobora kumenya aho twahungira. Tugomba kumva ububabare bw'ibikomere byacu, ni bwo tuzumva ko dukeneye ubuvuzi." Ellen G. White, Christ's Object Lessons, p.158 [Imigani ya Kristo[1], p.74,75]

**66.** "Abantu bose muri iyi si bakorera Imana cyangwa abantu umurimo nyawo, babanza gutorezwa mu ishuri ry'imibabaro. Agaciro k'ikizere bagiriwe n'uburyo umurimo wabo uba ari uwo ku rwego rwo hejuru, ni byo bituma

barushaho kugeragezwa kandi bagatozwa mu buryo butajenjetse.” *Ellen G. White, Education, p.151 [Uburezi]*

**67.** “Mu bantu benshi bavuga ko ari abayoboke ba Kristo, hari ubwibone nk’ubw’Abayahudi, kwizirika ku mihango, kwihugiraho n’umwuka wo kurenganya wari warahawe icyicaro mu mitima y’Abayahudi. Mu gihe kizaza, abantu bavuga ko bahagarariye Kristo bazakora nk’uko abatambyi n’abayobozi b’Abayahudi bagenje Kristo n’intumwa. Mu gihe cy’akaga gakomeye abagaragu b’Imana b’indahemuka bari hafi kunyuramo, bazahura no kwinangira umutima, umugambi wuzuye ubugome ndetse n’urwango rutava ku izima (nk’ibyo mu gihe cya Pawulo). *Ellen G. White, Ibyakozwe n’Intumwa, p.265,266*

**68.** “Muri icyo gihe kibi abazakorera Imana bose badatinya bakurikije ibyo umutimanama ubabwira, bazakenera ubutwari ndetse no kumenya Imana n’ijambo ryayo. Kubera ko abantu b’indahemuka ku Mana bazarenganywa, imigambi yabo izashidikanywaho, imihati yabo myiza izahabwa isura mbi kandi amazina yabo azavugwa nabi. Satani azakoresha imbaraga z’uburiganya bwe bwose kugira ngo ayobye umutima kandi yijimishe intekerezo atume ikibi kigaragara nk’ikiza n’ikiza gifatwe nk’ikibi.” *Ellen G. White, Ibyakozwe n’Intumwa, p.266*

**69.** “Imana Yifuza ko ubwoko bwayo bwitegura akaga kegereje. Bwaba bwiteguye cyangwa butiteguye; bose bagomba guhura n’ako kaga kandi abeguriye imibereho yabo gukurikiza amabwiriza y’Imana bonyine ni bo bazahagarara bashikamye mu gihe cy’ishungurwa n’igeragezwa. Igihe abategetsi b’isi bazifatanya n’abayobozi b’idini kugira ngo bakoreshe igitugu mu bijyanye n’umutimanama, ubwo ni bwo hazagaragara abubaha Imana kandi bayikorera mu kuri. Igihe umwijima wabuditse ni bwo umucyo w’Imana uzarushaho kurabagirana. Igihe ibyiringirwa bindi byose bizaba bitsinzwe, ni bwo hazagaragara ufite kwiringira

Yehova kudashira. Kandi igihe abanzi b'ukuri bazaba bagose impande zose, bagenza abagaragu b'Imana kugira ngo babagirire nabi, Imana yo izabahozaho ijisho kugira ngo ibakorere ibyiza. Imana izababera nk'igicucu cy'igitare gikomeye mu gihugu cyumye." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.266*

**70.** "Kurwanywa ni wo mugabane w'abantu bose Imana igenda ikoresha kugira ngo bageze ukuri kwihariye kureba abo mu bihe byabo…. Abantu bigisha ukuri gukwiriye iki gihe ntibagomba kwitega ko bazakirwa neza kuruta uko byagendekeye abagorozi bo mu bihe byashize. 'Muzabona ishyano abantu nibabavuga neza, kuko ari ko ba sekuruza wabo bagenje abahanuzi b'ibinyoma.' Luka 6:26. Muri iyi minsi, umwuka w'ab'isi ntugihuje n'umwuka wa Kristo kuruta uko byari bimeze mu bihe bya kera, kandi ababwiriza Ijambo ry'Imana batarigoretse muri iki gihe, ntibashobora kuzakiranwa ineza iruta iyagiriwe aba kera . Uburyo bwo kurwanya ukuri bushobora guhindura isura, urwango rushobora kuba rutagaragara cyane bitewe n'uko ruhishwe cyane, ariko kurwanywa biracyariho kandi bizakomeza kubaho kugeza ku iherezo ry'ibihe." *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.105*

**71.** "Ubwo yari amanjiriwe, yakozwe n'isoni, kandi adashobora gusobanukirwa n'umugambi Imana yari ifite ikiza Ninive, Yona nyamara yashoboye kuzuza inshingano yari yahawe yo kuburira uwo mujyi munini cyane. Kandi nubwo icyo yahanuraga kitasohoye, nyamara ubutumwa bw'umuburo bwari bwatanzwe n'Imana; kandi bwasohoje umugambi Imana yari yarateguye ko usohora. Ubwiza bw'ubuntu bwayo bwahishuriwe mu bapagani." *Ellen G. White, Prophets and Kings, p.272,273* [Abahanuzi n'Abami]

**72.** "Ibyo amahanga akora bikomeza kuba imbere y'Uhoraho. Nubwo atugirira imbabazi, ibyo bikorwa bihora imbere ye; ariko byagera ku rugero Imana yabihaye,

umurimo w'uburakari bwayo ugatangira. Ibyo ayo mahanga akora bigashyirwaho iherezo. Imana ntibe ikibyihanganira. Imbabazi zitakigira icyo zibamarira." *Ellen G. White, Prophets and Kings, p.364* [Abahanuzi n'Abami]

**73.** "Isi izasobanura ibyo yakoze iri imbere y'amasi ataracumuye n'ibiremwa byo mu ijuru imbere y'umucamanza w'isi yose, uwo yaciriye urubanza ikanamubamba. Mbega umunsi w'urubanza! Uzaba ari umunsi ukomeye wo guhora kw'Imana. Noneho ntabwo Kristo azaba yicaye ku rubaho rwo kwa Pilato. Pilato na Herode ndetse n'abamukwenaga bose, bakamushinyagurira, bakamutererana ndetse bakamubamba ni bazasobanukirwa uburakari bw'intama. ibikorwa byabo bizagaragara imbere y'amaso yabo uko byakabaye." *Ellen G. White, Testimonies to ministers, p. 132* [Ibihamya ku bagabura]

**74.** "Imana ihira umurimo w'amaboko w'abantu bayo, kugira ngo bashobore kuyigarurira umugabane wayo. Imana ibaha izuba n'imvura; ituma ibimera birabya; ni Yo Itanga amagara mazima n'ububasha bwo gukora. Buri mugisha wose uturuka mu biganza byuzuye byayo, kandi Ishaka ko abagabo n'abagore bayereka ishimwe ryabo mu kuyigarurira umugabane w'icya cumi n'amaturo – amaturo yo gushima, amaturo y'ikimaneza, amaturo y'uko bababariwe ibyaha. Abantu bagomba kwitangira umurimo wayo, kugira ngo uruzabibu rwayo rutabaho rutitaweho. Bagomba kwiga bakamenya icyo Uhoraho yakora aramutse ari mu mwanya wabo… Bagomba kumushyira ibibazo mu buryo bw'amasengesho. Bagomba kwerekana ubwuzu butikanyiza mu gushyikira umurimo wayo mu bice byose by'isi." *Ellen G. White, Prophets and Kings, p.707,708* [Abahanuzi n'Abami]

**75.** "Itorero ni umuyoboro washyizweho n'Imana ku bw'agakiza k'abantu. Ryateguriwe gukora umurimo kandi inshingano yaryo ni ukugeza ubutumwa bwiza ku batuye isi. Kuva mu itangiriro, umugambi w'Imana wari uko binyuze

mu itorero ryayo, abatuye isi bari kugaragarizwa kamere yayo yose n'uko yihagije. Abizera bagize itorero, abo yahamagaye ukababakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza, bagomba kugaragaza ubwiza bwayo. Itorero ni ikigega cy'ubuntu bwa Kristo kandi binyuze mu itorero, ukwigaragaza guheruka kandi kuzuye k'urukundo rw'Imana kuzamenyeshwa n'ibinyabutware n'ibinyabushobozi by'ahantu ho mu ijuru. Abanyefezi 3:10." *Ellen G. White, The Acts of the Apostles, p.9 (Ibyakozwe n'Intumwa, p.9)*

**76.** "Guhamya kwacu ko Imana ari indahemuka ni uburyo Ijuru ryahisemo bwo guhishurira Kristo abatuye isi. Tugomba kwemera ubuntu bwayo yamenyekanishirije mu ntungane zayo zo mu gihe cya kera, nyamara ikizagira icyo kimara gusumbya ibindi byose ni ubuhamya bugaragazwa n'imibereho yacu bwite. Tuba duhamya Imana igihe imibereho yacu igaragaza imbaraga ikomotse ku Mana." *Ellen G. White, The Desire of Ages, p.347 (Uwifuzwa Ibihe Byose, p.233)*

**77.** "Mu bwenge bwe, Uwiteka atuma abashakisha ukuri bahura na bagenzi babo bakuzi. Ni umugambi w'Imana ko abakiriye umucyo bawugeza ku bari mu mwijima. Abantu bavoma ku isoko ikomeye y'ubwenge, bahindurwa ibikoresho n'umuyoboro ubutumwa bwiza bugaragarizamo imbaraga ihindura intekerezo n'imitima." *Ellen G. White, The Acts of the Apostles, p.134 (Ibyakozwe n'Intumwa, p.88)*

**78.** "Igihe Sawuli yari mu buhumyi bwe no mu gutsimbarara ku byo yari azi, yahishuriwe Kristo yarenganyaga. Yahujwe n'itorero ari ryo mucyo w'isi. Muri ubu buryo Ananiya ahagarariye Kristo n'abakozi be ku isi bashyiriweho gukora mu cyimbo cye. Mu mwanya wa Kristo, Ananiya yakoze ku maso ya Sawuli kugira ngo ahumuke. Ananiya yarambitse ibiganza bye kuri Sawuli mu cyimbo cya Kristo maze aramusabira mu izina rya Yesu, Sawuli ahabwa

Mwuka Muziranenge. Byose bikorwa mu izina rya Kristo no mu butware bwe. Kristo ni we soko, itorero rikaba umuyoboro wo kumwamamaza" *Ellen G. White, The Acts of the Apostles, p.122 (Ibyakozwe n'Intumwa, p.80)*

**79.** "Abantu benshi bibwira ko umucyo n'uburambe bafite babikesha Kristo wenyine, kandi bakibwira ko ntaho bahuriye n'abayoboke bazwi ba Kristo ku isi. Yesu ni inshuti y'abanyabyaha kandi ababazwa n'ibyago bahura nabyo. Afite ububasha bwose mu ijuru no ku isi nyamara yubaha abo yatoranirije gukora umurimo wo kumurikira abantu no kubagezaho inkuru y'agakiza. Ayobora abanyabyaha mu itorero iryo yagize umuyoboro unyuramo umucyo wo kumurikira isi yose." *Ellen G. White, The Acts of the Apostles, p.122 (Ibyakozwe n'Intumwa, p.80)*

**80.** "Isezerano ryo guhabwa Mwuka ntabwo ryahawe ab'igihe runaka cyangwa ubwoko runaka. Kristo Yavuze ko imbaraga mvajuru ya Mwuka We yagombaga kubana n'abayoboke be kugeza ku mperuka. Kuva ku munsi wa pentecote kugeza ubu, umufasha yohererejwe abantu bose biyeguriye Imana n'umurimo wayo batizigamye. Abantu bose biyeguriye Kristo nk'Umukiza wabo bwite, mwuka Muziranenge yabajeho nk'umujyanama, uweza, umuyobozi n'umuhamya. Uko abizera barushijeho kujya bagendana n'Imana ni ko barushijeho guhamya urukundo rw'umucunguzi wabo n'ubuntu bwe bukiza beruye kandi bafite imbaraga. Abagabo n'abagore bashimishijwe no kubana na Mwuka Muziranenge mu mibereho yabo mu binyejana byinshi by'itotezwa n'igeragezwa, bahagaze nk'ibyitegererezo n'ibitangarirwa mu isi. Bagaragarije imbaraga ihindura y'urukundo rwaducunguye imbere y'abamarayika n'imbere y'abantu." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'intumwa, p.34*

**81.** "Muri abo bigishwa ba mbere hari harimo itandukaniro rigaragara. Bagombaga kwigisha isi, kandi bari

bafite imico itandukanye cyane. kugira ngo basohoze neza inshingano bahamagariwe; aba bagabo bari batandukanye mu mico n'ingeso, bari bakeneye guhuza intekerezo n'ibikorwa. Ubwo bumwe ni bwo Kristo yaharaniraga kubagezaho. Yashakaga ko baba umwe na we." *Ellen G. White, Ibyakozwe n'Intumwa, p.20*

**82.** "Mu bubyutse bwinshi bwagiye bubaho mu kinyejana gishize, imbaraga nk'izo [za Satani] zagiye zikora ku rwego runini cyangwa se ruto. Izo mbaraga kandi zizigaragariza mu bikomeye bizaho mu gihe kiri imbere. Hariho ugutwarwa gushingiye ku marangamutima, uruvange rw'ukuri n'ibinyoma rwateguriwe kuyobya abantu. Nyamara nta n'umwe ukwiriye gushukwa. Mu mucyo w'ijambo ry'Imana, biroroshye gusobanukirwa n'iyo mikorere ya Satani. Ahantu hose abantu bahinyura ubuhamya bw'Ibyanditswe Byera, bagatera umugongo uko kuri kumvikana, gukora ku mutima kandi gusaba abantu kwitanga no kwitandukanya n'iby'isi, tumenye neza ko bene aho hantu nta migisha y'Imana hahabwa." *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.333*

**83.** "Imana yabaye imbaraga z'Abayuda mu gihe cy'akaga, kandi ni imbaraga z'abantu bayo no muri iki gihe. Ntitugomba kwiringira abakomeye cyangwa ngo dushyire abantu mu mwanya w'Imana. Tugomba kwibuka ko abantu ari abanyantege nke kandi ko bashobora kwibeshya, kandi ko ufite ubushobozi bwose ari umunara twihishamo. Aho rukomeye hose tugomba kumenya ko urugamba ari We ururwana. Afite ubutunzi budashira kandi ibigaragara ko bidashoboka bizatuma habaho gutsinda gukomeye." *Ellen G. White, Conflict and Courage, p217 (Intambara n'Ubutwari)*

**84.** "Ububyutse n'ivugurura bigomba kubaho biyobowe na Mwuka Muziranenge. Ububyutse n'ivugurura ni ibintu bibiri bitandukanye. Ububyutse ni uguhinduka mu mibereho y'iby'Umwuka, ukwihuta mu mbaraga z'intekerezo

n'umutima, kuzuka k'uwapfuye mu by'Umwuka. Naho ivugurura ni ukwigarura muri gahunda, impinduka mu buryo bw'ibitekerezo no mu magambo, mu mico no mu bikorwa. Ivugurura ntirizigera ryera imbuto nziza yo gukiranuka ritomatanye n'ububyutse bwa Mwuka. Ububyutse n'ivugurura bigomba gukora umurimo wabyo, kandi mu kuwukora bigomba kwifatanya." *Ellen G. White, The Advent Review and Sabbath Herald, Feb. 25, 1902. (Urwibutso n'Integuza)*

**85.** "Abantu benshi bavuga ko bari mu ruhande rw'Umwami Imana, kandi ntarwo barimo. Ahubwo ugasanga uburemere bw'ibikorwa byabo byose biri ku ruhande rwa Satani. Ni mu buhe buryo dushobora kumenya uruhande turimo? Ni nde ufite umutima wacu? Intekerezo zacu ziri kumwe na nde? Dukunda kuganira kuri nde? Ni nde dukunda cyane kandi ni nde duha imbaraga nyinshi zacu? Niba turi mu ruhande rw'Umwami wacu, intekerezo zacu ziri kumwe na We, kandi intekerezo dufite nziza cyane ni We tuzikomoraho. Nta bucuti tugomba kugirana n'isi. Twamweguriye ibyo dutunze n'impagarike yacu. Dutegereje kwambara ishusho ye, tugahumeka Umwuka we, tugakora ibihwanye n'ubushake bwe, kandi tukamushimisha muri byose." *Ellen G. White, Testimonies for the Church, Vol. 2, p.262 [Ibihamya by'Itorero]*

**86.** "Ni amahirwe ya buri muntu kuba umuyoboro muzima Imana ishobora gucishamo ubutunzi bw'ubuntu, ubutunzi butagereranywa bwa Kristo. Nta kindi Kristo yifuza nk'abakozi bazagaragariza isi Umwuka we n'imico ye. Nta kindi isi ikeneye nko kugaragarizwa urukundo rw'Umukiza binyuze mu kiremwamuntu. Ijuru ryose ritegereje abantu bemera guhinduka imiyoboro ishobora gucuncumuririrwamo amavuta yera agahindukira ibyishimo n'umugisha imitima y'abantu." *Ellen G. White, Christ's Object Lessons, p.419 (Imigani ya Kristo)*

**87.** “Igihe abari mu murimo bazatuza Kristo mu mitima yabo, igihe inarijye yose izatsindwa, igihe hazaba hatakiri intonganya, nta kurwanira isumbwe, igihe ubumwe buzagerwaho, igihe bo ubwabo bazaba bejejwe, kugira ngo bakundane, biboneka kandi byumvikana, ni bwo imigisha y’ubuntu bwa Mwuka Muziranenge izabaho kuko isezerano ry’Imana ritazigera rihera na gato. Ariko igihe umurimo w’abandi udahawe agaciro, ku buryo abakozi bakwishakira isumbwe, bagaragaza ko badakora umurimo wabo bwite nk’uko bikwiriye, Imana ntishobora kubaha umugisha.” *Ellen G. White, Ubutumwa bwatoranijwe, igitabo cya 1, p.175*

**88.** “Niba dutegereje wa munsi ukomeye w’Umwami turi kumwe na Kristo nk’ubuhungiro bwacu, nk’umunara muremure wacu, tugomba kwiyambura ishyari, kurwanira isumbwe. Tugomba kurimbura imizi y’ibintu byose bidatunganye, bitazongera gushibuka bigakura. Tugomba guhagarara mu ruhande rw’Umwami.” *Ellen G. White, Last Days Events, p.190 (Ibyaduka byo mu Minsi y’Imperuka)*

**89.** “Bifashishije ikigereranyo cy’imvura y’umuhindo n’iy’itumba igwa mu burasirazuba mu gihe cy’ibiba n’icy’isarura, abahanuzi b’Abaheburayo bahanuye ko itorero ry’Imana rizasukirwa Mwuka ku rugero rudasanzwe. Isukwa rya Mwuka mu gihe cy’Intumwa ryari itangiriro ry’imvura y’umuhindo cyangwa imvura ya mbere, kandi ryatanze umusaruro unejeje. …

Ariko hafi y’iherezo ry’isarura ry’isi, isukwa ridasanzwe ry’ubuntu bwa Mwuka w’Imana ryasezeraniwe Itorero kugira ngo iritegurire kugaruka k’Umwan w’umuntu. Iri sukwa rya Mwuka rigereranywa no kugwa kw’imvura y’itumba, kandi iyi mbaraga ni yo Abakristo bakwiriye gusaba Nyiribisarurwa mu gihe cy’imvura y’itumba.” *Ellen G. White, Ibyakozwe n’Intumwa, p.38*

**90.** “Umurimo ukomeye wo kwamamaza ubutumwa bwiza uzarangizanywa imbaraga zikomeye nk’izawutangije.

Ubuhanuzi bwasohojwe mu isukwa ry'imvura y'umuhindo mu itangira ry'umurimo w'ubutumwa bwiza, buzongera gusohora ku iherezo ryabwo mu gihe cyo gusukwa kw'imvura y'itumba. Ibi ni byo bihe byo guhemburwa, intumwa Petero yerekezagaho ubwo yavugaga ati: 'Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibine uko iza ituruka ku Mwami Imana, itume Yesu ari we Kristo wabatoranirijwe kera.'

Abagaragu b'Imana bazaba bafite mu maso harabagirana kuko berejwe gukora umurimo muziranenge, bazaba banyuranamo hirya no hino bafite umwete mwinshi wo gutangariza abantu bose ubutumwa mvajuru. Amajwi y'abantu ibihumbi byinshi azaba arangirira ku isi atanga umuburo uheruka. Ibitangaza bizakorwa, abarwayi bakizwe kandi ibimenyetso n'ibitangaza bizagumana n'abizera. Icyo gihe Satani nawe ariko, azakora ibitangaza biyobya, ndetse azamanura umuriro mu ijuru imbere y'amaso y'abantu. Icyo gihe abatuye ku isi bose, bazaba bagomba kugira uruhande bahereramo.

Ubu butumwa ntibuzarangizwa n'amagambo menshi y'impaka ahubwo buzarangizwa no kunyurwa ku bwo kwemezwa na Mwuka w'Imana. Ibibazo bizaba byararangiye. Imbuto zizaba zarabibwe, ubwo zizaba zitzngiye gukura no kwera imbuto. Ibitabo byatanzwe n'ababwirizabutumwa b'abanyamwete bizaba byarigaruriye imitima myinshi, nyamara imitima myinshi yanyuzwe nabwo izaba yarabujijwe gusobanukirwa n'ukuri cyangwa kukugenderamo. Noneho imirasire y'umucyo w'ubutumwa bwiza izarasira ahantu hose, maze ukuri kose kumenyekane, abana b'Imana b'indahemuka bacagagure ingoyi zari zarababoshye. Amasano y'imiryango, n'amatorero yabo ntibizaba bigifite imbaraga zo kubaherana. Ukuri kurusha agaciro ibindi byose. Nubwo hazaba imbaraga zikomeye

zirwanya ukuri, umubare munini uzamasha gukorera Imana.” *Ellen G. White, Intambara Ikomeye, p.429*

Byashyizwe mu Kinyarwanda na:

- NIYONZIMA Paulin
  Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi rya Muhima
  Yunyoni y'u Rwanda
  E-mail: paulinniyonzima@gmail.com
  Tel: (+250)788798826/(+250)734255947/(+250728198808)

- MUCYO Alain
  Itorero ry'Abadivantiste b'Umunsi wa Karindwi rya Kanombe
  Yunyoni y'u Rwanda
  E-mail: al1mucyo@gmail.com
  Tel: (+250)788704516 / (+250)782016169